# RAPORO Y'URUGENDO RWAKOREWE MU GIHUGU CYA TANZANIYA N'INTUMWA Z'INAMA NKURU Y'URUBYIRUKO RW'U RWANDA

## 1 INTANGIRIRO

Mu rwego rwo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yafatiwe mu Nama Mpuzamahanga y'Urubyiruko yateraniye i Kigali kuva tariki ya 15 kugeza ku ya 20 Ugushyingo 1999, Inama Nkuru y'Urubyiruko rw'u Rwanda yohereje intumwa mu bihugu byose byari byitabiriye iyo nama.

Iyi raporo rero irasobanura mu magambo arambuye urugendo rwakorewe mu gihugu cya Tanzaniya rukaba rwaratangiye tariki ya 23 rugeza ku ya 31 Nyakanga 2000.

## II. ICYO URUGENDO RWARI RUGAMIJE

Urugendo rwari rugamije kurebera hamwe n'urubyiruko rwa Tanzaniya, ubuyobozi bwa Minisiteri cyangwa izindi nzego z'ubutegetsi zifite urubyiruko mu nshingano zazo, aho bageze bashyira mu bikorwa ibyari byemejwe mu nama ya Kigali. Muri ibyo hakaba harimo :

- Gushyiraho inzego z'urubyiruko ziva ku mirenge yose zikagera ku rwego rw'igihugu, nyuma yaho tukazarebera hamwe uko hababaho urwego ruhuza urubyiruko rw'ibihugu byose byari mu nama n'ibitarashoboye guhagararirwa kandi byari byatumiwe.

- Gushyiraho gahunda yo kurwanya SIDA mu rubyiruko rw'ibihugu byose.

- Gushyiraho ingamba zihamye zatuma amakimbirane akunze kuvuka mu karere dutuyemo by'umwihariko no mu bihugu by'Afurika muri rusange acika burundu bityo n'intambara z'urudaca zikavaho.

Usibye izo ngingo zivuzwe haruguru twagombaga no :

- Kuganira n'urubyiruko rwa Tanzaniya uburyo urubyiruko rw'u Rwanda rwakwinjira mu nzego ziteganyijwe z'urubyiruko rw'umuryango Est African Community, zikaba zizashyirwaho mu kwezi k'Ugushyingo 2000.
- Kuganira n'abanyarwanda baba aho muri Tanzaniya
- Gushaka umubano mu rubyiruko rwa Tanzaniyakuko ifuni ibagara ubucuti ari akarenge.

## II.1 INTUMWA ZOHEREJWE MURI TANZANIYA

- GATABAZI J.M.Vianney, Visi Perezida w'Inama Nkuru y'Urubyiruko (CNJR), Umuyobozi wa Délégation
- NYILIGIRA Déo Mutabaruka, Ushinzwe Itangazamakuru muri CNJR
- MUHIZI-SEKA-HEKA Léon, Ushinzwe Ubuzima muri CNJR
- RENZAHO Giovanni, Umwe mu bagenzuzi ba CNJR
- UVUZIMPUNDU Justine, Umuyobozi w'Ishyirahamwe ry'Abari n'Abategarugori muri Kaminuza y'u Rwanda i Butare.

## II 2 IBIGO N'IZINDI NZEGO ZASUWE MURI TANZANIYA

### II 2 1 *Minisiteri y'Umurimo n'Iterambere ry'Urubyiruko (Wizara ya Kazina Maendeleo ya Vijana):*

Mbere yo gusura no kubonana n'abo twifuzaga kubona byabaye ngombwa kwitabaza Ambasade y'u Rwanda iri i Dar-es-salaam, maze nayo itugeza ku buyobozi bwa Minisiteri y'Umurimo n'Iterambere ry'Urubyiruko (Waziri ya Kazi na Maendeleo ya Vijana).

Kubera ko twageze i Dar-es-Salaam bari mu cyumweru cy'amatora ntitwashoboye kubonana na Minisitiri w'Urubyiruko kuko icyo gihe aba Minisitiri, aba Depite n'abandi bose bashakaga gutorerwa iyo myanya bagombaga kubanza kujya gutorerwa ku mirenge yabo, bakazamuka kugeza ku rwego rw'igihugu. Byabaye ngombwa rero ko tubonana n'Umuyobozi w'Urubyiruko muri iyo Minisiteri n'abakuru b'amashami yose uko ari ane ndetse n'abakozi bakorera mu buyobozi bw'urubyiruko bose.

#### *II 2 1 1 IBIGANIRO N'UBUYOBOZI BWA MINISITERI IFITE URUBYIRUKO MU NSHINGANO ZAYO*

**II 2 1 1 a Ku birebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Mpuzamahanga ya Kigali.**

Umuyobozi w'Urubyiruko muri Minisiteri yadusobanuriye ko aribo bohereje uwitwa MWENDAPOLE wari waje ahagarariye urubyiruko rwa Tanzaniya, akaba kandi yarageneye Minisiteri raporo y'ibyemejwe muri iyo nama. Hakaba hari n'ibikorwa byatangiye gukorwa.

***II 2 1 1 b IBYAKOZWE*** :

Ubusanzwe urubyiruko rwa Tanzaniya ruhurira mu mashyaka, bityo buri shyaka rikaba rifite urubyiruko rwaryo. Nyuma yo kumva uburyo Inama Nkuru y'Urubyiruko y'u Rwanda n'izahandi nko muri uganda zagiye zijyaho, Minisiteri ya Tanzaniya ifite urubyiruko mu nshingano zayo yatangiye umushinga wo gushyiraho Inama Nkuru y'Urubyiruko ya Tanzaniya, izaba itabogamiye cyangwa ngo ishingire ku mashyaka, ku madini, ku turere, n'ikindi cyose cyabyara amacakubiri cyangwa amakimbirane ayo ari yo yose nyuma.

Kugira ngo ibyo byose bizashoboke bitagize icyo bibangamiye, yaba abanyagihugu cyangwa se amategeko igihugu kigenderaho, byabaye ngombwa ko habanza kwigwa itegeko rizagenga Inama Nkuru y'Urubyiruko (rishyiraho Inama nkuru y'Urubyiruko) rikazagaragaza uko inzego zizaba ziteye.
Ubu rero hashyizweho komite itegura iryo tegeko igizwe n'abantu 10 baturuka muri Minisiteri, Perezidansi, Inteko Ishinga Amategeko, mu miryango yemewe y'urubyiruko ikorera ku rwego rw'igihugu (Scout....), n'abo mu mashyaka nka CCM.

Minisiteri y'Akazi n'iterambere ry'urubyiruko rero ifite inshingano y'uko kugeza mu Ugushyingo haba hamaze kujyaho Inama Nkuru y'Urubyiruko, ibyo bikazemezwa nu cyumweru cyahariwe urubyiruko kizaba kuva tariki ya 9-15 Ukwakira uyu mwaka, bakaba barifuje ko Inama Nkuru y'Urubyiruko y'u Rwanda yazitabira icyo gikorwa ikabafasha kumvikanisha akamaro k'inzego z'urubyiruko mu bihugu byacu.

Icyo cyumweru kizarangwa n'ibikorwa byinshi, ndetse n'amahuriro menshi, azaba yahuruje urubyiruko rwo mu bihugu byo muri Afrika y'iburasirazuba. Muri ibyo bikorwa harimo no gusoza urugendo rwo gutembereza urumuri (mbio za mwenge) rugamije kumurikira abana bose ba Tanzaniya, bifuza ko Tanzaniya yatera imbere ikaba igihugu aho abanyatanzanya bishyira bakizana kandi bakagira ubuzima buzira umuze.
Mu byitaweho muri mbio za mwenge harimo kurwanya burundu icyorezo cya SIDA akaba ari ubutumwa basigiwe na Muzehe MWALIMU YULIUS NYERERE.

Urwo rugendo ruzasorezwa ARUSHA nyuma yo kurira umusozi wa KIRIMANJARO hagatangwa n'Imidali ku bantu bazaba bitabiriye icyo gikorwa.Hazakorwa inama aho ARUSHA nyine akaba ari muri iyo nama u RWANDA rugomba kugaragarizamo icyifuzo cyarwo cyo kwinjira mu nzego

z'urubyiruko rwa EST AFRICAN YOUTH .Aho niho urubyiruko rwa Tanzaniya rwatwemereye inkunga yo kuzumvisha abazaba bayirimo ko u RWANDA rugomba kwegerana n'ibihugu byabo muri gahunda zose zigamije guteza imbere akarere ibihugu byabo birimo.

Nyuma yo kudusobanurira ibimaze gukorwa kugira ngo hashyirweho inzego z'urubyiruko zidashingiye ku mashyaka gusa umuyobozi w'urubyiruko muri minisiteri yatubwiye ko hari NGOS zitera inkunga urubyiruko mu buryo butandukanye Minisiteri ikaba imaze gushyiraho ibigo by'urubyiruko muri za Wiraya .

Ibyo bigo byigisha :

-Imyuga iciriritse (ubukorikori,ubuhinzi,ubworozi,ububaji,ubwubatsi, ikoranabuhanga, kurengera ibidukikije, n'ibindi...)

-kwigisha ubuzima bw'imyororokere no kurwanya icyorezo cya SIDA

-Ubwirinzi

-N'imyitozo nkomezamitsi,ngororangingo

-Umuco n'ibindi...

Minisiteri ifite urubyiruko mu nshingano zayo yadufashije ku buryo bwose kubonana n'IMIRYANGO,AMASHIRAHAMWE,ndetse na bamwe mu batera nkunga bafasha urubyiruko muri Tanzaniya.

Twashoboye gusura :

UMATI, AMREF(UMOJA CLUB), EMAU, DON BOSCO, SCOUTS, UVIKIUTA, SHDEPHA +, WAMATA, DOGODOGO CENTER,

Univerisite Nkuru ya DAR ES SALAAM, Panafrican Youth Mouvement(komite ku rwego rw'igihugu). Badufashije no kugirana ibiganiro n'Abanyamakuru bandika mu binyamakuru bya Leta n'ibyigenga ndetse n'aba Televiziyo ya Leta n'izigenga zikorera mu mujyi wa Dar es Salaam.

Ambasade y'u Rwanda i Dar es Salaam yadufashije kubonana n'Umuryango w,Abanyarwanda baba mu mugi wa Dar es salaam no mu nkengero zawo, kandi n'ibigo twasuye byose byaba ibya Leta cyangwa ibyigenga twaherekezwaga n'Umunyamabanga wa Mbere w'Ambasade Bwana John KABERA.

Mu biganiro n'abanyamakuru, byafungurwaga ku mugaragaro na Ambasaderi Zephanie MUTANGUHA, bityo ibyo twemeranwagaho n'uruhande rwa Tanzaniya bikaba byarinjiraga mu bikorwa by'ubufatanye hagati y'ibihugu byombi ku buryo bwemewe n'amategeko, cyane ko aho hose twari twahawe Umukozi Mukuru wari watanzwe na Minisitiri w'Urubyiruko wa Tanzaniya.

## II 2 2IBIGO, AMASHYIRAHAMWE, N'IMIRYANGO Y'URUBYIRUKO TWASUYE MURI TANZANIYA.

### 1. Urugendo twakoreye muri UMATI

Ni Ikigo gishinzwe imibereho myiza y'abaturage, twakigeranya na ONAPO yo mu Rwanda .Usibye imirimo yo kwigisha abanya Tanzaniya uko bagomba kuringaniza imbyaro n'umusaruro, kurya neza no kurera neza abo babyaye icyo Kigo gikorera muri Minisiteri ya kazi na Maendeleo ya Vijana gifasha urubyiruko muri ibi bikurikira :
-Kubaka ibigo birera impfubyi
-Kubaka no gushyigikira ibigo byita ku bakobwa bahohotewe ndetse bakita no kubatwaye inda bakiri bato.
-gushyiraho no gutera inkunga Ibigo byigisha umuco, imikino y'ubwoko bwose imyidagaduro, n'ibindi...
-Bita ku bana b'inzererezi(mayibobo) akaba ari bo babasubiza mu buzima busanzwe.
Twasuye bimwe mu bigo byabo ,kimwe kikaba kirererwamo bamwe mu bakobwa bafashwe ku ngufu ,abatewe amada bakiri bato,baharerera abana bato biga mu kibura mwaka,bahugura urubyiruko mu myuga iciriritse,kandi abaharangije bakabatera inkunga ibafasha gukora imishinga ibyara inyungu.Banahigishiriza kandi uburyo bwo kwirinda icyorezo cya Sida(Ukimwi) n'ibindi byose birebana n'ubuzima bw'imyororokere.
Urubyiruko rukorera muri icyo Kigo ahanini rukora mu bwitange bahereye ku misanzu y'abanyamuryango, bagashaka inkunga babifashijwemo na **Umati.** Batangiye kuvura zimwe mu ndwara zoroheje ndetse bakanashishikariza bagenzi babo kwipimisha ku bushake kugira ngo bamenye aho bahagaze.

Nyuma yo gusura icyo kigo twasuye Dogodogo Center ikigo cyakirirwamo abana b'inzerezi dukunze kwita ba mayibobo .Umati rero ikaba yarashyizeho serivisi ishinzwe kubashaka aho bari hose ikabazana mu kigo aho babanza kubahugura muri ideologie, morale, bakabagaburira barara hamwe n'abo baba bahasanze. Nyuma y'igihe gito bamwe muri bo bumva ko bagomba gusubira mu ngo zabo kubafite ababyeyi, abadafite aho bajya Umati irabakomeza ikabahugura mu myuga icirirtse, abari mu kigero cyo kwiga bagashyirwa mu mashuri hakurikijwe imyaka bari bagezemo. Absigaye aho bose bakomeza guhugurwa mu bijyanye n'uburere mboneragihugu, kugeza igihe nabo ubwabo bagaragarije ko bifuza kuva mu Kigo bakajya mu buzima bagiramo ubwigenge busesuye.

## 2 Uruzinduko muri Univerisite Nkuru ya Dar es salaam

Muri Univerisite Nkuru ya Dar es Salaam twahasuye tugamije kubereka no kubasobanurira aho u Rwanda rugeze mu rugamba rwo kwisana, nyuma y'amarorerwa yarugwiriye, akozwe n'abanyarwanda ubwabo ( cyane cyane urubyiruko). Usibye ibyo kandi, twabasobanuriye ukuntu rumwe mu rubyiruko rw'u Rwanda rwagize uruhare mu guhagarika Itsembatsemba n'Itsembabwoko kandi rukaba rwariyemeje gukomeza kurengera ubusugire bw'igihugu no gutanga imbaraga zarwo mu kubaka igihugu.Twabasobanuriye uko Leta y'u Rwanda yitaye ku rubyiruko no ku bari n'abategarugori zo mbaraga z'igihugu, twanabasobanurira uko inzego zagiye zitorwa, uko urubyiruko ruri mu mashuri ndetse no mu buzima busanzwe ruhagaze, tunaboneraho kubasaba ko badufasha kwinjira mu nzego z'urubyiruko rw'Umuryango w'Ibihugu by'Afrika y'Iburasirazuba.

Muri Universite ya Dar es Salaam twaganiriye na komite ihagarariye urubyiruko rwa **Panafrican youth Movement**, tunaganira n'abayobora umuryango w'abanyeshuri, abarimu, ndetse tunabonana n'abashinzwe ibibazo by'impunzi z'abanyeshuri ziga aho i Dar es Salaam.

Twashoboye kugirana ikiganiro na Professor RUAITAMA wigisha aho i Dar es Salaam akaba n'umwe mu bakuriye Panafrican Movement muri Tanzaniya, ni nawe wafashije urubyiruko gushinga Panafrican Youth Movement. Izo komite zose zadusobanuriye ibikorwa zikora bigamije guhuriza urubyiruko rwa Tanzaniya mu bikorwa byarufasha gukomeza ubumwe basigiwe na Muzehe NYERERE, kandi bakaba bari muri komite itegura ishyirwaho ry'Inama Nkuru y'Urubyiruko rwa Tanzaniya.

Abo banyeshuri kandi nanone twafatanyije nabo ndetse n'abanyamakuru biga aho i Dar es Salaam, tugirana ikiganiro cyabereye muri Ambassade y'u Rwanda i Dar es Salaam, bashobora kuganira na Delegation y'u Rwanda, Ambassadeur w'u Rwanda ndetse n'abamwungirije. Ni muri icyo kiganiro rero bemeye ku mugaragaro kuzadutera inkunga bashyigikira icyifuzo cyacu cy'uko Inama Nkuru y'urubyiruko y'u Rwanda yakwinjizwa mu nzego z'urubyiruko rwa Est African Community,cyane ko bafitemo ijambo kandi n'iyo nama ikazabera Arusha muri Tanzaniya.
Kuri iyo ngingo rero hazabaho kugeza ku nzego zishinzwe gushyiraho ihuriro ry'urubyiruko rw'Africa y'Iburasirazuba hakiri kare icyifuzo cyacu kandi bigakorwa mbere y'ukwezi kwa 11 (Ugushyingo), ibyo byazakorwa binyujijwe mu cyumweru cyahariwe urubyiruko muri Tanzaniya (9-15/10/2000). Hagomba kwigwa ingamba zadufasha kubyumvisha Inama nkuru y'Urubyiruko ya Uganda

ndetse n'iya Kenya, aho muri Kenya tukazabinyuza ku buyobozi bwa Kenya Youth Fundation dufitanye umubano nyuma y'inama twahuriyemo mu Budage muri Nyakanga uyu mwaka.

**3 Uruzinduko muri AMREEF**

Ni ikigo kigamije kwigisha abanya Tanzaniya muri Rusange mu bijyanye n'ubuzima kikaba gifite ibigo bifasha urubyiruko rw'ingeri zose kandi mu turere twinshi twa Tanzaniya.

Twashoboye gusura icyitwa UMOJA-CLUB kiri ahitwa KINONDONI, kikaba cyigisha urubyiruko rwo muri ako karere imyuga iciriritse, ubuzima bw'imyororokere, kwirinda icyorezo cya SIDA, bashishikariza urubyiruko kwipimisha ku bushake kandi bakagira inama abanduye agakoko ka SIDA.

Muri icyo Kigo kandi bafite ubibuga by'imipira y'intoki ndetse n'inzu mbera byombi ; bikaba byarubatswe ku bufatanye bw'urubyiruko n'ababyeyi baturiye icyo kigo bakusanyije imisanzu hanyuma bitabaza AMREF. Iyo nzu mberabyombi n'ibyo bibuga bibafasha kwongera umutungo bakabona n'aho bakorera ibikorwa bigamije kurwanya SIDA (ibiganiro), hakaba hakoranira amakoraniro manini y'urubyiruko, hagakusanyirizwa imisanzu yo gutera inkunga ibikorwa by'urubyiruko. Habera n'amahugurwa agamije kwigisha urubyiruko imishinga ibyara inyungu. Ibikorwa byinshi bikorerwa aho, ahanini binyuzwa mu mikino, imyidagaduro, ubuhamya,ibiganiro mpaka n'ibiganiro mbwirwa ruhame.

**4 SHDEPHA (Service Health and Development for People Living with HIV/AIDS)**

Mu rwego rwo kurwanya icyorezo cya SIDA, hari uburyo bwinshi bukoreshwa, ariko ubwo twabonye Tanzaniya bwo ni bumwe mu bwo twafataho urugero.Twari tumenyereye ko abigisha uko SIDA yakwirindwa ari abagikeka ko ari bazima cyangwa abafite imyanya mu buyobozi runaka.
Naho ikigo Shepha kirimo urubyiruko ndetse n'abantu bakuze bipimishije bakaba baranduye SIDA noneho bagahitamo gufata iya mbere ngo bashishikarize abatari bandura kwirinda inzira zose bakwanduriramo.

Shdepha yatangiye taliki 6/9/93' ribona ubuzima gatozi kuwa 21/11/1994 n'itegeko nimero S08216 bafite abanyamuryango(members ship active)861 bakagiraamashami 13 mu gihugu hose n'icyicaro kiri i Dar es Salaam.gifite ibikoresho n'uburyo buhagije.

Bafite n'ibikorwa byinshi byo gutera inkunga no gufata mu mugongo abanduye agakoko ka SIDA nko kubaha akazi, kubaha imiti yorohereza abarwayi, kubashakira ibiryo byababafasha kubaho igihe cyigiye imbere.

Bakoresha ibiganiro mbwirwaruhame ku bibuga bagahuruza imbaga y'urubyiruko, bakababwira ibyo bagomba kwitwararika ho!.
Bakora ibitabo n'utundi dupapuro (Dépliants) byo gukwirakwiza mu bantu bakabyifashisha mu kwihugura no kumenya imyitwarire ikwiye kugira ngo birindeSIDA, ndetse bakanashyiramo uburyo n'imibereho bigomba kuranga uwanduye SIDA, indyo ,imiti n' ibindi bikenerwa n'umurwayi wa SIDA.
Uwo muryango Shdepha wo ugizwe n'abantu banduye SIDA bipimishije inshuro eshatu bakaba baragaragaje koko ko banduye SIDA.
Baterwa inkunga na ONUSIDA(UNIDS Technical working group), Leta ibinyujije kuri UMATI na Minisiteri y'Ubuzima,Natinal Advisor Board National AIDS Committee.....

Twasanze rero abantu nka bariya bafitiye runini igihugu kandi no mu Rwanda, tukaba twumva bigomba kubaho kuko difite abantu benshi banduye bashobora gushyirwa hamwe, bakaba batanga umuganda wabo batanga ubuhamya, bikanabafasha kubona akazi kababeshaho.

**5 UVI KIUTA :**

Ni ikigo cy'urubyiruko cy'intangarugero cyatangiye hashize imyaka 12 Abasore n'inkumi bagera kuri 12,bishyize hamwe maze biha gahunda yo guhugura abandi mu bijyanye n'urukundo, kwitabira umurimo, ubukorikori, ubuhinzi, ubworozi, guhugura abashaka kurushinga ndetse bagatanga n'imyitozo yindi ngororangingo, imyidagaduro n'ibindi.

Batangiye nta nkunga bafite,nyuma abayobozi babonaga ibyo bakora birabatangaza, nibwo baje gusurwa na Minisitiri wari ufite urubyiruko mu nshingano ze abemerera kububakira inzu yo gukoreramo yaguye kuko ako batangiriyemo kageraga aho kakababera gato bikaba ngombwa ko baca amahema iyo babaga bakiriye urubyiruko rwinshi.

Kuva icyo gihe rero batangije ibikorwa bibyara umusaruro :
*ubuhinzi bw'indabo n'ibindi by'umurimbo bahuguwemo na madamu HAJABAKIGA Patricia (babicuruza mu mugi)
*Ubworozi bw'amatungo maremare
*Guhugura abantu ku ikoreshwa rya bio-gaz akaba ari nayo bakoresha ku bintu byose bikenera ingufu z'umuriro mu kigo cyabo babyigishijwe na Dr Butera (KIST)
*Ubuhinzi bw'imbuto no kuzitunganya bakavanamo imitobe.
*Bapatana gutunganya ubusitani bw'amazu yaba aya Leta cg ayabikorera ku giti cyabo
*Itorero rikomeye ryakira abayobozi iyo hari ibirori.

Aho ibikorwa byabo bitangiriye kwamamara bakanabarwa muri imwe mu miryango y'urubyiruko yemewe muri Tanzaniya, Perezida NYERERE na MWINYI barabasuye umwe mu gihe cye babemerera kububakira ishuri ryo guhugura urubyiruko rifite n'ibikoresho by'ibanze byose ubu ryaruzuye, babemereye kandi n'isambu ya ha 100 yo gukoreramo imirimo yabo yose, bakaba bamaze gutegura igishushanyo mbonera cy'umudugudu wa kijyambere w'urubyiruko bateganya kubaka amazu y'abashaka ku rushinga bakajya bayabamo nyuma y'imyaka itanu bakorana nta mushahara nkuko abatangiye umuryango bagenda babigenza.

Abo basore n'inkumi baba muri UVIKIUTA bafite umwihariko wo gutera inkunga abashaka kurushinga, kuburyo umunyamuryango wabo ufite uwo mushinga bamwubakira kandi yamara kurongora cg kurongorwa bakamuha inka yo kumufasha mu buzima bushya aba yinjiye mo.

Muri icyo kigo bahakorera,ingando z'ubusabane ubufatanye ndetse n'izumusaruro ;habera amahuriro y'urubyiruko ruba rwaturutse mu mpande zose za Tanzaniya,bakaba bafite n 'itorero riri muyitabazwa iyo hari ibirori bikomeye mu gihugu.

## *6 URUZINDUKO MURI EMAU,WAMATA DON BOSCO N'ABASKUTI*

Nyuma yo gusura biriya bigo byamaze kuvugwa haruguru twasuye ku buryo burambuye Emau ikigo mu by'ukuri gifite amateka maremare gifasha urubyiruko ahanini mu bijyanye n'ubuzima bwa gikirisitu imibereho, ubuzima bw'imyororokere ,babatoza uko bazitwara bamaze gushinga ingon'ibindi.....

EMAU ifite ibigo by'amashuri abanza,n'ayisumbuye hirya no hino muri Tanzaniya ikagira ibigo byigisha urubyiruko imyuga iciriritse

WAMATA yo ni kimwe na SHDEPHA+,ni umuryango uhuriwemo n'abantu banduye agakoko ka SIDAndetse n'abandi biyemeje kubafasha mu rugamba rwo kurwanya SIDA hakoreshejwe ubuhamya bw'abanduye. Uwo muryango kandi wita no ku mpfubyi zasizwe n'abishwe n'ako gakoko. Bafite urubyiruko rwinshi bakorana narwo mu mashuri mu matoreron'ahandi.

DON BOSCO ni ikigo CY'ABAFURERE B'ABASARIZIYANI bafite gahunda ndende zo gufasha urubyiruko babahugura mu myuga iciriritse ,bafite amashuri abanza n'ayisumbuye hirya no hino muri Tanzaniya ,bafite gahunda zo gukora amakipe y'umupira y'ingeri zose kwigisha imikino ngorora ngingo ama ORCQUESTRES n'ibindi ubona bishimishije

**ABASKUTI .**Abaskuti ba Tanzaniya bafite gahunda nyinshi mu rubyiruko rwaho bafite ibigo bihugura mu myuga iciriritse,bigisha uburere mbonera gihugu ubwirinzi ,bagakora n'ibikorwa byinshi mu butabazi haba mu baturage ndetse no mu nkambi z'impunzi batanga ibiryo ,akaba aribo bashinzwe Centre de Transit mu nkambi z'impunzi z'Abanyarwanda ziri mu burasira zuba bwa Tanzaniya.

## II 3 1 IBIGANIRO TWAGIRANYE N'ABANYAMAKURU BA TANZANIYA

Mbere yo gusoza uruzinduko twagiriye mu gihugu cya Tanzaniya, byabaye ngombwa gukorwsha ikiganiro mbwirwaruhame kuri Ambasade y'u Rwanda i Dar-es-Salaam, kikaba cyaritabiriwe n'abanyamakuru bandika mu binyamakuru bya Leta n'ibyigenga ndetse n'abakora kuri Televiziyo ya Leta n'izigenga zikorera mu mugi wa Dar-es-Salaam na Zanzibar. Icyo kiganiro kikaba cyarafunguwe ku mugaragaro n'Ambasaderi w'u Rwanda Nyakubahwa MUTANGUHA Zefaniya, ari kumwe n'Umuyobozi Mukuru w'Urubyiruko muri Minisiteri y'Umurimo n'Iterambere ry'Urubyiruko muri Tanzaniya.

Ambasaderi MUTANGUHA atangiza ikiganiro yasobanuriye abanyamakuru ba Tanzaniya Politiki ya Leta ku rubyiruko rw'u Rwanda, anabamenyesha ko uruzinduko rw'abaje bahagarariye Inama Nkuru y'Urubyiruko rw'u Rwanda, ari kimwe mu bimenyetso bigaragaza ko Leta y'Ubumwe yahaye urubyiruko ijambo n'uburenganzira ku micungire y'igihugu ndetse rukaba rufite n'uburenganzira bwo gushaka inshuti haba imbere mu gihugu cyangwa no mu mahanga mu migambi yose igamije guteza imbere akarere dutuyemo muri rusange, n'u Rwanda ku bw'umwihariko.
Yakomeje ababwira ko imiryango y'Ambasade y'u Rwanda ifunguye, kandi ko uwakwifuza kugira icyo amenya ku gihugu cyacu yajya ayigana atishisha bikabafasha kujya bandika inkuru nyazo aho guhora bitiranya u Rwanda n'u Burundi.

Yarangije asaba uhagarariye intumwa z'Inama Nkuru y'Urubyiruko gusobanurira abanyamakuru ba Tanzaniya impamvu z'uruzinduko rwabo mu magambo arambuye, ndetse amuha n'uburenganzira bwo gutanga ibisobanuro ku bibazo by'abanyamakuru.

Uhagarariye intumwa z'u Rwanda, Bwana GATABAZI J.M.Vianney, yamenyesheje abanyamakuru bari aho impamvu nyamukuru zabahagurukije mu Rwanda, ahanini zijyanye no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Mpuzamahanga y'Urubyiruko yabereye i Kigali m'Ugushyingo 1999. Abasobanurira amavu n'amavuko y'ishyirwaho ry'inzego z'urubyiruko mu Rwanda, imibereho y'urubyiruko n'ibimaze gukorwa kuva Inama Nkuru y'Urubyiruko yajyaho.

Ibibazo byabajijwe n'abanyamakuru, ahanini byibanze kuri politiki ya Leta y'Ubumwe, ku mibereho y'abahungutse bava muri Tanzaniya n'ahandi baba aba 59 ndetse 94, ku bibazo by'ubutabera n'imfungwa, k'umubano w'u Rwanda na Uganda nyuma y'ibibazo ingabo z'ibihugu byombi zagiranye i

Kisangani muri Kongo, banifuje ibisobanuro bijyanye n'impamvu zagiye zituma bamwe mu bayobozi bakuru begura ndetse bamwe bagahitamo gufata iy'ubuhungiro.

Visi Perezida w'Inama Nkuru y'Urubyiruko yunganiwe na bagenzi be, basobanuye ikibazo ku kindi ku bibazo byari byabajijwe ku buryo abanyamakuru ba Tanzaniya banyuzwe, banashimishwa n'uko ibisubizo bahawe bisa n'ibyo bari baragiye bahabwa n'Ambasaderi w'u Rwanda igihe cyose habaga habaye impinduka muri politiki y'u Rwanda.

Ikindi cyarushijeho kubashimisha n'uko ibisubizo babihawe n'abantu batowe n'abanyarwanda ubwabo,bavuye mu Rwanda kandi bakaba bizera ko ubutumwa batanze nabwo buzagera ku banyarwanda benshi.

### *II 3 2BIMWE MU BYIFUZO BYAGARAGAJWE N'ABANYATANZANIYA*

Baba abayobozi ba Minisiteri y'Urubyiruko, baba Urubyiruko twasuye mu Bigo binyuranye, baba abanyeshuri n'abarimu ba Universite Nkuru ya Dar es Salaam, baba Abanyamakuru ndetse n'abandi twagiye tuganira nabo bashimye intambwe u Rwanda rugezeho nyuma y'amarorerwa yarugwiriye, banashima by'umwihariko ibimaze kugerwaho n'urubyiruko rw'u Rwanda. Abo bose bakaba barifuje ko urubyiruko rw'u Rwanda rwagirana umubano wihariye n'urwa Tanzaniya kandi rukazagira uruhare mu gufasha Tanzaniya gushyiraho inzego z'urubyiruko no kuzihugura.

Minisiteri y'Urubyiruko ya Tanzaniya yasabye ko Inama Nkuru y'Urubyiruko rw'u Rwanda yazitabira icyumweru cyahariwe urubyiruko muri Tanzaniya giteganyijwe kuva tariki ya 9-15 Ukwakira 2000, akaba ari mur'icyo cyumweru hazashyirwaho gahunda y'amatora y'inzego z'urubyiruko muri Tanzaniya ndetse n'ishyirwaho ry'ihuriro ry'urubyiruko rwa Est African Community.

### *II 3 3 IKIGANIRO N'UMURYANGO W'ABANYARWANDA BABA MU MUJYI WA DAR ES SALAAM NO MU NKENGERO ZAWO*

Ku munsi wa nyuma w'uruzinduko muri Tanzaniya, Intumwa z'inama Nkuru y'Urubyiruko zagiranye ikiganiro n'abahagarariye abanyarwanda baba mu mugi wa Dar es Salaam no mu nkengero zawo kikaba cyarafunguwe ku mugaragaro n'Ambasaderi.

Visi Perezida w'Inama Nkuru y'Urubyiruko wari uyoboye izo ntumwa, yasobanuriye abo banyarwanda ko igihe cyose bazaba biyumvamo ko ari

abanyarwanda bagomba guhora bashishikajwe n'icyateza imbere igihugu cyabo, bagahora bumva ko ibibazo u Rwanda rufite n'ibyo rwazahura nabyo mu bihe bizaza, bagomba kugaragaza uruhare rwabo mu kubikemura aho kwigira ba ntibindeba bakabiharira abari imbere mu gihugu gusa.

Yabasabye guhora bashishikajwe no gusobanura ku buryo nyabwo ibibazo u Rwanda rugenda ruhura nabyo, kandi bakarangwa no kugendera ku mahame remezo ya politiki ya Leta y'Ubumwe bakegera abanyarwanda bakomeje kunangirira muri Tanzaniya bakabahumuriza, bakanabafasha mu bishoboka byose byatuma bataha mu gihugu cyabo.

Abo banyarwanda bishimiye ibimaze kugerwaho n'urubyiruko rw'u Rwanda, bemera ko ibyo basabwe bazabishyira mu bikorwa, kandi ko bazakomeza gufatanya n'abanyatanzaniya muri gahunda yo kubaka inzego z'urubyiruko barushaho gushyigikira gahunda zose zatuma umubano w'ibihugu byacu ukomeza kuba mwiza.

Bashimye cyane uburyo amatora y'urubyiruko yagenze mu Rwanda, bigaragaza ko urubyiruko rwarenze amacakubiri, kuko basanze ayo matora atarabayemo uburiganya cyangwa ivangura iryo ariryo ryose.

## III UMWANZURO

Uruzinduko muri Tanzaniya rwagenze neza kuko twashoboye gusura ibigo n'imirynago itera inkunga urubyiruko, dushobora kwibonera uko urubyiruko rwa Tanzaniya rugerageza kwiyubaka, kandi dushobora kubona n'urubuga rwo kubagezaho uko urubyiruko rw'u Rwanda ruhagaze.

Mu guzosa iyi raporo, tukaba twifuza ko ibi bikurikira byazashyirwa mu bikorwa kugira ngo uruzinduko rutaba rwarapfuye ubusa :

- Mu rwego rwo gufasha urubyiruko rwa Tanzaniya kwiyubakira inzego, no kwiteganyiriza kugirana narwo umubano wihariye nk'igihugu u Rwanda runyuzamo byinshi mubyo ruhaha mu mahanga, byaba byiza ubutumire bwabo bwubahirijwe.

- Mu rwego rwo kumenyekanisha ibikorerwa mu Rwanda ku buryo bw'imvaho, abanyatanzaniya bifuje ko habaho ikinyamakuru cyanditse mu giswahili kikajya cyoherezwa muri Tanzaniya kinyujijwe muri Ambasade cyangwa ku bundi buryo bwose bwashoboka.

- Urubyiruko rwa Tanzaniya rwifuje ko mu ruzinduko rutaha rwazafatanya n'abazaba bahagarariye u Rwanda gusura impunzi z'abanyarwanda zanze

gutaha bakazisobanurira uko u Rwanda ruhagaze kuko byagaragaye ko zikigendera ku bihuha,zikabeshya ubutegetsi bwa Tanzaniya nazo zitiretse.

- Haramutse habonetse uburyo, Minisiteri y'Urubyiruko yasabwe kuzategura imikino inyuranye (umupira w'amaguru, uw'intoki, amatorero, ...) byakorerwa muri Tanzaniya mugihe nibura cy'icyumweru.
- Kubyerkeye icyorezo cya SIDA hakenewe ko amashyirahamwe y'abarwayi ba SIDA yaterwa inkunga na MIJESPOC ONUSIDA CNJR(PSJR) PNLS Minisante bakohereza Intumwa zigasura kuburyo bw'umwihariko Amashyirahamwe y'abarwayi ba Sida muri Tanzaniya bakareba niba uburyo bakoresheje bwahuzwa n'ubwo bakoresha bikabafasha kurangiza gahunda bafite bukanafasha Leta guhyiraho gahunda ihamye yo kwita ku barwayi ba SIDA.

# *IBIRIMO*

*I Intangiriro*

*II Icyo urugendo rwari rugamije*

*II 1 Intumwa zoherejwe muri Tanzaniya.*

*II 2 Ibigo n'izindi nzego zasuwe muri Tanzaniya*
*Minisiteri y'urubyiruko.*
*Ibigo n'amashyirahamwe y'urubyiruko*

*II 3 1 Ibiganiro twagiranye n'Abanyamakuru ba Leta ndetse n'Abigenga.*
*2 Ibyifuzo by'Abanyatanzaniya.*
*3 Ikiganiro n'Abanyarwanda baba i Dar es Salaam no mu nkengero zayo*

*III Umwanzuro*

30

A. 1 Secrétariat central

Icyakorwa kugirango abanyarwanda bongere babane neza

1997

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO, UMUCO,**
**SIPORO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P. 1044 KIGALI**
**Tél : 8 35 27**
**Fax : (250) 8 3518**

**UMUSHINGA** : « UBURERE MBONERAGIHUGU BUGAMIJE KUZAHURA UBWIZERANE N'UBWIYUNGE BW'ABANYARWANDA »

# INGENGABIHE Y'IRUSHANWA RYO KUVUGA NEZA MU MASURI YISUMBUYE

**INTERURO RUSANGE** : « ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA »

- Kuwa mbere, tariki ya 16 Kamena 1997 :

Kwamamaza irushanwa ku nsakazamajwi y'u Rwanda.

- Mu cyumweru kiri hagati y'uwa 23 n'uwa 29 Kamena 1997 :

Amashuri yose azaba yamenyeshejwe iby'iryo rushanwa. Muri icyo cyumweru, intumwa z'umushinga zizasobanurira abakuru b'ibigo by'amashuri yisumbuye bazaba bari kumwe n'umugenzuzi w'ifasi amabwiriza y'irushanwa ku biro by'ifasi.

- Ku cyumweru, tariki ya 27 Nyakanga 1997 :

Irushanwa mu rwego rwa mbere (ibigo by'amashuri yisumbuye). Icyo gihe hazafatwa babiri ba mbere muri buri kigo.

- <u>Ku cyumweru, tariki ya 3 Kanama 1997</u> :

Irushanwa mu rwego rw'ifasi. Icyo gihe hazafatwa babiri ba mbere muri buri fasi.

- <u>Ku wa gatandatu no ku cyumweru tariki ya 9 n'iya 10 Kanama 1997</u> :

Kuva saa tatu za mu gitondo, muri Lycée Notre-Dame de Cîteaux : irushanwa mu rwego rw'igihugu. Icyo gihe hazahembwa 12 ba mbere.

**<u>ICYITONDERWA</u>** :

1) Abagomba kuza mw'irushanwa mu rwego rw'igihugu basabwe kugera i Kigali kuwa 5, tariki ya 8 Kanama 1997, i saa kumi n'imwe za nimugoroba kuri. Ligue pour la lecture de la Bible aho bagomba kurara.

2) Amafaranga y'urugendo bazaba batanze bazayasubizwa. Abayobozi b'ibigo abarushanwa bazaba baturutsemo basabwe kubohereza kugera i Kigali.

3) Abazaherekeza abanyeshuri (abarimu babo cyangwa abayobozi b'ibigo byabo) ntibazishingirwa n'umushinga.

4) Mu nzego zose (kuva ku bigo by'amashuri yisumbuye kugeza ku rwego rw'igihugu) raporo z'irushanwa zigomba gutangwa hatarenze iminsi itatu. Ni ukuvuga ko :

- Ibigo by'amashuri yisumbuye bizohereza raporo z'irushanwa mu bugenzuzi bw'ifasi ku wa kabiri, tariki ya 29 Nyakanga 1997. Ubugenzuzi bw'ifasi na bwo buhite buzohereza mu mushinga, kuwa 4, tariki ya 31 Nyakanga 1997 (cyangwa mbere kuko nyuma ayo mafasi yaba atinze). Bashobora gukoresha Fax N° 8 3518 ya MIJECUSFOP kugira ngo byihute.
- Ubwo bugenzuzi nyine buzohereza raporo z'amarushanwa mu rwego rw'ifasi, ijora rirangiye. Uzaba yariyoboye (azaba yoherejwe n'umushinga) azagaruka i Kigali azanye raporo yasinyweho n'abakemurampaka bazaba bakoranye hariho kashe y'ubugenzuzi bw'ifasi.

N.B : 1) Andi mabwiriza akubiye mu nyibutsa yiswe « amabwiriza agenga irushanwa ryo kuvuga neza mu mashuri yisumbuye ».

2) Gutinda kohereza raporo bizajya bibuza abatsinze gukora irushanwa rikurikira.

Bikorewe i Kigali kuwa 10 Kamena 1997

Bernardin RUTAZIBWA

Coordinateur National du Projet.-

26

UBURERE MBONERAGIHUGU
BUGAMIJE KUZAHURA UBWIZERANE
N'UBWIYUNGE BW'ABANYARWANDA.

# ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA.


BIZIMANA Adéodatus
Urwunge rw'amashuli
Mutagatifu Yozefu rw'i Kabgayi
Umwaka wa 6 w'Indimi
B.P 37 GITARAMA
Tél. 62 122


GITARAMA ku wa o3 Kanama 1997

ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA.

Nk'uko byagiye bigaragara kandi bikamenyekana hirya no hino ku isi, igihugu cyacu cy'u Rwanda cyagiye kigira amateka adahwitse, ndetse kiza kugwirwa n'ingorane zikomeye umuntu atatinya kwita ko ari amahano yabaye muri Mata 1994(igihumbi magana acyenda mirongo icyenda na kane)ubwo habaga itsembabwoko n'itsembatsemba ryaje guhagarikwa muri Nyakanga 1994.Nk'uko byumvikana rero,igihugu kivuye mu ingorane nk'izo kiba gifite ibibazo byinshi ariko cyane cyane mu rwego rw'imibanire hagati y'abagituye .(Ni ukuvuga ubwiyunge)ku bw'ibyo rero,nagirango mu mu inyandiko ikurikira tureba hamwe muri make icyakorwa mu gushyigikira iyo mibanire twibanze k'ubutegetsi icyo bwakora kugirango tubane kubana neza n'uruhare rw'ubucamanza kugirango iyo mibanire igaruke,ndetse n'inkunga y'umutungo kugirango amahoro n'ubusabane biganze mu abanyarwanda.

Uhereye kera, habayeho impamvu nyinshi zitandukanye zakuruye akaduruvayo mu mateka y'u Rwanda.Twaherera nko k'umwaduko w'abazungu baje bagasamo ibice abana b'u Rwanda,bitewe n'inyungu bari babifitemo, nyamara bari bibaniye neza.Nyuma yo kubakatamo amoko babasubiranishijemo maze akarere kamwe kaba ak'abahutu akandi ak'abatutsi,abatwa nabo bagira akabo. Uko igihe cyicumaga niko abanyarwanda barushagaho kwangana,ndetse havuka n'intambara zikaze hagati yabo,zaje gutuma bamwe baruta barahunga uhereye mu w'1959.

Ubutegetsi bwa nyuma y'ubwigenge rero nabwo,aho kurwanya ibyo bitekerezo bibi by'abazungu ahubwo bwakomerejeho,bukaza umurego mu gutanga imyanya y'ingeri zose bwibanze ku moko n'uturere,ndetse butibagiwe no kugenda bunyereza bamwe mu bo badahuje ibitekerezo,...Ingaruka y'ibyo byose rero,yabaye amahano y'itsembabwoko n'itsembatsemba ryabaye kuva muri Mata 1994,ubwo abiswe abahutu bashyigikiwe n'ubwo butegetsi biraye mu biswe abatutsi bakabica urw'agashinyaguro,ndetse bica n'abandi bari bafite ibitekerezo byo kurwanya ubutegetsi bw'igitugu,maze ubwo bwicanyi bukaza guhagarikwa n'ingabo zari zahagurukiye kubuhashya ndetse zikanabigeraho muri Nyakanga 1994.

Nyuma y'ubwicanyi rero ibibazo ni byinshi.Twavuga nk'ubukene,ariko cyane cyane igikomeye kuruta ibindi ni icyakorwa kugirango abanyarwanda bongere babe umwe, biyunge,maze hazireho kubana neza.Inzego za Leta rero ntako zitagize ngo ibyo bigerweho,ariko haracyari ibindi byo gukorwa kugirango ubwo bwiyunge bugerweho ndetse bushinge imizi. Reka tubirebe duhereye:

MU URWEGO RW'UBUTEGETSI

Nyuma y'amarorerwa yoretse igihugu cyacu mu ngorane kandi biturutse mu butegetsi,ni ngombwa ko ubutegetsi bw'iki gihe bugira icyo butandukaniyeho n'ubwa kera.Ndetse ibyo bikaba ku buryo bugaragara).Ibyo bizagerwaho hateranywa abayobozi b'inyangamugayo ni ukuvuga bazwi neza ko ari indakemwa mu mico no mumyifatire kandi buri wese agakora akazi ashinzwe nta gutandukira ngo akurikirane inyungu ze aho gukurikirana iz'igihugu cyose. Aha ikintu cya mbere abategetsi basabwa ni ukwirinda kuvugirwamo.Bagafata ibyemezo babifatiye abanyarwanda maze ibitekerezo by'amahanga bikaza ari nko kutwunganira ariko atari ukudutegeka.Ikindi ubutegetsi bwagombye gukora mu urwego rwo gushimangira imibanire myiza n'ubwiyunge,ni ugufata ingamba z'ukuntu hatangizwa nk'amahugurwa mu gihugu cyose,ayo mahugurwa akaba atagamije kwibanda gusa ku bantu bize,ahubwo akanatangizwa mu urwego rwo hasi (aho ndavuga mu abaturage bibera mungo zabo muri komini) kuko burya iyo ibintu bijya kudogera aribo babyitabira bitewe n'inyigisho bahawe.Uretse no mu bakuze uhera ku bana bo mu mashuri abanza maze nabo bagakura bigishwa kubana neza ku ibigo byabo.Aha twatanga urugero rw'ukuntu abaturage bigishijwe ko abahutu n'abatutsi ntacyo bahuriyeho,ko bamwe bagamije gukandamiza abandi maze bikaza kuvamo ubwicanyi bukomeye.

......./.....

Nyamara iyo bigishwa ko umunyarwanda ari umuvandimwe w'undi kandi ko bose bava amaraso amwe ibyabaye ntibyari kubaho.Reka noneho turebe bimwe mu bindi ubutegetsi bwakora mu ntego yo gushyigikira ubwiyunge.

KWITA CYANE KU ABATEGETSI BO MU NZEGO ZO HASI

Ni ngombwa ko abategetsi bo mu nzego zo hasi bitabwaho cyane bahabwa bihagije inyigisho zigamije gusobanura ubwiyunge n'imibanire myiza y'abanyarwanda, kugirango babashe gucengeza ubwo buryo bwiza mu bo bayobora,n'ukuntu bagomba kubana,kuko abo baramutse babaye ari bo babiba imbuto mbi mu abaturage,wasanga umwiryane uvutse maze ibintu bikabura gica kandi burya igiti cyumye iyo gihereye mu mizi kaba kabaye M'uburyo bwo kubitaho rero, bagenerwa amahugurwa abateganirijwe (dore ko adakunze no kubaho) bagasobanurirwa neza uburyo bw'imiyoborere (aho ndavuga ba konseye,ba resiponsabure na ba nyumbakumi)kuko baramutse bitwa ngo ni abayobozi gusa nyamara ntacyo bamariye abaturage,wasanga ari nka ya mpumyi irondata indi maze ibi bikaba imbogamizi y'ubwiyunge n'amajyambere duharanira.Abo nabo rero mu kazi kabo, ni ngombwa ko baba abantu bavugisha ukuri ntibabe babandi bitwaza ngo kanaka turazi-ranye cyangwa se ngo turasangira maze ngo buhirire kuri ibyo babeshye, bavuge ibitarabayeho kandi bagomba kuba ishingiro cyangwa se abagabo bo guhamya ibyabaye kuko biba byabereye ku mirenge yabo.Ni ku bw'uko kwitabwaho rero abo bayobozi bo hasi bazasobanurirwa uko bagombye kwitwara.Yego ntibazakora ikosa ngo bitwaze ngo ntibahuguwe,ariko rimwe na rimwe usanga hari ibyo bari bakeneye ntibababibone. Abo bategetsi kandi kimwe nabo mu nzego zo hejuru barasabwa kujya bahura kenshi kugirango bungurane ibitekerezo maze kubona neza tukugereho mu amahoro no mu ituze.

KUMVIKANA HAGATI Y'UBUTEGETSI N'ABASHINZWE GUTANGAZA AMAKURU.

Ubutegetsi bugomba cyane kujya bugenzura uburyo Radiyo n'ibanyamakuru bikora,kuko usanga biri mu biza ku isonga mu gukwirakwiza umwuka waba mwiza cyangwa mubi mu abaturage.Tukiri kuri iyi ngingo twavuga uburyo Radiyo R.T.L.M n'ibinyamakuru nka KANGURA byabibye imbuto mbi mu baturage maze bigatuma abanyarwanda bacengerwamo n'iby'amoko ndetse hakaza n'ingaruka zizwi n'umunyarwnda wese,atari ngombwa kwiririrwa nsubiramo.

Itangazamakuru rero ryumvikanye na Leta rikamamaza imibanire myiza mu banyarwanda,Radiyo nkuko yabitangiye igakomeza guhabwa amakuru meza na Leta,buri muturage wese yaba uwari uri hanze cyangwa se uwari mu gihugu akumva ko ubu mu gihe tugezemo nta moko mu banyarwanda, ushoboye gusoma akibonera neza uburyo abanyarwanda nta bice baciyemo twabana neza maze ugasanga igihugu cyose kibaye umwe ndetse n'ubukungu bukaza .Mu kugirango ibyo bigerweho ,ba Minisitiri bakamamaza ubwiyunge mu rwego rw'imirimo bashinzwe,ntihaboneke kwikubira kw'imyanya nk'uko twari tubimenyereye mu gihe cyashize,aho wasangaga umushinga uyu n'uyu ukorerwamo n'abantu b'ubwoko ubu n'ubu, bo mu karere aka n'aka ahubwo hakaboneka koko ubwisanzure mu gihugu no kuringanira mu nzego z'imirimo. umunyagitarama akajya mu Ruhengeli nta kibazo afite, n'umunyaruhengeli bikaba uko,ndetse byaba na ngombwa amakomini yo hagati mu gihugu akagi-rana umubano,maze komini yo muri Perefegitura iyi n'iyi,ikohereza nk'intumwa mu yindi komini,ndetse bakanagira icyo babashyira nk'ibyo kurya,kandi ibyo bigatangazwa kugirango abanyarwanda bose bumve ubusaba hagati yabo,ibi njyewe mbona yaba ari intambwe ishimishije yo kubana neza no kwiyunga .Koko rero burya nta byera ngo de kuko hari bamwe usanga batubahiriza akazi bashinzwe ndetse bagatangaza n'ibitagamije kubaka igihugu ni ngombwa ko ubutegetsi bugenzura itangazamakuru neza, ,ndetse hakaba hanajyaho itsinda ry'abantu b'inyangamugayo bashinzwe kugenzura amakuru mbere y'uko atangazwa kuko burya iyo yamaze gukwira-kwizwa cyangwa se yamaze kwandikwa,biba byarangiye kuko "Akarenze umunwa karushya ihamagara!"

..../.....

GUSHIMANGIRA URWEGO RW'UBUREZI NO KWITA KU MIZAMUKIRE Y'ABANYARWAND

MU ubutegetsi buri mu Rwanda (ubutegetsi Nshinga-tegeko,Ubutegetsi Nyubahiriza-tegeko n'ubucamanza),hakwiye ubwisanzure bwuzuye ntihabe kuhgana kwa bamwe n'abandi,kuko ibyo bidindiza byinshi mu nzira y'abanyarwanda bafite bagana ubwiyunge.

Na none,abayobozi barora kure bazabona ko ubwiyunge ari uburere nk' ubundi:mu burezi bwacu bwo mu mashuri,nihaboneka uburyo buhamye bwo kwereka urubyiruko uko rukwiye ..ana,u Rwanda rw'ejo ru..ba ..vugutiwe umuti wo kuruvura amavunane rwanoranaga.Aha,urugero twarufatira ... ku gihe cy'intambara ya kabiri(II) y'isi yose irangiye,abaturage b' bafaransa n'Abadage banganaga urunuka: abana bakabwirwa ko bamwe ari ibikoko bifite imirizo n'amat..i.Kugirango icyo kibazo gikemuke,habayeho Politiki yo guhuza abana b.. ibihugu byombi bagasurana mu miryango bakibonera ukuri ntibabone imirizo n'amatwi atendera,ibyo babeshywe bikaba bibeshyujwe.

Abategetsi bagomba kumenya ko umuntu aho ava akagera agira kwifuza; aba atunze ijana rimwe akifuza abiri.Ku Banyarwanda ho biri n'ukundi.

..u bibatanya,no kutagira icyo bagira byaba impamvu:Guha urwaho utagira mu nsi y'urugo ngo arimbure amatere ya runaka amaze kumutema ijos..; umutungo nk'uwo ntawurenga;bityo muri gahunda zitegurwa zo gutsura amajyambere bakibanda ku byateza imbere ubukungu bw'umuturage wese.Aha nshima ibimaze gukorwa mu gushishikariza Abanyarwanda gukusanya ingufu zabo bakorera hamwe ngo babashe kwiteza imbere.

Kugirango abanyarwanda bagire ubwiyunge burambye,Leta yacu niyite by'umwihariko kandi k'uburyo bugaragara ku mfubyi n'abapfakazi.Izo pfubyi zishakirw imibereho yazo y'ejo mu mashuri no mu bukorikori,abapfakazi bitabweho kandi barengerwe mu bibazo bibahutaza.

Hari n'inzererezi, zititaweho kera byazabyara amahano.Leta nikaze umurego mu guha umurongo nyawo wo kubaho bo bariho mu bizererezi.

Igihe kandi buri Munyarwanda azaba yabonye aho yikinga hitwa iwe burundu,bizatuma abona umwanya wo gutekereza k'ubumwe n'ubwiyunge n'abandi ;ibyo bizashoboka Leta nirushaho kumworohereza mu kubigeraho.Aha sinahava ntashimye byimazeyo iyi Politiki yo gutura mu midugudu kuko ari igitekerezo cyiza.

Ibyavuzwe hejuru byose nibyo kandi ni ngombwa ngo habeho ubwiyunge. Aliko kugirango bifate bigire n'umusaruro urambye,uruhare runini ruzaba urw'abaturage bo mu nzego zose,bo mizi ihamye y'igihugu;Nabo ibikorwa byose bikorerwa mu gushakisha icyatuma batera imbere.

Ni muri urwo rwego Politiki y'ubwiyunge ibareba cyane by'umwihariko kurusha abandi.Igihe imitekerereze yabo,imikorere n'ubushobozi bwabo mu byo kwitunga bizaba bijyanye n'umurongo w'ubuyobozi bw'igihugu intego izaba yagezweho.

Abaturage bakeneye kubana bumvikanye,imyiryane ikavaho urwikekwe rugasezererwa.Inzangano n'amashyari bahoramo bigasimburwa n'amahoro n'ubusabane.

Ababyeyi bakwiye gutoza abana bakiri bato kubaha umuntu,gukunda buri wese no gukunda igihugu cyabo,babinyujije mu biganiro byinshi birambuye bagirana.Ibyo kandi si ibya none kuko no mu muco wacu wa gihanga byarahoze

Ubwubahane bw'ababyeyi ubwabo,buzaba inkingi y'ubwubahane bw'abanyarwanda.Umubyeyi kandi ntakwiye kwiyimira ubura bwe icyo bushaka;kuko bibukururira irari rishobora kudindiza uburere ahabwa.

## UBUTEGETSI N'INZEGO Z'UMUTEKANO

Ubutegetsi bwifashishije urwego rwa gisilikari bugomba gushimang-
ira ubwiyunge cyane cyane bwerekana ko nta munyarwanda ukwiye
gutinya undi bitewe n'uko ari mu rwego uru n'uru. Aha twavuga
nk'ukuntu mu gihe cyahise umuturage yabonaga imodoka ya gisirikari
akiruka intoki akazimara boshye hari ikosa yakoze. Aho rero nagi-
rango nsabe ubutegetsi bufatanije n'abasirikari bajye bagira
imyitwarire ijyanye n'aho bari.Niba umusirikari ari kumwe n'umu-
turage ye kumwereka ko atari umuntu utajya aseka (wakamiritse)
kuko aho ntakuntu umuturage azabona umuntu atamusekera ngo yumve
ko hari ubwiyunge hagati yabo.Aho ndavuga nsabe abasirikari
kutibagirwa inshingano zabo zo kurinda umutekano mu batuye igihu-
gu bityo bizaba ari uburyo bwo gushimangira imibanire myiza
duharanira.

## URUHARE RW'UBUCAMANZA

Ubucamanza m'urwego rwo kwiyunga rwagira uruhare m'uburyo buku-
rikira:

### GUFATA NO GUSHYIGIKIRA INKIKO ABAZWI CYANGWA ABAKEKWAHO KUBA BARAGIZE URUHARE M'UBWICANYI.

Nk'uko guverinoma y'ubumwe bw'igihugu ifatanije n'urukiko mpuzamahanga
rugamije gucira imanza abagize uruhare mu gutsemba abanyarwanda babitang-
iye,ni ngombwa ko abakoze ayo mahano bafatwa aho bari hose ku isi,
bakagezwa mu nkiko,bagacirwa imanza kandi bagahanwa by'intangarugero
kugirango bitere akabarore undi muntu wese washaka kugira ibitekerezo
nk'iby'abo bagizi ba nabi.Nkuko rero hahanwa umuntu ufite ikosa,ntabwo
utarifite ariko akaba arikekwaho bibujijwe kuba yafatwa ndetse akaba
afunzwe ..iby'agateganyo igihe cyose amategeko atari yerekana ko ari umwe-
re .Ibi ni ngombwa kuko igihe umuntu wiciwe azaba abona umuntu amukekaho
kuba umwicanyi atazabona neza nawe igihe ubucamanza butaramurenganura.

## GUSHAKA ABACAMANZA BABIJIJUKIWE

M'urwego rwo gushyigikira imibanire myiza, ni ngombwa ko haboneka abaca-
manza babifitiye ubushobozi kandi basobanukiwe neza umurimo wabo.Urugero
hano natanga ni nk'ukuntu umunyeshuri urangije amashuri yisumbuye ahabwa
amahugurwa y'amezi atatu cg munsi yayo mu birebana n'ubucamanza nyamara
uyu yariyigiye nk'iby'imibare cyangwa indimi,maze ukumva ngo yahise aba
umucamanza.Ese mu by'ukuri uyu azabasha gucira urubanza ruharwa wakoze
ibara nyamara yari porokireri muri pariki iyi n'iyi?Ndasanga uyu ruharwa
ashobora kuburana agatsinda nyamara ibyaha yarabikoreye k'umugaragaro
maze ibi baikaba igitotsi mu mibanire myiza duharanira kandi biturutse
k'ubucamanza.Hamwe n'ibyo rero,ni ngombwa ko amashuri y'ubucamanza yako-
ngerwa,kugirango hato ejo utazasanga ba bazungu badufatirana ngo baje
kuducira imanza nyamara aritwe twirangayeho.

N-ubwo ari ikibazo gikomeye,ubucamanza burasabwa kubanza gutanga
amahugurwa ahagije kugirango umuntu wuzuye amategeko kandi urangwa n'ukuri
mu kazi ke, maze abakoze ibyaha bahanwe,kwiyunga no kubana neza bigire
intebe mu banyarwanda. Kandi koko imanza ziciwe neza ku buryo nta wasigara.
na ingingimira ngo byagombye kuba byaragenze gutya, yaba ari intambwe
ishimishije.

## URUHARE RW'UMUNYARWANDA

Umunyarwanda uwo ariwe wese,asabwa kubana neza na mugenzi we,nta kuroba-
nura ubwoko, akarere cg se idini.Aha ndashaka kuvuga ko umunyarwanda wese
yaba uwari ururimo mbere y'amarorerwa,yaba se uwarujemo nyuma,bose
bagomba kumva ko ntawe ubwiyunge butareba.Ibyo bazabigeraho mu buryo
bukurikira.

...../.....

## GUSABANA IMBABAZI

Umunyarwanda wese uziko yakoreye mugenzi we ikosa,cyane cyane mu gihe
tuvuyemo cyaranzwe n'ubwicanyi, aha navuga nka bariya inkiko zidateganyiri-
za ibihano nyamara hari akantu bakoze katuma batarebana neza na mugenzi
wabo,ni ngombwa ko abo bakwihatira kwiyunga hakoreshejwe uburyo dusanzwe
tuzi mu kinyarwanda nko kwenga inzoga mugahura muri imiryango mukiyuzuza
,. Ikindi umunyarwanda cyane cyane wakorewe ikosa agomba kugira ni ukumva
ko usabye imbabazi azihabwa cyane cyane ko umuntu uzisabye aba atagamije
kongera kugira nabi.Ikindi gikwiye kuranga abanyarwanda ni ukuvugisha
ukuri kugirango imitima yabo ibohoke.Aha rero ndabona buri wese agize
uwo mutima kubana neza twaba twabigezeho.

## GUFASHANYA HAGATI Y'ABANYARWANDA.

Nk'uko bigaragara hafi muri buri turere twose tw'u Rwanda abakeneye
gufashwa ni bensi.N'ubwo rero dukenera imfashanyo z'amahanga mu gutunga imi
imibiri yacu nyamara ntacyo zitumariye mu bwiyunge,hari imfashanyo twebwe
ubwacu tugomba guhana hagati yacu.Iyo mfashanyo yaba nko guhugurana,
umunyarwanda ujijukiwe agasobanurira undi uburyo amateka yagiye agenda
,n'uko igihe tugezemo kitari icyo kwisenyera igihugu .Imfashanyo ntiyaba
iyo mu bitekerezo gusa,ahubwo yagaragarira no mu bikorwa.Igihe umuturanyi
mugenzi wawe azaba aje kugufasha kuzamura inzu yawe yasenywe,ndumva
utazabura kumwishimira no kubona icyizere agufitiye kuruta uko inzu izaba
yubatswe n'umuryango uyu n'uyu w'abazungu utazi n'iwabo.Ibi bikozwe rero,
byaba ari urugero rwiza mu banyarwanda rwo gushyigikira imibanire yabo.
Kandi bakajya baniyibutsa ibyabaye igihe bahuye kugirango bafatanye kurwa-
nya aho byamenera bigaruka.
Umunyarwanda uwo ari we wese kandi,agomba kumva ko adahejwe mu mizamukire
y'igihugu,ntiyiyumvemo ko yisuzuguye,ko hari aho atabasha kugera,akikuramo
gutinya abategetsi,icyo atumva akabaza,kandi akitabira kubana n'abandi
nko mu rwego rw'amashyirahamwe adashingiye ku moko, mbese abagerageza
kwishyiramo ko nta bwoko mu gihugu,ahubwo ko twese turi abanyarwanda.

Muri make rero,ubwiyunge cyangwa imibanire myiza mu banyarwanda
irakenewe.Ku bw'ibyo rero,ni ngombwa ko ubucamanza,ubutegetsi,bifatanije
n'abanyarwanda bose bakaza umurego mu gutunganya igihugu cyacu nticyongere
kurangwa n'amateka mabi nk'ayo cyahoranye kandi buri wese agaharanira
icyatumà we ubwe atera imbere bityo n'igihugu kikaba kihazamukiye, ariko
ibyo akabikora adakandamiza abandi kugirango kubana neza duharanira
kutaduca mu myanya y'intoki.Ni aha buri wese rero gukora iyo bwababaga,
umucamanza agaca urutari urwa kibera,umutegetsi akayobora neza abo
ashinzwe,umuturage nawe akagerageza guharanira kubana na bagenzi be bose
amahoro kandi akurikiza amategeko.Kuko gushaka ariko gushobora,ndasanga
ibi tubyubahirije igihugu cyacu cyahinduka paradizo.
Ndangije mbifuriza kubana neza mu Rwanda ruzira intambara n'amacakubiri
ahubwo rwuzuye ubwiyunge n'imibanire myiza.

§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§§

REBUBURIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUREZI
URWUNGE RW'AMASHURI
RWA SHYIRA
B.P. 42 RUHENGERI.

INTERURO RUSANGE : "Icyakorwa kugira ngo Abanyarwanda bongere babane neza".

Byanditswe na MUKAKARANGWA Assumpta wiga mu mwaka wa gatanu Ishami ry'Ibinyabuzima n'Ubutabire.

Tariki ya 26 Nyakanga 1997.

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINEPRISEC
GROUPE SCOLAIRE DE SHYIRA

Hashize imyaka igera kuri itatu mu Rwanda habayemo amarorerwa y'itsembatsemba n'itsembabwoko, ariko ngo "Nta haboneka umwotsi nta muriro uhari" ubwo bwicanyi bwahozeho mbere y'uko bufata iherezo. Ubwikanyize n'ivangura ni bimwe mu bintu byamunze iki gihugu, ariko buri munyarwanda yagombye guhagurukira kubirwanya. Birazwi ko mu bihugu byinshi cyane cyane muri Afurika ivangura ryabaye akarande.

Mu kubisobanura neza ntanga n'inyigisho ingingo turi bwibandeho zimwe n'izo kunengwa izindi ni izo gukurikizwa, ariko ibyinshi bizatera ingabo mu bitugu abanyarwanda b'inyangamugayo izindi zizahindura benshi bagitsimbaraye ku ivangura ry'amoko. Abandi nabo bazashobora kubona ibisubizo by'ibibazo byabo ndetse n'ibisobanuro bihagije mu mibanire y'abo n'abandi banyarwanda.

Turasobanukirwa ku mvano y'ivangura ry'amoko mu Rwanda, intandaro z'amakimbirane : ishyari ry'ubutunzi n'ubutegetsi, guhorana agahinda ndetse n'ubumuga abiyitirira ubwoko batera abandi.
Uruhare rw'ubutegetsi mu bwiyunge bw'abanyarwanda : kudahana bicike, intumwa za rubanda zegere abaturage, itangazamakuru riharanire ubwiyunge.
Icyakorwa kugira ngo abanyarwanda babane neza : kwita ku ngabire umuntu ahabwa kuva avutse kugeza apfuye, kwirinda kugirira abandi nabi, kugarura umubano mwiza mu bantu, abategetsi basobanurire banumva ibyifuzo by'abaturage ku bwiyunge.

Nyuma yo kumva izi nama, ndizera ko uwumva akanakurikiza ibyo abwiwe azabasha gukunda no gukundisha abandi ikiremwa-muntu. Bizatuma kandi abategetsi bakorana ishyaka mu gushaka icyagarura ituze mu banyarwanda. Ubwo n'abayoborwa bazarushaho kumvira no gukurikiza amategeko. Bityo izi nama nizimara gukurikizwa abanyarwanda bazabana neza, babonereho gushakira ubwugamo bwabo (igihugu cyabo) isakaro, kuko ryari ryarasambutse.

Mpereye ku mvano y'ivangura ry'amoko mu Rwanda, u Rwanda kera rwari igihugu kirangwa n'amata n'ubuki ndetse n'amahoro, abanyarwanda bose mu gihugu basabana ndetse bakanashyingirana. Ariko "Nta byera ngo de" kandi ngo "Akamasa kazaca inka kazivukamo", Umuzungu yaraje ageze mu Rwanda arumirwa, biramutangaza kubona abanyarwanda babanye neza kandi yari amenyereye ko iwabo hari umwiryane w'ivangura ry'amoko, nibwo ashakishije ibisobanuro bidafashije, abaza umunyarwanda wari umuri hafi ati" uriya ko afite inka nyinshi mumwita nde? undi nawe ati" tumwita umutunzi, we kubera kutumva ikinyarwanda ahinduramo ko avuze ngo ni "Umututsi" kubera ko abandi bajyaga guhinga kuri uwo mutunzi, ubwo wa mutunzi arimo agabanya ibihembo babandi bamuhingiraga nibwo abwiye uwabagabanyaga ati" uyu muhe utu" Umuzungu we yiyumvisha ko bavuze "Umuhutu", naho hakaba hari undi wakundaga kuba ari ibwami kandi abyina, Umuzungu abajije uwo ariwe, umushubije avuga ahamya ati" uyu ni uwacu, ni uwatwebwe, Umuzungu kubera kutumva ikinyarwanda, no kubera ko yari yishyizemo ko ubwoko bwose butangirwa na "Umu" ahita atanga umwanzuro ko ari Umutwa.

Ibyo byose byararandaranze, bigeza ubwo abanyarwanda bamwe bafata abandi bakabica. Aho abanyarwanda bashakiye hamwe umuti wo kwivangura kwabo ba "Ntibindeba" batereye agati mu ryinyo bati "ibyo turabirenze", ba "Katabikozwa" na ba "bize ngarame" bati "dukuyemo akacu karenge". Ariko kandi ibyo ntibyari bikwiye mu banyarwanda, biyibagije ko abanyarwanda batabaranaga ndetse bakanasurana. Yego ngo burya "Ubwenge buza ubujiji buhise", abanyarwanda ntacyo bagerageje gukora, bamaze kubona ububi bari barahawe. Ibyo byamaze gufata intera ndende, bimaze kwinjira mu mitwe ya benshi maze bashyira imbere imigambi yabo mibi, birengagiza uburenganzira bw'ikiremwa muntu, bafata abantu babagira inyamaswa maze ahatembaga amahoro haba itongo ritemba imiborogo, ubugome n'ubwanzi. Ariko rero kugira ngo ibyo bicike, ivangura riveho, twagombye kurebera hamwe ubumwe bw'igihugu cyacu, tukiyumvisha ko twese turi abanyarwanda ko tutagomba kumva abadushuka batubwira iby'amoko, n'aho turi tukiyumvisha ko tugomba kuva muri urwo rwobo twasigiwe n'abadushoye.

Natwe abanyarwanda tugomba kwiyumvisha ko ibyabaye aritwe twabyiteye, n'ubwo "Akimuhana kaza imvura ihise", ubwo abanyarwanda babonye ububi bw'ibyabaye nibagerageze bakoreshe imbaraga zose zishoboka kugira ngo batahirize umugozi umwe.

Ariko ikibabaje cyane ni uko abanyarwanda bahise bamera nk'impumyi, bimirije imbere ubugome bazi ko bari kwirwanaho no gushimisha gashakabuhake w'Umuzungu batazi ko bari gusenya urwababyaye rukabakuza, ntibari bazi ko bari gusigira abana n'abuzukuru urugomo rudashira ndetse n'umwiryane, ntibamenye ko basize boretse u Rwanda mu rwobo rurerure, ntibigeze batekereza uburenganzira bwa muntu. Abanyarwanda ariko nibitabire kugarura urukundo ruhamye, kandi bafatanye n'abategetsi kuko "Inkingi imwe itagera inzu".

Mu byateye intandaro y'amakimbirane, hagaragaye cyane ishyari ry'ubutunzi n'ubutegetsi, byaragaragaye cyane ko igice kinini cy'abanyarwanda cyari gifite inyota n'inzara by'ubutunzi no gutegeka. Ibyo akaba ari bimwe mu byakomeje guhungabanya umutekano.

.../...

Umuntu yabaga ari iwe afite amahoro arya ndetse akaryama ariko akareba umuturanyi uri iruhande rwe akifuza inka ze ndetse n'isambu ye, yabona ntacyo ashoboye kumutwara ko nta nicyo ashoboye kugeraho, agahitamo gufata abambari be maze bagatera wa muturanyi we bakamugirira nabi kugira ngo bashobore kwigarurira ibye, bityo guhera ubwo ahari amahoro hagasimbuzwa urugomo n'ubugome.

Abandi nabo bati "Kuki twe tudategeka"? maze bakajya mu mitwe y'abanyarwanda bari impumyi batarebaga kure bati "Kuki uriya adutegeka avuka ku Kibuye kandi turi ab'i Kibungo" buriya arashaka kudutegekesha igitugu, bagakora iyo bwabaga ngo barebe ko yatezuka ku mirimo yiyemeje kugira ngo yegure, kandi wenda uwategekaga yari abishoboye. Abategetsi nabo bakitwaza umwanya bafite maze bagakoresha abakozi badashoboye akazi, bakimiriza imbere uwabahaye ruswa gusa, umuntu yaza gushaka akazi, aho bamubajije impamyabushobozi y'ibyo yize bati zana ibihumbi mirongo itanu maze akazi kagahabwa abatari bagashoboye, abagashoboye nabo bagatera rwaserera maze imvururu zigakwira. Abo bategetsi bakumva ko bakora neza batazi ko batuma igihugu cyacu kitagera mu nzira nyayo y'amajyambere.

Ibyo byose ariko bigomba gucika, kuko ishyari ry'ubutunzi n'ubutegetsi ryagize uruhare runini mu marorerwa yibasiye inyoko muntu. None rero buri munyarwanda akwiye kutagira ishyari ry'ubutegetsi, cyangwa se iry'ubutunzi ahubwo agomba kwegera undi akamugisha inama z'uko yakoze ngo abigereho. Mu gushyigikira abategetsi, tugomba gufasha abategetsi bacu ariko nabo bagakora nk'aho bikorera kandi bagakoresha abakozi bagashoboye kuko aribyo bizatugeza ku majyambere.

Byaragaragaye cyane ko hari abanyarwanda bahorana agahinda ndetse n'ubumuga by'abitiriye ubwoko cyangwa akarere aka n'aka babateye. Mu banyarwanda harimo abarebaga ukuri bakaguharanira ndetse bakanagushyira mu bikorwa ariko hari n'abandi ba bize ngarame bari bafite umugambi wo kubabaza abandi, kwica no koreka imbaga. Ibyo byaragaragaye cyane mu gihe mu Rwanda hari igice cyari cyariyitiriye izina runaka cyangwa ubwoko runaka maze bagatoteza ndetse bakanababaza abandi, byanarimba bakanabica. Icyo gihe rero, uwagiriwe nabi yahoraga umutima uhagaze, agahorana agahinda kadashira ndetse bikaba byanamuviramo no gusara.

Ariko abanyarwanda bose, aho bava bakagera nibirinde gucikamo ibice, bose bumve ko batagomba kujya mu bice by'abagambanyi ndetse n'abicanyi ahubwo bose nibashyire hamwe ushatse kuzana igice cy'ubugizi bwa nabi ashyikirizwe inzego zibishinzwe.

Ubutegetsi bufite uruhare runini mu bwiyunge bw'abanyarwanda. Abanyarwanda bakurikije ikibazo cyagwiriye u Rwanda, basanze cyaratewe na Politiki mbi yari ihari kandi yarabaye karande muri iki gihugu. Kuva nyuma y'ubukoroni ubwo abazungu bashyiragamo abanyarwanda kwivangura. Ubutegetsi, kubera umuco mubi bwari bufite, hahise habaho inda nini y'ibitari ibyawe, ndetse n'ubwicanyi.
Maze abanyarwanda b'icyo gihe banga abaturanyi babo, bakumva ko aribo bagomba kubaho bo n'imiryango yabo.

Politiki mbi yakomeje gukaza umurego, haza no kuboneka abantu bari hejuru y'amategeko, ibyo byose byateye gukora ibyo bishakiye, bakumvako ntacyo bibatwaye kubera ko bari bazi ko batazahanwa, umutegetsi akitwaza umwanya afite maze akoreka imbaga. Uwo muco wo kudahana uri mubyatumye habaho ariya mahano yagwiriye u Rwanda, kugira ngo noneho bicike, abanyarwanda bagombye kumva ko ntawe uri hejuru y'amategeko, bakirinda kuvangura amoko n'uturere, ndetse bose bakimiriza imbere uburenganzira bwa muntu. Abategetsi b'inzego zose gafatire hamwe ingamba nyazo zo guca uwo muco wabaye akarande, kandi bakore ibishoboka byose kugira ngo ubwiyunge bw'abanyarwanda bugaruke.

Ku ruhande rw'intumwa za rubanda, kera ntizakoze umurimo wazo uko bikwiye, zakoze nk'aho atari intumwa za rubanda. Birababaje kuba umuntu yaratowe n'abaturage bamwizeye bazi ko azabavuganira mu nzego zo hajuru ariko akarenga akabaroha.

Nk'uko bizwi intumwa za rubanda, nizo zifite urwego rushinga amategeko mu bihugu byinshi ndetse no mu Rwanda; bigatuma izindi nzego ziyagenderaho. Ariko rero urwo rwego ntabwo rwakoze akazi karwo uko bikwiye, kuko rutigeze rureba ingaruka z'amategeko rwashinze cyane cyane agusha abaturage : nko gushyiraho itegeko ryo gutanga ibyangombwa biranga umuntu birimo amoko. Urwo rwego rero rwagaragaje ko rwakoreraga abantu bamwe.

Urwo rwego rushinga amategeko arizo ntumwa za rubanda ntabwo rwigeze rurengera abaturage, rureba ko za nzego zindi uko ari ebyiri zikurikiza amategeko rwashyizeho.

Ibyo byagaragajwe n'uko ubutabera mu gihugu bwashyizwe inyuma y'amategeko bwababaga bwarahawe, akaba ariho mu nyandiko gusa. Ahubwo bukagirwa na ruswa gusa.

Naho urwego nyubahiriza-tegeko rwo, wasangaga rusa n'aho rusinziriye, abagize urwo rwego bitwaje umwanya bafite maze bahita bajya hejuru y'amategeko, bakoze ibyo bishakiye, ntibubahirije amategeko abagenga.

Ibyo byose rero bigomba gucika, intumwa za rubanda zigomba gushyira umwete ku kazi kazo, zigashakira abaturage icyabateza imbere kandi kibarengera, intumwa za rubanda kandi zigomba gushyiraho amategeko ahamye kandi arengera rubanda, kandi arenganura abaturage. Ibyo nibishyirwa mu bikorwa amahoro ndetse n'ubumwe bizagaruka. Intumwa za rubanda zigomba gukemura kandi zikabera ijisho ry'ukuri mu mpande zose, nibigerwaho bizazana amahoro n'ubwiyunge. Abaturage nabo nibabona intumwa zabo zibabwiza ukuri, kandi bakabona ko ubutegetsi bwose bubitayeho, bazarushaho kugirira icyizere ubutegetsi bwabo. Intumwa za rubanda nizegere abaturage, zibabaze ibibazo byabo zigerageze kubikemura, ibidashobotse zibishyikirize izindi nzego zo hejuru, ibyo bizatuma abaturage bose baririmba amahoro, kandi bose batahirize umugozi umwe.

Uruhare rw'Ubucamanza mu bwiyunge bw'abanyarwanda : Ubucamanza ni urwego rubereyeho kurenganura abaturage ariko rugakoresha ubutabera. Ubucamanza bugomba guhana bwihanukiriye abategetsi bashoye abaturage mu marorerwa ariko bugaca inkoni izamba mu bayashowemo. Nk'uko tubizi, abanyarwanda benshi bazize amaherere, bazira uko bavutse cyangwa se amashyaka barimo, nta tegeko bishe, ibyo bikaba byari bikwiye gucika burundu naho ubwenegihugu bw'umunyarwanda ntacyo bwaba buvuze.

Ubucamanza bugomba gukoresha ibishoboka byose, bugaca kandi bukihutisha imanza z'abagize uruhare mu bwicanyi, bukumvisha umuntu icyaha yakoze, bukamwereka ububi bw'icyaha cyakozwe, bwarangiza bukamuhana bukurikije uburemere bw'icyaha.
Ni muri urwo rwego, ubucamanza bugomba nogusobanurira abakoze icyaha ko bagomba kwemera icyaha n'igihano bahawe.

Uwemeye icyaha cye akanemera no kucyihana bukamusobanurira icyo kwihana bivuga. Ubucamanza bugasobanura ko kwihana bivuga : guhindukira ukareka ubugizi bwa nabi, guhindura ibitekerezo n'intego, guhindura uburyo bwo gutekereza, kugira agahinda k'ibyakozwe no kubyicuza ukabisabira imbabazi.

Ubucamanza iyo burangije gusobanurira abakoze icyaha icyo aricyo kwihana, bubereka ububi n'ingaruka z'icyaha, bukabasobanurira ko kwihana by'ukuri bisaba : kwemera amakosa yakozwe, kuba uwakoze icyaha yiteguye kwishyura umwenda w'ibyo yakoze, gutangira kumva ko yifatanyije kandi afatanyije akababaro n'uwagiriwe nabi.

Ubucamanza iyo burangije ibyo, bubwira uwakoze icyaha ko impamvu bumusabye kwihana ari ukugira ngo ibyabaye bitazongera maze bukamubwira ko intego nkuru yo kwihana ari : gushaka ubutabera, gushaka kubohoka, kugarura umubano mwiza n'ubumwe mu banyarwanda.

Ubucamanza nibumara guhana no gushyira mu bikorwa ubutabera, abanyarwanda bazashyira hamwe maze ubwiyunge bugaruke mu bantu. Ubucamanza bugomba gusaba abanyarwanda kubworohereza, bagashyira hamwe bakarandura burundu urugomo n'amakimbirana mu mitwe yabo. Ubucamanza bugomba kumvisha no guhana abashaka kumva ko bari hejuru y'amategeko, bugakurikiza amategeko yose bwivanye inyuma, kandi bukagendera ku mategeko agenga igihugu ko ntawe, nta n'ufite uburenganzira bwo kuyajya hejuru. Ubucamanza bwagombye gukora iyo bwabaga mu gukemura imanza no kureba niba impapuro z'abaregwa n'abakurikiranwaho ibyaha zuzuye ariko bunashakisha ibimenyetso bihamye by'abo bakurikiranwa. Ubucamanza bugomba gukorana ubushishozi n'ubwitange mu kazi kabwo kuburyo urengana arenganurwa mu maguru mashya uwareze nawe akabona ibisubizo by'ibyo yaregeye. Leta ariko nayo yagombye kugira uruhare runini mu korohereza ubucamanza, nabwo bugakoresha ukuri kose ko nkingi y'ubumwe aribwo buzatugeza ku bwiyunge buhamye. Ibyo bizanwa n'ubutabera bwuzuye bukorera mu kuri, buduha ukuri.

Mu byerekeye icyakorwa kugira ngo abanyarwanda bumvikane, mbere na mbere abanyarwanda bose bagomba kwita ku ngabire umuntu ahabwa kuva avutse kugeza apfuye. Abanyarwanda bazi ko ubuzima bw'umuntu butagomba gufatwa nk'ubw'inyamaswa, abanyarwanda kandi bagomba kumenya icyo aricyo uburenganzira bwa muntu.
Abanyarwanda bose nibamenye ko ntawavukiye kubabara no kubabazwa kandi ko buri wese afite uburenganzira bwo kubaho mu mahoro asesuye.

Imana ijya kurema yaremye umuntu ntabwo yamuhaye ubwoko cyangwa se ngo imuhe akarere aka n'aka niyo mpamvu abanyarwanda twese twagombye gushyira hamwe, tugatahiriza umugozi umwe, tugakura urumamfu mu ngano, ni ukuvuga ko tugomba kwirinda amacakubiri, tugashyikiriza abategetsi abashaka kuducamo icyuho maze njye nkabaho, we akabaho, twese tukabaho, ntihagire uvutswa ubumuntu kandi atari we wiremye. Abanyarwanda nibamenye ko umuntu ahenda, ibyo ndabivuga cyane kubera ko iyo umuntu apfuye tumuririra ariko twaba twataye amafaranga tukavuga ngo akatari amagara barahaha, umuntu ntagomba kugirirwa nabi.

Ibyo byose abanyarwanda nibabyitaho bakamenya ingabire muntu yahawe bazarwubaka rwose.

Sinabura kugaya abanyarwanda bo hambere bashorewe nk'intama maze ibyo bumvise bakabishyira mu bikorwa. Abo bumva barajijutse nibasobanurire abandi, ibibananiye bagishe inama Minisiteri ishinzwe imibereho myiza y'abaturage, tuzi twese ko ubutegetsi ntawe buheza cyane cyane iyo uvuga, avuga ibyo kubaka. Aha umuntu yakwifuza ko buri munyarwanda wese ufite ibitekerezo byubaka ko yabigeza ku bandi ibibi bamwinjijemo akabyamaganira kure ahubwo agashaka icyamuteza imbere, ahubwo bose ntibazagwe mu ruzi barwita ikiziba nk'uko bavuga ngo "Ibuye ryagaragaye ntiriba rikishe isuka", bose nibumve ko ibyabaye byatewe nabo batigeze bashishoza. Abanyarwanda nibareke gukomeza kwitana ba mwana ahubwo nibashake umuti wakiza kandi watuma birinda kugirirana nabi. Abanyarwanda bose nibiyinjizemo imitima mishya, baharanire amahoro, nibirinde ko hagira ugirira abandi nabi, bumve ko bose ari bene musabo umwe, bafatanye kubaka urwababyaye maze amahoro agaruke. Byaragaragaye ko abanyarwanda bakunze guhubuka ariko noneho nibamenye ko bari kubaka Rwanda rushya. Abanyarwanda bose nibikuremo imitima yo kugirira abandi nabi, bose bamenye ko basangiye amaraso, ko bagomba kudasiga isura mbi Rwanda yacu, baharanire guhesha ishema u Rwanda, ibitekerezo bibi basigiwe na ba sekuruza babo babirandure, bakureho urugomo ndetse n'umwiryane maze u Rwanda rwongere rube urw'amata n'ubuki.

Abanyarwanda aho bava bakagera nibaharanire kugwiza urukundo mu bantu ndetse n'ubumwe mu bandi banyarwanda. Buri munyarwanda wese niyumve ko afite uruhare runini mu guharanira ubwiyunge ndetse n'umubano mwiza mu gihugu hose.

Abapadiri n'abandi bihayimana bose nibigishe urukundo, bahugurire abanyarwanda kuzana ubumwe n'amahoro. Ababyeyi nabo nibagerageze guha abana babo uburere bwiza, batabigisha kwangana ndetse babatoza gukunda abandi bakiri bato maze nabyabindi byo guhora bakekakekana biveho, ibyabaye byose abanyarwanda nibabireke, ariko babirekere ababikoze, kuko bo bagomba kubihanirwa, maze abanyarwanda bose basangire byose na bose, bashyingirane nk'uko byahoze kera.

Abanyarwanda bose nibagaragarizanye urukundo basangire akabisi n'agahiye ntibamere nka ba bandi basangira akabisi ariko agahiye ntibamenye aho karengeye. Abanyarwanda bose nibasobanukirwe ko ubwiyunge butazanwa n'urugomo ko buzazanwa n'uko bashyize hamwe bose.

Abategetsi bafite uruhare runini mu bwiyunge bw'abanyarwanda, abategetsi b'ingeri zose guhera ku rwego rukuru kugeza ku rwo hasi bagomba guharanira kuzana amahoro n'ubwiyunge. Leta igomba gutegura ibiganiro mbwirwaruhame bikangurira abanyarwanda kongera kugirana ubwiyunge.
Ibiganiro byo kuri Radiyo y'u Rwanda bigomba guhugurira abanyarwanda bakoresheje kwihana, bikanakangurira abakosherejwe kubabarirana. Ibyo biganiro bigasobanura ko kubabarirana ari : kubabarira abakosheje, kureka ibyabaye bikagenda, gusiga inyuma ibyabaye bagatangira ibishya.

Ibyo biganiro kandi bigasobanura ko kubabarirana by'ukuri bisaba : kumenya igihano gikwiriye uwakoze icyaha, kwanga guhana uwakoze icyaha ukurikije uburemere bwacyo. Ibyo biganiro byerekana neza ko intego nkuru yo kubabarirana ari : guhindura imikorere, gushaka amahoro yo mu mutima, gusana umubano wakomeretse, kwemera ko habaye gukomeretsanya no gushaka ubutabera.

Tuzi ko u Rwanda rugabanyijemo amaperefegitura agera kuri cumi n'abiri kandi yose uko ari ntawabasha kuyageramo avuga ibyifuzo byose keretse bifashe igihe kirekire. Kubera ko Minisiteri zose zigize "Leta" y'u Rwanda zibereyeho kubaka u Rwanda, iy'itangazamakuru ikwiye gufata ingamba zihanitse mu kwigisha abaturarwanda ubwo kubera ko ariyo izindi Minisiteri zose zinyuzaho ibyifuzo byazo byose mu guharanira kubaka u Rwanda, umuntu yavuga ko ariyo iri mu mwanya uri imbere mu gushyigikira ubumwe bw'abanyarwanda. Minisiteri y'itangazamakuru yifashishije Radiyo Rwanda ibinyamakuru nk'imvaho ndetse n'ibindi yashyira ahagaragara ariko byubaka, tutibagiwe n'undi wese washaka kwandika abwira abanyarwanda, iyo Minisiteri yamushyigikira.

Guverinoma igashyigikira igitekerezo cyo gukwiza televiziyo mu Rwanda hose, kubera ko ariyo yamamaza banareba ibyo abandi bagezeho hirya no hino. Mbere hahozeho ibiganiro kuri Radiyo Rwanda nka "Ejo nzamera nte?" n'ikindi "Ubutegetsi bw'igihugu n'amajyambere ya Komini", kimwe n'uko ubu hariho "Hirya no hino mu gihugu", n'ibindi bisobanurira abaturage uko babana. Ibyo biganiro ababishinzwe kuri Radiyo Rwanda iyo baza kujya bacukumbura uko kitwa akaba arinako gikora nta makimbirane yari kurangwaho kuko buri wese yibajije ati ejo nzamera nte yakwishakira igisubizo gikwiye, maze yabihurikiza agatekana n'abandi. Ubu nabwo rero nibashake uburyo ibiganiro n'udukuru mu binyamakuru byubaka byamamazwa mu gihugu bavuge ku mutekano, ku burenganzira bw'ikiremwa muntu, ku bwiyunge, ku bumwe n'amahoro.
None se ibyo bivume byo mu Rwanda ko byigishije kwicana no kuryana bakabikurikiza kandi ari bibi, kwigisha ibyakubaka kandi bigwiza urukundo mu banyarwanda nibyo bizananirana nibabyitaho? Oya keretse niba harimo ubushake buke, ibinyamakuru bisenya abanyarwanda bicike ntitube nka ntawe unanira umushuka.

Umukuru w'igihugu agasura uturere twose tw'igihugu agasobanurira abanyarwanda inkomoko y'amacakubiri yabaye mu Rwanda. Inzego zose nizikoreshe amanama, ba Konseye muri Segiteri zabo, abaserire mu maserire yabo, Nyumbakumi inzu ku yindi, bose basobanurire abaturage ko ubutegetsi bwakira kandi bugasubiza ibibazo byose ku bwiyunge. Abategetsi nabo nibagire abajyanama beza kandi benshi kandi bazi akazi kabo abanyamabanga bakore neza akazi kabo, mbese nk'uko runaka abereyeho kunganira runaka, bose bajye hamwe barebe uko mu gihugu bimeze maze bakemure ibibazo byabo.

Imiryango iharanira uburenganzira bw'ikiremwa muntu niyegere kandi yumve umwuka w'abaturage mu kurengera no gushyira mu bikorwa ubwiyunge iyo miryango imenye ko ibereyeho kunga abanyarwanda, nitange ibitekerezo ku bwiyunge bw'abanyarwanda kandi ihugurire abanyarwanda bose kurengera uburenganzira bw'ikiremwa-muntu yo nkingi izazana ubwiyunge.

Sinarangiza ntanenze abanyarwanda bo hambere, baca umugani mu kinyarwanda ngo "Iso ukwanga agusigira urubanza rwamunaniye" twebwe rero dushyireho akacu, abasogokuruza bacu basize boretse igihugu ntabwo bigeze bashaka icyagarura amahoro y'abanyarwanda. Ariko ibyo byose bigomba kugira iherezo, abanyarwanda bose bakubaha u Rwanda rushya, rutagendera ku matwara y'ivangura, uwakoze icyaha wese agahanwa maze tukabona ubwiyunge, amahoro agasagamba mu Rwanda. Icyo gihe u Rwanda ruzongera rube u Rwanda rutemba amata n'ubuki, abanyarwanda bazongera babane neza.

None rero abategetsi bacu tubisabire kandi badukundire baduhe amatwi. Amatwara yabo meza turayashima ariko barajye batoranya abajyanama beza kandi benshi. Barashishoze batavaho bibagirwa ko bagomba gushaka icyagarura ubwiyunge.
Barabe nka wa mutware wanyarukaga nimugoroba agaca mu gihugu cye akumva niba koko abaturage be baraye bahaze kandi ko bafite amahoro nyayo.
Nibamanuke begere abaturage bamenye uwo bahumeka, abajyanama babi babigizeyo.

Namwe bafasha b'abayobozi bacu, nimwirinde gutanga inama itari yo, mbere yo kuba abahanuzi nimwegere abaturage mumenye koko ibibazo byabo, mubwire ukuri abategetsi bamenye ibyiza n'ibibi biriho bifatirwe ingamba zihamye kandi zubaka kandi mureke kureba bugufi, kuko uwubaka igihugu areba kure.

Leta n'abacamanza nabo bagombye kuba intangarugero mu gukurikiza amategeko agenga u Rwanda. Bagafatira hamwe ingamba nyazo mu kumvisha abanyarwanda ko politiki yo kudahana igomba gucika, bakumvisha ingaruka mbi zayo, ko bagombye kumenya ko ari bamwe ko ari bene mugabo umwe kandi ko ntawe uri hejuru y'amategeko. Ibyo byose nibiba mu kuri uhanwa agahanwa ku buryo yumva ko igihano ahawe gihwanye n'icyaha cye, n'uhana nawe agashingira ku mategeko atarenganya maze urenganurwa nawe akumva atarenganwa kandi ko amategeko amurenganura, amurenganura neza.

Itangazamakuru naryo nirihabwe ubwisanzure maze ryiyongere, ariko ryigisha ubwiyunge nta macakubiri ryigisha kandi ryirinde kubogama no gusebanya, ahubwo ryubake kandi risane imitima y'abanyarwanda yakomeretse, nirikoresha ukuri nyako ubwiyunge n'ubumwe bw'abanyarwanda buzagaruka.

Intumwa za rubanda nazo, nizikomeze zegere abaturage zimenye umwuka bahumeka, nizikomeza umurava n'ubwitange zifite zizazanira abanyarwanda bose ubwiyunge.

Abanyarwanda bose nibitegereze barebe kure abakosheje n'abagifite imitima inangiye bihane, abakoshejwe nabo bababarirane bose bagwize amahoro, urukundo, ubumwe byo bizazana ubwiyunge nyakuri.

---

Ruhengeri, kuwa 20 Nyakanga 1997.-

NZABANDORA FELESIYANI
URWUNGE RW'AMASHURI RWA
KIGOMBE
UMWAKA WA GATANDATU
NDERABAREZI RUSANGE.-

## ICYAKORWA KUGIRA NGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA.-

Abantu benshi bafite ikibazo ku ijambo"kubana neza" ,
ndetse n'ijambo umunyarwanda. Iyo abantu baza kumenya i gisobanuro cy'ijambo umu-
nyarwanda, ibintu ntabwo byarikugera iyo byageze, ndetse nta n'ubwo byakagombye
kuturushya dushaka icyakorwa kugirango abanyarwanda bongere babane neza. Bamwe bati:
" Umunyarwanda n'umuntu wavukiye mu rwanda, abandi bati,umunyarwanda ni umuntu wavu-
kiye kandi utuye mu Rwanda aiko kandi nyamara n'umuzungu ashobora kuruvukiramo ka-
ndi akaruturamo. Ibisobanuro by'abo bantu bombi nibyo byabindi bituma abantu bahoho-
terana bumva ko ntaho bahuriye kandi nyamara bahuje amaraso. Ese ubundi Umunyarwa-
nda ni iki ? UMUNYARWANDA : ni umuntu wese uvuka cyangwa utaravukiye mu Rwanda,utu-
ye cyangwa udatuye mu Rwanda, ahubwo ufite isanira n'inkomoko ~~kumukurambere~~ wabayaho
mbereye uvuka kubutaka bwahawe izina " U Rwanda " , akaba ntabundi butaka bufite
irindi zina yakomotseho.

KUBANA NEZA : Kubananeza ni ukumvikana n'abo murikumwe,
muturanye, ndetse n'abarikure mushobora kubonana bikagaragarira inyuma ku mubiri, ku-
mutima no mubikorwa, mugafatanyirizahamwe icyatuma ubuzima bwanyu budahungabana.

Uko gusobanura ijambo " Umunyarwanda " , nabi rero bya-
tumye abanyarwanda bacikamo ibice, bazana umwiryane mu banyarwanda.

## NI IKI CYATEYE UMWIRYANE MU BANYARWANDA ?

Iyo tuvuga tuti ni iki cyakorwa ngo abanyarwanda bo-
ngere babane neza, iri jambo " bongere " riratwereka ko " bigeze " kubana neza none-
ho bikazamo kidobya iyo kidobya rero yaba yaratuturutsehe? Abanyarwanda babanye neza
igihe kinini mbere y'umwaduko w'abazingu, mbere yuko abazungu bagera mu Rwanda, mbere
y'igihe cya gikoronize; mbere yaho abantu bari batuye iki gihugu ntarindi zina bari
bazi uretse " Umunyarwanda " ndetse hakaba n'utundi tuzina, umucaba, umukono, umu-
giri n'andi menshi maze umwe akumva arumuse w'undi bityo bakaba batagirirana nabi.
Abazungu bmaze kuza, baratandukira bibagirwa ibyabazanye" Aha twibuke RUKARA rwa
BISHINGWE abwira umuzungu ati: "Ko waje kwigisha iyoboka mana ibyimanza ubijemo ute?
Maze umuzungu areba ba banyarwanda baribakundanye ati: " dore murimo amoko atatu:ati
wowe ubwo urimuguf i uri umutwa, wowe ufite izuru rito, uri umututsi, ati dore wowe
ufite izuru rinini , uri umuhutu, n'ibindi byinshi, ati ati dore kandi wowe waturu-
tse muri Etiyopiya ati nawe waturutse muri Cadi nyamara ngo " Umuntu ananira umuhana
ntawe unanira umushuka." N'ubwo umuzungu yababeshye, ibyo bihugu ntanumwe wari uzi
habe n'akanyuguti na kamwe ko muri ibyo bihugu batwererewe, ukuntu baturutse yo nta
rurimi na rumwe rwaho bazi, ubanza ntawabajije ! Maze ibice bicika mu banyarwanda baba
nka Adamu na Eva bamaze gukora icyaha; barunamuka, bararama, bareba hejuru bati nibyo
koko turi amoko atatu, inziranziza y'ubufatanye ubwobarayitaye umwe yahura nd'undi
akararama arwanyiriza kureba mu maso, umuzungu ati: " ndagikoze, yishinga icyara."

....//....

~~Igiha-Umunyarwanda~~ ..giba rirasibanganye, basigarabahigana nka Gahini na Aberi, maze Abazungu baba abo kogeza, Abanyarwanda baba bashyamiranye batyo. Ibyo byose byatewe muko bari bamaze kuva mu nzira nziza bari bahawe na basogokuruza, inzira yari iyubufatanye, iyo kubana neza, iyo gukundana, iyo gusangira byose.Maze bashinga inzira yica, imwe yaje guca ibintu bidatinze. Byakomeje kujya irudubi , nibwo mu mwaka w' 1994 amazi arenga inkombe, ishyano ririwira urwanda, ntitwahita dushaka icyakorwa kugira ngo abanyarwanda bongere babane neza, tutarareba niba koko abanyarwanda bashobora kongera kubana.

ESE KOKO ABANYARWANDA BASHOBORA KONGERA KUBANA NEZA ?

Ibyo ntawashidikanya ! Ese ubundi amoko ari mu rwanda aruta ari mu gihugu cya Repubulika cya " U G A N D A " ? Koko babanye neza cyane! Aruta se ari mu gihugu cya Repubulika iharanira demokarasi ya Kongo ? Ko abaturage baho babanye neza ? None mu Rwanda bya nanirana bite ? <u>Umuhindi GANDI we yabitubwiye kare agira ati:</u> <u>Burimuntu wese yagombye kugira icyifuzo cyo kudahungabanya umutekano wa mugenzi we</u>! "

Turebye mu nyandiko mahanga ibyo gushyamirana byarashize, barashikama,abashyamiranyaga barashoberwa! Ese ubu uzi urukundo rw'umuzungu n'uwirabura muri Afurika Yepfo ? Umunyamerika <u>MARITINI LUTERI</u> waharaniye amahoro we yagize ati: <u>Tugomba kwiga kubana neza twese nk'abavandimwe, kuko bitabaye bityo, tuzapfira gushira twese nk'abapfu</u>.

Nitubyitabira , twese ubwacu, tuzongera tubane neza, dushyizeho ubushake, ntayindi nyungu tugamije uretse iyo gusabana neza mumahoro.Izi ngero tumaze kubona haruguru ziratwereka ko twongera kubana neza bitaruhije cyane, gusa umuganda wa buri wese urakenewe. <u>MAX WEBER</u> we yawuduhaye kare agira ati: " <u>Buri umwe umwe abigambiriye agakora neza, Selire yose, ya hora neza, Segiteri na Komini ni nk'uko, Perefegitura yose ntawasigara inyuma, noneho igihugu cyose kigatungana</u>.

Ntagushidikanya, abanyarwanda tugomba kongera kubana neza, ntamubwo binaruhije, ahubwo turebe icyakorwa kugira ngo bongere kubana neza.

HAKORWA IKI NGO ABANYARWANDA BONGERE KUBANA NEZA ?

Mugushaka icyakorwa , aha turifashisha inzego eshatu arizo:

- <u>Urwego rw'ubucamanza</u> : rukaba rufite uruhare runini mu kuburanisha abanyarwanda.
- <u>Ubutegetsi bw'igihugu</u>: butagize uruhare ntacyagerwaho.
- <u>Umuturage</u> : afite uruhare kuko byose bipfira bikanazukira mu baturage.

1. <u>Ubucamanza bwakora iki kugira ngo abanyarwanda bongere babane neza ?</u>

Ubucamanza bufite uruhare runini mu kongera kubanisha neza abanyarwanda. Abakoze ibyaha mugihe cy'itsembabwoko n'itsembatsemba, bataciriwe imanza ngo haboneke ukuri, kwiyunga twaba tubivuga nk'inzozi. Abacamanza bongerwe, bace imanza vuba, abakoze ibyaha bahanwe, abarengana barenganurwe. Kubana neza kw'abanyarwanda byazagora igihe cyose <u>uwakoze</u> icyaha agaragare imbere yuwo yagikoreye atarahanwa.

Byazagora kandi igihe cyose utarakoze icyaha agaragare mu gihano ntakibi yakoze byazanagora ndetse igihe abakoze ibyaha bitandukanye bakomejwe gufatwa kimwe !Urumva ko ubucamanza bufite akazi katoroshye ko kuzambura ibyo bintu.

Bigenze bityo, abasigaye imusozi bazumvikana bate ? Imanza muri "Gacaca " nizisubireho kuko zihuza abantu, ni itangiriro ryo kongera kwiyunga, imanza zidakomeye zisubizwe muri gacaca, ababurana basangirire hamwe, ibihano bya gacaca, habamo guturana amayoga yo kwiyunga n'ibyiru, maze babandi bitwa abahutu na babandi bitwa abatutsi igihe bazaba basangira , baturana ibyiru, basubizanya ibyubahiro, kongera kubana neza kw'abanyarwanda kuzaba gutangiye, guhingutsa agatwe ! Ibyo bibe nk'itegeko.

Nkuko tubyumva kuri Radiyo no mu bindi binyamakuru, n'ahandi abacamanza bo mu Rwanda nibakomereze aho, umuco mwiza wo guca imanza, bunga abanyarwanda, ibyo bizatuma, kubana neza byihuta, kuko ubucamanza rufite urufunguzo rwo kubana neza kw' abanyarwanda kandi batabishatse kubana neza byagora; urugero hagize nk'umuntu wafashwe, yaraboh oje ibigori mu kwa runaka, bati umushinja cyaha umusabiye ikihe gihano, ati ni urwo gupfa. Urumwa ko ubwiyunge bwa gora, niyo mpamvu tuvuga ko abacamanza bafashe mu ntoki zabo urufunguzo rw'icyumba cya kabiri cy'inzu y'ubwiyunge b'abanyarwanda.

UBUTEGEESI BW'IGIHUGU BWO BWAGIRA URUHE RUHARE MUKONGERA KUBANA NEZA KW'ABANYARWANDA.-

Abategetsi b'igihugu bafite uruhare runini mu bwiyunge bw'abanyarwanda. Ubutegetsi bwose bwasimbuwe bwagiye bugendera ku kirango cy'umurusiya " LENINE , wagize ati : " Leta cyangwa ubutegetsi ni imbaraga zituma abaturage bamwe bakandamiza abandi." Maze ubutegetsi bwa kera bumaze kugendera kuri izo nshingano, ibintu biracika mu gihugu, nyamara inshingano z'inyabutatu: " Gahutu- Gatwa - Gatutsi " yahoraga mu kanwa gusa bigahera mu magambo abiri imahanga bati : " ubwo turi umwe , turashaka gutaha mu rwatubyaye, ngo igihugu ni gito ntabwo twakwigwamo. Ibyo byose bituma abanyarwanda batumvikana.

KARL MAX we yitegereje abategetsi asanga ari abanyabwenge maze aravuga ati: " Abanyabwenge bagerageje gusesengura isi, berekana uko imeze, ariko ntibatanga umuti wo kuyihindura ngo ive aho iri." Abategetsi nabo bakunze kugararagaza uko urwanda rumeze n'ibibazo rufite ariko ntibaruhinduye ngo ruve aho ruri nyamara umuti urahari: kuva kuri nyumba kumi kugera kuri Perezida wa Repubulika, ubwiyunge bw'abanyarwanda burabareba. Guverinoma: Tuzi twese ubukene bw'igihugu cyacu, Guvernoma ni yake imfashanyo mu mahanga yo gukoresha yunga abanyarwanda. Iyo mfashanyo nimara kuboneka hashingwe ishuri ryo kwigishirizamo ijambo " UMUNYARWANDA " ndetse n'uburenganzira bwe. Abaturage birebemo ko nta muhutu, umututsi n'umutwa ko ahubwo abantu ari abanyarwanyarwanda, abakonseye bicare mu ishuri bihaze iryo jambo, bahugurwe, bigishwe, resiponsabuli n'amara kubimenya abyigishe abanyumba kumi nabo babyigishe abandi, kuva ku mwana uzi ubwenge, kugeza kuri buri wese, bigishwe ijambo ''umunyarwanda'' , ibyamoko bihanagurwemo, hatangwe ibihembo ku bitwaye neza murayo masomo.

UBUTEGETSI BWA KOMINI: Ni bushinge amashyirahamwe muri komini, abumbye ayo moko yose y'abanyarwanda, uko bibumbiye hamwe mu mashyirahamwe, niho babana neza. Amashyirahamwe arimo ivangura asenwe burundu.

UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO: Kuva kuri Komini kugera mu rwego rw'igihugu ni bashinge amakoraniro ya za animasiyo ahuriyeho n'ayo moko yose, birya bitangaza iyo ubona ku munsi w'ibirori, itorero runaka riserukana imikino n'imbyino rivangura amoko, usanga amatorero

....//....

abiri hariya, rimwe rigizwe n'abatwa, abahutu gusa, irindi rigizwe n'abatwa n'abatutsi gusa maze Lete ntibyamagane, ibyo birababaje, bigomba gusubirwamo.

MU MADINI : Ugasanga umutwe wose w'abaririmbyi ugizwe n'ubwoko bumwe, undi hariya ugizwe n'ubundi. Ese koko abantu bashaka kwiyunga ? Baziyunga se bitandukanya ? Ubutegetsi ni buvaneho ibyo bice, abanyarwanda bivange mu mahuriro, bibumbire hamwe, bamwe bigishe abandi ibyo bakora, aho babyina n'ibindi; ibyo bizatuma aho bahorana bamenyerana, umwe nareba undi yibaze ati: " harya uyu mugenzi wanjye dupfa iki"? Kandi dupfana iki ?

MU MIDUGUDU : Ubutegetsi ni butuze abanyarwanda mu midugudu buvangavange, ntihakagire ubwoko butura agatsiko, buturane, busabane amazi n'umuriro ndetse n'umunyu basangire, akabisi n'agahiye, naho bamwe gutura hano , n'abandi hirya, bizaba nk'ibice bibiri bihanganye.

RADIYO RWANDA : Ishyireho ibiganiro byigisha ijambo " umunyarwanda " irwanye amateka y'ibinyoma yayandi yo kuvuga ngo nitwe twaje mbere, ni mwe mwaje nyuma, turi benshi muri bake, n'ibindi bisa bityo, ibirwanye yego, igerageze ku bivugaho ariko ibishimangire, ariko kandi n'ibinyamakuru byibande kurizo nyigisho. Uturere ariya moko abanye neza ni duhabwe ibihembo, aho babanye nabi bamaganwe; bityo bizatera ishyaka ryo ku bana neza. Ibyo bizagerwaho, bizaba ari intangiriro yo kongera kubana neza kw'abanyarwanda kuko igihe cyose umuntu azaba akireba undi akamubona mo umunyarwanda, igihugu kizatemba mo amata n'ubuki.

INAMA Y'IGIHUGU IHARANIRA AMAJYAMBERE : Ni shireho umushinga w'itegeko kubasha kurushinga, rigere no mu madini , amoko arongorane , uwo mu bwoko bumwe arongore uwo mu bundi, ababikoze babyishakiye bashimwe, ibyo nibigerwaho nyuma y'imyaka itatu... abana babo ni bazarongorana, bikagera mu buzukuru no mu buzukuruza, abamenyereye kuvangura, bazavugako umututsi arinde,umuhutu arinde ? Ndahamya ko izina rizagaragara ari " umunyarwanda " gusa, ntarindi ryaboneka ! Urufunguzo rwa gatatu rw'icyumba cy'inzu y'ubwiyunge b'abanyarwanda rufitwe n'umuturage.

III. UMUNYARWANDA WA NYUMA Y'AMARORERWA YABAYE MU RWANDA YAKORA IKI NGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA ?

Iyo dutekereje ku muturage wa nyuma y'amarorerwa yabaye mu rwanda, mu mwaka w'i 1994, dushobora gusanga abaturage bashyirwa mu bice bine by'ingenzi aribyo:

1. Umuturage wiciwe;
2. Umuturage wakoze amarorerwa;
3. Umuturage utarabyivanzemo;
4. Umuturage wahungutse yarahoze hanze.

Abo baturage bose bafite umuganda munini batanga kugira ngo amahoro, ubusabane, kubana neza byongere biganze mu banyarwanda.

Umuturage wakoze amarorerwa : Afite uruhare runini mu kongera kubana neza kw'abanyarwanda.Uyu muturage, mbere y'uko abana neza n'abandi, birakwiye ko ahanirwa ibyo yakoze, akakirana igihano umutima mwiza, kuko n'ubundi nawe ibyo yakoze abikunze kandi abyishimiye, kuko nkuko nabivuze igihe uwakoze icyaha agaragaye imbere yuwo yagikoreye, ataragihaniwe bakumvikana bate ? Maze kandi n'umuturage utaragaragaye ngo ibye bisobanuke, yari akwiye kwitura ngo ibye bisobanuke, biryo tuzasigara duharanira ukongera kubana neza. Maritini Luther we yagize ati : Uwemeye gutumwa gukora ibibi n'umurawa, kandi abyishimiye, ntaho ataniye n'uwakimutumye, kandi azafatwa nkaho ariwe nyiri ubwite w'ibibi yakoze .

.....///.....

Umuturage rero abigambiriye mu mutima we agacunguza uburyo umwete yagira uruhare
rugaragara mu kongera kubana neza kw'abanyarwanda , cyanecyane yemera amakosa ye
akayasabira akayasabira n'imbabazi.

**UMUTURAGE WICIWE** : Afite uruhare runini cyane ndetse ruruta urw'uwambere mukongera
kubananeza kw'abanyarwanda. Uwo muganda uzagaragarira ku guhanisha abamukoreye ama-
rorerwa agashishésa, ntagire uwarenganya ndtse yashaka no gutanga imbabazi, akaba
akoze neza kurushaho. Igihe kandi azifuza ibihano kubamukoreye amarorerwa, biryanye
n'amarorerwa bakoze, azaba atanze umuganda w'ubwiyunge. Urugero: Nk'umuntu wagu-
saruriye imyaka, ubucamanza buti ayisubize, nawe uti: oya, ahubwo ufungwe burundu.
Urumva ko ntamuganda w'ubwiyunge wabutanze kandi ibihe turimo aribyo kongera kubana
neza.

**UMUTURAGE UTARABYIVANZE MO** :
Uyu muturage utarabyivanzemo, yabaga mu gihugu, ni inararibonye ku marorerwa yabaye
mu gihugu cyacu. Yanze kwivanga mubwo bugizi bwa nabi, ariko abaturage nkabo, twaba-
shyira mu mpushya ebyiri: Urwego rwa mbere: Twavuga umuturageutarivanze mu marore-
rwa yabaye mu gihugu ndetse ibiri kuba bikamubabaza, akanika mu mutima we ndetse
akagira kugira abo arengera mu bahohoterwaga. Umuturage nkuwo, afite uruhare runini
mu kongera kubana neza kw'abanyarwanda. Kuko niwe ushobora kuba umuhuza mwiza, hagati
ya ba bagabo bombi bahemukiranye. Afite akamaro mu nshingano ashobora kwiha zo kumvi-
sha uwakoze icyaha , ububi bw'icyaha yakoze. Ndetse no kumvisha uwakorewe icyaha ibyi-
za byo kwiyunga no kubana neza. Akamwereka ndetse ko n'ubwo ibyaha byakozwe ko atari
bose babigiyemo akitanga ho urugero. Bene nkabo batagiye mu bugome, ni bamara kurya
mu nzira yo kubana neza n'abahohotewe, bizaba bitangiye kuza buhorobuhoro.
Urwego rwa kabiri: N'umuturage utarivanze mu marorerwa yabaye, ibyakozwe ntiyabijyamo,
yewe inyuma kumubiri bikagaragara ko ntamarorerwa yagiyemo, ariko ku mutima ibyako-
rwaga, akagira ati: awa. Akumva aruko bigomba kugenda. Uyunawe n'ubwo atabigaragaje,
azigiramuri rya shuri, zanyigisho zo kumenya umunyarwanda icyaricyo bitewe n'uko ata-
menyekana we ubwe, akiyemeza n'umutima nama we , akivanamo ubwobubi abantu batabona.
Akambara umutima utifuriz'ikibi abandi. Uyu kuko ntakibi yakoze ngo kigaragare inyu-
ma , amaze kwivanamo ubwo bubi bumurimo imbere, ashobora kunganira wa muhuza twamaze
kubona.

**UMUTURAGE WAHUNGUTSE YARABAGA HANZE** :
Bene uyu muturage arakenawe cyane mu bwiyunge bw'abanyarwanda. Ntabwo akwiye kuza
atanya, ahubwo akwiye kubaka bariya bagabo bombi bafitanye ikibazo. Uyu muturage
reka tureke ku mwita umuhuza, ahubwo tumwite umujyanama. Ni yicarane n'uwakorewe
amarorerwa amwereke ko ibyabaye birenze ukwemera, ko bigomba guhanirwa bikomeye
ariko kandi ko kwiyunga n'abasigaye ko nabyo ari ngombwa. Ni yereke uwakoze ama-
rorerwa ko agomba guhanirwa ibyo yakoze, akabyemera n'umutima mwiza. Uyu muturage
niwe wagombye gusangiza , kwicara hamwe no kumvikanisha bariya bantu bombi bagira-
nye ikibazo, akababuza, ntayindi nyungu agamije, uretse iyo kongera kubana neza
kw'abanyarwanda. Maze ibyo bakabikora ntaruhande babogamiyeho, bumva ko bunga
abanyarwanda bene wabo.

Muri make , aruhucamanza, ari ubutegetsi bw'igihugu, ari n'umunyarwanda ku giti
cye, ukongera kubananeza kw'abanyarwanda birabareba. Ibyo bizashoboka buriwese
n'abiharanira yikuyemo iby'amoko akambara ubunyarwanda.

....///....

Ibyabaye mu Rwanda mubwo bwose byari bishorewe n'abategetsi bariho, byabaye ku baturage, bikorwa n'abaturage. Niyo mpamvu no none, abaturage aribo baribakwiye gufat'iyambere bashaka uko bakongera kubananeza. Yego ngo" Umanika agati wicaye , wakamanura ukabanza guhagarara". Abaturage nibo babigoretse, ngaho ni babigorore. Si uyu, si wowe, si n'uriya, abaturage bose birabareba. Ni bashiremo akabaraga maze igihugu cyacu gisugire, gisagambe. Gusa icyo tubona, nuko ubucamanza bufatanije n'ubutegetsi n'abaturage, kongera kubananeza kw'abanyarwanda ntibirikure. Ese ubundi turinda tureba nk'impumyi iyo kwa muganga bagiye kongera umurwayi amaraso, babanza bareba ko bagiye kumuha ay'umutwa, ayu mututsi cyangwa ayumuhutu ? Ngaho twibaze aho maze twibaze icyo dupfa n'icyo dupfana. Twizere ko amaherezo ibyo birozi abazungu badushyizemo ~~tam~~ ni twagendera ku nyigisho tumaze kubona n'izindi nyinshi tumaze kumva, kongera kubana neza, tuzaba turi kubishyikira. Ukimara kumva ubu butumwa, ufashe uwuhe mugambi ? Gira bwangu abandi bataragutanga. Kandi kubana si ubu tugiye kubyiga, ngo abashize hamwe ntakibananira.

NZABANDORA FELESIYANI,

URWUNGE RW'AMASHURI KIGOMBE.-
UMWAKA WA GATANDATU NDERABAREZI.-

ICYAKORWA KUGIRA NGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA
=====================================================

Mbere yo gushaka umuti w'ikibazo ni ngombwa gushaka inkomoko yacyo. Nyuma ukagishakira umuti kugirango kitazongera kubaho ukundi, byarangira ukagifatira umwanzuro wacyo.
Mugushaka inkomoko y'ikibazo ni ngombwa gusesengura ariko utagamije gusesereza (guharabika). Ibyo usesengura ugomba, ugomba kubishungura ariko utagamije gushunga (kwisekera) abo ugira inama.

Ntabwo ugomba gushaka umuti w'indwara utazi iyo ariyo, niyo mpamvu ugomba gucukumbura iyo ndwara ariko utagamije gucurika abanyarwanda.

Niyo mpamvu muri iyi nyandiko ari ngombwa kurimburana n'imizi igitera cyangwa icyateye umwiryane muri bene Kanyarwanda. Ni ngombwa kumanza kureba kure kugira ngo urebe icyaba cyarateye ariya mahano yabaye mu Rwanda.
Byaba byiza manje kugaragaza icyateye ibyabaye , nyuma nkabihamurira, ngasozesha umwanzuro rusange.
Njye muri iyi nyandiko nibwo nsubiza abibaza bati "Haziyunga bande?" Ese ni umuhutu n'umututsi? cyangwa se ni umukire n'umukene?

Ariko kandi nasubiza amaso inyuma ngasanga ari abanyarwanda bose birinze kwihekura n'abahekuye u Rwanda kandi nabo ari abanyarwanda, nkumva rero ko abo bari bagombye kubatizwa nk'uko amadini abivuga bakavukana umutima mushya. Ntabandi bagomba kubatiza keretse UBUTABERA bwo bushobora gutuma bavuka bundi bushya.

Ariko kandi n'abasigaye banze kwikora munda bakabera ababyeyi abihekuye, bakababyara bambaye ukuri ko nzira y'ubumwe n'ubwiyunge.

Niyo mpamvu usanga nk'ibintu by'inshi byabaye muri uru Rwanda ntahandi byabaye ku isi turiho. Niyo mpamvu abantu bagwamo cyane cyane ari abaturage bo nkingi y'amajyambere. Mu gihugu bagaragara nk'icyibanza umwubatsi yubakaho, iyo kidakomeye rero, inzu irika ndetse bikayiviramo no guhirima.

Kugira ngo mu Rwanda rero habe harabaye akageni k'amarorerwa byatewe ahanini nabo; ugasanga impamvu zibaturukaho ari urudaca, nk'ubujiji, mu baturage usanga bukururwa no kuba abagaragu b'inda. Kuko iyo usesenguye neza usanga abaturage ari ba bashimira mu iriro. Nkiyo hari amanama abazitabira nibake, ariko aho bari butange imfashanyo ugasanga baje bose. Kuburyo ubujiji buri mu baturage atari gakondo ahubwo ari ubwo twikururira.

./...

isoko y'ubujiji mu baturage usanga ahanini ari uko baba abagaragu b'inda noneho bigaha inzira iha abayobozi babi ikiraro bambukiraho mu gukoresha abaturage mu nyungu zabo.

Ugasanga nanone ikibazo cy'ubwoba cyarabokamye kuva ku ngoma ya CYAMI kugera uyu munsi, uretse ejo bundi mu 1991 mu ruhando rw'amashyaka nibwo bari bize gutobora ngo bavuge ariko kabaye aka wa mugani ngo "Urwiga kuvugiriza ruca umunwa".

Iyo usesenguye neza usanga ubwoba mu baturage bushingiye ku mvugo zinjiye mu banyarwanda ugasanga zarababayemo akarande.

Muri zo twavuga nka "Ntiteranya" yo wagira ngo mu banyarwanda nako mu baturage yarabaye akarande muri bo, ariko ahanini ikibabaje nuko bayishyira no mubikorwa. Iyi mvugo niyo ipfukirana ukuri ko nzira y'ubutabera bwo nkingi y'amajyambere, ubumwe n'ubwiyunge.

Ni nayo ituma bamwe twitana ba mwana kandi tukarenganya inzego z'ubutabera, ugasanga nk'uwabonye ibyabaye yanze kubivuga uko biri bitewe n'iyo mpamvu.

Ubwo uwabigiriwe: ibyo bibi byabaye, bagatuma ahorana intorezo y'ishyali ibagira ishyano ku ishyamba (Intimba ku mutima). Niyo mpamvu muri iki gihugu cyacu, nta na rimwe, nta n'umunsi n'umwe abanyarwanda twagira ubumwe n'ubwiyunge tutariga kuvugisha ukuri, n'ubwo abiyita injijuke bagira bati "ukuri kose si ngombwa ko kuvugwa" bakirengagiza ko guca muziko ntigushye.

None ko ibyakozwe byabaye ni gute umunyarwanda yavugisha ukuri akikuramo iyo mvugo ?

Nubwo indyarya ihimwa n'indyamirizi twe nk'abanyarwanda ntabwo twari dukwiriye kwicarira amakosa ngo " Aha ibintu bizikora". None se ko uwiga aruta uwanga twakwize gukoresha ukuri, noneho tugahagarara mu iringanira rya twese tukiyambura iyi mvugo "Ntiteranya" yo yatuganishije mu mwiryane ikoreka imbaga y'abanyarwanda itabarika igatuma tunnyega ubutabera.

Iyo usubije amaso inyuma usanga mubanyarwanda hararanzwemo ubudoridori bwinshi tutirengagije icyorezo "Ntikoraho". Ari nacyo gituma abaturage bagira abayobozi babo abidishyi noneho bo bagahinduka inkoma mashyi imbere yabo bidishyi. Iyo urebye kure wifitemo ingingo yo gusesengura utagamije gusesereza, usanga abaturage barahindutse inkoma mashyi mu buryo bwose. Wafatira cyane ku byari byariswe iyamamaza mashyaka, ugasanga ba bayobozi bagizwe abidishyi bavugamo ngo, ubwoko ubu n'ubu bwaturutse aha n'aha, tugomba kubusubiza iwabo, Abaturage bahari bose bagakoma mu mashyi, bamwe bitewe n'uko ari abavandimwe ba babayobozi b'inda nini, bo babaga babi-

./...

fitemo inyungu n'ubwo babaga batazi ingaruka, bakirengagiza yuko uruciye munsi atamenya iki ruri imbere, abandi bagakoma mu mashyi bitewe na cya cyorezo kiri mu mitima yabo cyitwa "Ntikoraho" bigatuma birengagiza ko aho "Kurumwa n'uruyuzi warumwa n'uruyuki" Ugasanga ikintu cyose umuyobozi avuze baracyakiriye bagakoma no mu mashyi kugirango bamwereke ko babyishimiye kandi imitima yabo irimo akangononwa nkäk'uruyongoyongo kubera cya cyorezo. Bigatuma batavuga aho batumva cyangwa se ibitagenda n'umuti wabyo.

Kuko iyo urebye kure usanga kujora ibivuzwe cyangwa ibikozwe byarabagaho ari nabyo byatumaga umwami ayobora ntaho yize, akabifashwamo n'ibitekerezo yahabwaga na rubanda. Urugero: Bitewe n'uko ibyabaye muri iki gihugu uwabibonye wese ntavuga ukuri kw'ibyo yabonye bitewe na cya cyorezo cyiri mu mitima yabo; cyangwa se ngo "Bazambaza aho nabibonye ndi".

Twavuze ibyerekeranye n'abayoborwa reka turebere hamwe no ku bayobora. Nkuko Bibiliya ibivuga nta buyobozi na bumwe butava ku Mana. Ariko bitavuga ko imikoreshereze y'ubuyobozi igihe cyose iva ku Mana; bitewe na ya kamere mbi ya muntu bituma abayobozi bamwe bakoresha ubuyobozi nk'uturima twabo bwite. Ariko iyo usesenguye neza utagamije gusesereza usanga mu buyobozi bw'inzego zose habonekamo, wa mukobwa uba umwe agatukisha bose. Uretse ko nyine bose atari ba miseke igoroye. Usanga mu bayobozi iyo hagaragayemo uwo mukobwa agenda yanduza abandi nkuko nyine ihene mbi ntawe uyiziri-kaho iye. Muri bene abo bayobozi batari beza, usanga barokamwe n'ibintu bibiri aribyo: - Indanini
- Kuba ibikoresho by'abanyamahanga.

Hano nkumva ari ngombwa ko nasobanura buri gace ukwako.

*Inda nini: Kuva icyi gihugu kitwa ngo cyabonye ubwigenge kugeza muri 1994, ubwo igihugu cyacuze umuborogo, amaraso akameneka ari menshi cyane, usanga cyararanzwe n'abayobozi b'inda nini ariko nakwita "Isiha rusahuzi". Inda nini mu bayobozi usanga iterwa no kurenga ku nshingano yo gushaka icyateza abanyarwanda imbere ahubwo bagahitamo kwishakira inyungu zabo bwite. Usanga imvugo ngo "Ujya gutera uburezi arabwibanza irabokamye". Inda nini iterwa no kumva ko ugabanye umwanya runaka, aba aweguriwe burundu; burya ngo umwera uturutse ibukuru bucya wakwiriye hose. Yahereye mu buyobozi bwo hejuru ari byo nakwita "Kwikubira". Ari byo bituma abayobozi bo mu nzego zo hasi bahinduka ba mureke umbanze. Abo bohejuru babonye ko bamvumbuwe, bitewe na cyacyiraro bambukiraho kitwa ubujiji mu baturage bahita bajijisha abanyarwanda babumvisha ko ikibazo cyiri mu gihugu ari icy'amoko.

Ugasanga iyo saho (ariyo inda nini) yabo bamwe ari yo yasubiranishijemo benekanyarwanda nabo batiretse bitewe nogushaka kugundira ubutegetsi nk'akarima bacyebewe n'ababyeyi babo.

*Kuba ibikoresho by'abanyamahanga: Bitewe n'uko ubukoroni bwabaye mu Rwanda dukoronijwe n'abazungu, byatumye bakoresha abayobozi b'abanyarwanda mu bikorwa bifitiyemo inyungu. Wagira ngo Abanyarwanda niho bakuye insigamigani igira iti: "Ba nyamuzavuba nibo bamenya ama tongo y'abagiye". Birababaje kubona umuntu ava i Burayi akaza ku kumvisha ko umuturanyi wawe yavuye aha n'aha arangwa n'ibi n'ibi. Burya rero abantu mu bandi ni babi, bitewe n'inda nini ya bayobozi byatumye bemera kuba ibikoresho by'abanyamahanga. Ubwo abanyarwanda bari bamaze kumenya kwandika maze barabagororekera si ugusesengura icyo bise amoko rubura gica. Ukibaza niba igihe abanyarwanda babaniye batari baziranye ku mico yabo.

Ubwo politiki ya Mpatsibihugu yari imaze gukwira hose muri Afurika no mu Rwanda ntiyahatanzwe, maze ibihugu bimwe bigize iyo politiki biza mu cyo nakwita gufasha kuyobora. Maze bifasha ubutegetsi gukora ibyo bishakiye bafatanije na ba Rusarurira mu nduru b'abanyarwanda. Byaragaragaye burya ngo ushuka umupfu ntiyiriza umunsi. Na bamwe mu bagize iyo politiki, aba ariko bagenza ubuyobozi bw'u Rwanda, bararucurika, bararuca bararucacanga, bararutwika baruhindura umuyonga, maze imitima y'abanyarwanda bayifatira mu ntoki zabo, kuburyo bizeye ko igihe bazayirekurira izasandara. Niko byagenze, yarasandaye, barangije bivumburira akabo karenge basiga abavandimwe bavumbitse akabo, ati hehe n'u Rwanda.

Maze gusesengura ibyabaye n'icya biteye, nahamagarira abaturage gufata ingamba zikurikira:

1° Kubahugurira kutumva ibihuha, muri uru rwego ni ngombwa kubakangurira kumva amagambo, bagashungura ibyo babwiwe aribyo byatuma bivaniramo ukuri kuzima.

2° Gukangurirwa umurimo, kuko byaragaragaye ko iyo nta murimo ushishikaje abanyarwanda aribwo haboneka udutsiko duharabika cyangwa se dusebanya bitewe nuko birwa bateze amatwi ubazaniye inkuru iyo ari yo yose.

3° Gukangurirwa kuyoboka amashyirahamwe kuko ariho haboneka intwaro yo kurwanya ubukene n'ubujiji, bigatuma bamenya kuvugira mu ruhame.

./...

4° Gukangurirwa kutaba ibikoresho by'abayobozi ahubwo bakiyumvisha ko abayobozi babereyeho bo. Ndetse byaba ngombwa bakungurana nabo ibitekerezo byo kuzamura igihugu.

5° Ni ngombwa gukangurirwa kuvuga ibibazo bafite nta bwoba n'umuti wabyo. Bavugisha ukuri kubyabaye kugira ngo ubumwe n'ubwiyunge bigerweho.

6° Leta y'u Rwanda igomba kubakangurira kuvuga ukuri, ntibagire uwo bakingira ikibaba bakiyama umvugo Ntiteranya; berekana ibyabaye n'ibyo bazi nabwo bakiyama icyorezo "Ntikoraho".

7° Gukangurira abaturage gutinyuka gushyikirana n'abayobozi babo byaba mu muhezo cyangwa se muri rusange kandi umubi mu bayobozi bakamushyira ahagaragara.

8° Gukangurira abaturage kwirinda kuvugira mu matamatama, ari nabyo bituma abenshi muri bo baregesha bagenzi babo amano; ni ngombwa kuvugira mu ruhame ibitagenda n'umuti wabyo, ari aba bitera cyangwa ababicyemura.

N'abayobozi ni biyumvishe ko babereyeho abaturage, ko ari ngombwa kwiyumvisha ko imyanya bafite atari iyo gukoresha nk'uturima twabo bwite, birinda kwitiranya inyungu zabo bwite n'inyungu za rubanda. Ni muri uru rwego bari bakwiriye gufata ingamba zikurikira:

1° Kwirinda kugira icyibazo batunganiriza umuturage babanje kureba amaronko bwite bamutezeho.

2° Kwirinda gukurikiza uturere cyangwa se izindi nzira zose aribyo bituma haza ikibazo cya munyumvishirize, aha ndavuga cyane mu rwego rw'ubutabera.

3° Gukangurirana (gufashanya hagati yabo) kwirinda no kurwanya ruswa yo imunga umutungo w'igihugu.

4° Gukangurirana,kwirinda kubwira abaturage ngo "Genda uzagaruke ejo" kandi ufite uburyo wamukemurira ikibazo kikarangira.

5° Kwirinda gukoreshwa na bene imari kubera inyungu ubatezeho cyangwa imishinga mu fatanije, bigatuma bene imari bakoresha abayobozi mu gukandamiza rubanda rugufi. Bagata ukuri bagatoragura amakosa aribyo bituma abanyarwanda tureshya imbere y'amateko ariko ntitureshye imbere y'uyahagarariye.

6° Kwirinda kuba ba ntakuri kutagira ifaranga nubwo ryaguze umwana w'Imana. Nanone nkaba nasaba Leta kwita ku ngingo zikurikira kugira ngo hatazongera kuboneka ukuyoborwa cyangwa se kuyoborerwa n'abanyamahanga kuko ngo iya gukanze itaba inturo:

1° Kwita ku murimo no kubyaza ibintu biri mugihugu cyacu umusaruro utubutse kuko abazungu burira kubukene maze bagakoresha abayobozi bamwe mu nyungu zabo. (Abazungu)

2° Kwirinda gutegekerwa n'abazungu kubera imfashanyo.

3° Guhora Leta igenzura urwego rw'ububanyi n'amahanga uko rwifashe ntirushingire gusa ku kwibanira kw'abari muri urwo rwego.

4° Kwirinda kugira abazungu Imana y'abanyarwanda ngo twumve ko aribo bagomba kudukemurira ibibazo.

5° Guha u Rwanda agaciro imbere y'amahanga turyumvisha ko ari igihugu kigenga, kuko byaragaragayeko ntagaciro rufite kugeza ubwo 1994 abanyamahanga babyerekanye baza gushinga icyo bise "Akarere k'umutekano".

Maze gucukumbura ibyabaye mu Rwanda nahita ntanga umwanzuro ku buryo bukurikira.

- Urebye kure wasanga mu banyarwanda nta kibazo cy'amoko kigeze kibamo, ahubwo byaratewe n'ubucakara bw'abazungu baje bitwaje iyobokamana bagasanga abanyarwanda basenyera umugozi umwe, bahitamo kubaryanisha bashyiraho amoko; maze abanyarwanda bamanza kubabera ibamba, bibumbira mucyo bise "Inyabutatu isobetse". Nuko abazungu bafata umugambi wo kuyimunga runono.
- Kugirango abanyarwanda twongere tubane neza ni ngombwa kwiyambura icyibazo cy'ubwoko tugafata ubwitwa "Umunyarwanda ukunda igihugu".
- Mbere yo kureba umuntu mo: Ubutwa, Ubututsi, Ubuhutu manza ubunyarwanda, nyuma urebe icyo mwageraho mukubaka u Rwanda.
- Burya ngo ubutiha buranduranya ari nayo mpamvu tutari tugombye kuziza umuntu uko yavutse, uko areshya cyangwa uko areba, kuko

./...

"Imana iguha mutaguze kandi muguze yaguhenda".

- Bikaba ngombwa ko abayobozi biyumvisha ko ari amaso y'abaturage kandi iyo amaso ahumye, ntacyo nyirayo aba acyimariye. Ndangije mbifuriza amahoro, ubutabera, amajyambere n'ubusabane muri twe bene "Kanyarwanda".

KURUJYIBWAMI Célestin
Groupe Scolaire De la Salle
4° M.P/BYUMBA.

*********************.

# HAKORWA IKI KUGIRA NGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA ?

Abakurambere bacu bari indatana, bari bunze ubumwe babanaga neza. Batizanyaga imfizi, utewe bakamutabara, ushatse kubaka bakamutiza umuganda, uwibarutse bose bakamuha impundu kuko yabaga abyariye u Rwanda. Koko bari inyabutatu isobetse intego yabo ikaba imwe igihe cyose : Gukunda u Rwanda n'abarwo bose no guharananira ko rwajya imbere.

Ese hari uwaba agihakana uwo muco mwiza, ubwo bumwe bwarangaga abo bakurambere, nanyemerere mwibarize niba ahari. Ngaho nansobanurire ukuntu izo ntwari zashoboye gukoma imbere ibitero simusiga by'abanyamahanga bari bagamije kugira u Rwanda ingaruzwamuheto. Ese babishoboye nta bumwe hagati yabo ? Ese bamwe baratabaye abandi baranga ari uguhebera urwaje ? Aho kuba izina "Rwanda" rikivuga ntitubikesha ubumwe n'ubutwari bw'abo bakurambere.

Ikindi nanyemerere ko imigenzo myinshi kandi myiza twayirazwe nabo : gutabarana, gukunda igihugu, kuba inyangamugayo n'ibindi... Erega kuba baraturaze uyu mugani ngo "Nta mugabo umwe" nta kindi ni uko bari bararangije kubona agaciro k'ubwuzuzanye no kunga ubumwe.

Ikibabaje rero, ni ukubona uwo muco mwiza Abanyarwanda barawuteshutsweho cyane cyane muri iyi myaka ishize. Nidusubize amaso inyuma, turebe ukuntu abazungu baturutse iwabo bamwe muribo bagamije inyungu zabo, maze bagahitamo kubiba amacakubiri ashingiye ku moko. Ingoma yabo yageze mu marembera imbuto ya rwa rwango imaze gukura, inkurikizi zarwo ntawe utazizi ni amahano yo muri 59, erega ngo nibwo ubutegetsi bubereye abanyarwanda bugiyeho. Nyamara abategetsi bagiyeho bimirije inyungu zabo imbere maze bagahitamo kubiba amacakubiri ashingiye ku nyungu zabo n'ababo, irari ry'ibintu ribahuma amaso, biyibagiza inshingano y'ibanze yo kunga Abanyarwanda. Uko imyaka itashye niko ayo macakubiri yagendaga akura, agera igihe atagishingira gusa ku moko afata n'uturere abanyarwanda bashusha nk'ababanye mu mahoro kandi urwango rwarasaritse imitima. Amacakubiri yageze aho arenga kamere, maze rwa rwango rubyara ishyano ritagomba kongera kubaho ku isi; itsembabwoko n'itsembatsemba byo mu w'i 1994.

Ayo marorerwa yadutwaye intwari, adutwara abana bari kuzazamura u Rwanda, yadutwaye abakecuru n'abasaza twari dutezeho inama zubaka; yadutwaye abantu b'ingeri zose, bazira ubwoko, uturere, cyangwa ibitekerezo byabo. Agahinda kaganje hose, amarira na n'ubu aracyatemba; ubwishishanye, kutizerana, urwikekwe n'urwango bikomeje gutandukanya abana b'u Rwanda. Nyamara aho ibihe bigeze ubu, ntawakomeza kwihanganira kubaho atariho ahumeka imyuka yuzuye urwango, sinzi niba hari umunyarwanda utarabona ko ubwiyunge ari ngombwa ko ubumwe bw'abanyarwanda bwihutirwa kugira ngo dutegurire u Rwanda rw'ejo ibihe byiza.

## IMVANO Y'AMACAKUBIRI MU RWANDA

Amacakubiri n'umwiryane hagati y'abana b'u Rwanda byabibwe n'abantu bari bafite inyota y'ubutegetsi, n'irari rirengeje ry'ibintu.

Urwango rwabibwe mbere na mbere na bamwe mu bazungu basanze abanyarwanda babanye neza, maze bagahitamo kubateranya kugira ngo inyungu zabo zitabangamirwa. Igihe bagize ngo buriye indege basubiye iwabo, abategetsi babasimbuye ntibihutira kurandura imbuto y'urwango abo bazungu basize babibye.

Irari ry'ubutegetsi n'ibintu babukomoraho byarabarenze bahitamo kureka iyo mbuto irakura, kuko kuyirandura byari kubavutsa umugati, maze umutungo w'igihugu barabona bawugira uwabo, bawuhaho uwo bishakiye. Si no kureka gusa iyo mbuto ngo yikuze ubwayo, baranayivomereye. Maze nk'urubyiruko rwabuze amashuri kandi yarubatswe bajyaho barwigisha kwanga abandi. Urubyiruko rwabuze akazi aho kurushakira akazi kubaka u Rwanda, barushakira akarusenya. Buririra ku bukene bwari buganjje maze umuturage wazonzwe yasezeranywa imari kugira ngo arangize imigambi y'abo ba "rusahuriramunduru" igihe atabaye inyangamugayo ngo yitsinde, si ukwivayo agasizora , urwango akarushakira aho rutari.
Irari ry'ibintu n'ubutegetsi nibyo byagejeje u Rwanda mu bihe by'amahina turimo.

## UMUTI NI UWUHE ?

Icya mbere ni uko abana b'u Rwanda bakunda kujya bicarana hamwe nta n'umwe uhejwe maze bakaganira. Umuti w'ibanze w'ibibazo ni ukubivuga bigashyirwa ahagaragara. Igihe ibibazo bizakomeza gucecekwa bigahera mu mitima y'abanyarwanda tuzaba twubakira ku musenyi.

Abana b'u Rwanda nibajye inama kandi ngo "abagiye inama Imana irabasanga". Nibatahure ubwabo amakosa yaranzwe i Rwanda n'icyayateye. Bityo, ubwo ibuye ryagaragaye riba ritacyishe isuka bazafate imigambi ikwiye intwari, ikwiye u Rwanda rw'ubu maze bahuze imbaraga iryo buye barihigikire ku ruhande, ishyano ryabaye i Rwanda ritazongera kutugwirira.

Icyo muntu atakwirengagiza kandi ni uko kujya inama bikenewe i Rwanda ari ukuzira amacenga no kwiyererutsa maze abanyarwanda bose bakarangwa n'urya mugambi, n'irya ntego twarazwe n'abakurambere bacu yo gukunda u Rwanda n'abarwo bose ugaharanira iteka icyaruteza imbere. Ntihazagire umunyarwanda uyu n'umwe uzongera kwimiriza imbere inyungu ze kandi zibangamiye iz'urwamwibarutse kandi rumutezeho byinshi, kuko uwo ntaho azaba ataniye n'aboretse u Rwanda.

Abakurambere bacu barihoreye bati : "Umugisha w'umugabo ni amaboko ye". Barongera bati : "Umugisha uteze ku wundi aba ari ntawo". Abanyarwanda ntibazongere kurangamira amahanga. Nibo bafite uruhare runini mu gukemura ibibazo byabo, nibafatane urunana, bafate iya mbere bahagurukire kubaka urwababyaye.

Hejuru y'ibibazo by'amacakubiri hakubitiyeho iby'ubukungu, inzara, ubujiji, imibereho mibi, umuco ukendeye. Ikibabaje rero ni uko iyo inzara iteye itarobanura ubwoko ubu n'ubu cyangwa akarere aka n'aka; twese iratuyogoza. Rwose umunyarwanda utarabona ko ubwiyunge n'ubumwe ari ngombwa kugira ngo twubake urwatubyaye, umunyarwanda utarabona ko nta majyambere ashoboka mu mwiryane, sinzi niba iryo zina arikwiye.

## URUHARE RW'UBUTABERA MU KUNGA NO KUGARURA UBWUMVIKANE MU BANYARWANDA

Ubutabera ni ryo buye fatizo n'ishingiro ry'ubwiyunge n'ubumwe bw'abanyarwanda. Si ubutabera bubonetse bwose nka bwa bundi twabonye mu myaka ishize bwaranzwe no kubogama n'icyenewabo. Ni ubutabera butabera.

Nibwo bwonyine buzatuvana mu kaga lurimo.

Nibushinge imizi mu Rwanda kuko abo kurenganura atari bakeya. Nibwihutire gutabara abasizwe iheruheru n'amarorerwa yo mu w'1994. Nk'uriya mubyeyi wategaga urugori akizihirwa none akaba yarahekuwe,akaba atakigira umuvomera amazi, arateza ubwega yari yarabyariye urwamubyaye ubutabera nibumutabare. Nk'uriya mwana wagizwe imfubyi utakigira uwo aririra boshye uwavutse ku giti, ubutabera nawe nibumutabare bwangu. Nibubere igihozo abo bose bazize urwango. Buri munyarwanda kandi nagaragaze umutima utabera yifatanya n'abo bavandimwe bagiriwe ubugome butigeze kubaho ku isi maze abafashe guheka uwo musaraba bakorewe bazira akarengane.

Uriya nawe wavukanye imbuto y'urukundo akarwikuzamo uko yigiye hejuru, akagimbuka ntawe akoze mu jisho, none aho anyuze hose bakaba bamuha akamo bati "nguwo uwahekuye u Rwanda", akaba azira amakosa atakoze, ubutabera nibumutabare. Ingero zo ni nyinshi kandi z'ingeri zose zigaragaza ko ubutabera bwihutirwa mu Rwanda.

Ubutabera dukeneye i Rwanda, si ubw'ubwoko cyangwa ubw'akarere, ni uburenganura bose butavanguye kuko amategeko abereyeho abantu bose. Nibugendere kure ruswa n'icyenewabo. Igihe iyo mico mibi izongera kuganza, igihe hari umuntu uzakora icyaha akiyemera ati "uwankoraho se ni nde?" nta kabuza ya mahano yoretse u Rwanda azaba atwugarije.

Wa muco wo kudahana ntuzongere kurangwa i Rwanda. Nudahagurukirwa kurandurwa hose, uzongera umunge inkiko uzateshe agaciro amategeko y'u Rwanda uyahindure byenda gusetsa zibabaje, maze ubwo nyir' icyaha azaba akidegembya, uwakorewe ikosa azabe ashakisha uko yihanira. Ikosa nk'iryo ntirizongere kubaho, ubucamanza bwonyine nibwo bufite uburenganzira bwo guhana. Ukoze icyaha agihanirwe kandi ntihazagire uhanirwa ikosa atakoze. Ubucamanza rero kugira ngo bugere kuri iyo nshingano, nibuhabwe ubwigenge bwuzuye bukorere mu bwisanzure. Ntibuzongere kuvugirwamo ngo bube igikoresho cy'abagamije inyungu zabo.

Abacamanza nibarangwe n'ukuri, ubutabera no kuba inyangamugayo. Babereyeho kunga si ugutanya; babereyeho bose, si bene wabo gusa. Ngiyo intego ibakwiye batagomba kuzatezukaho. Bityo ibihe bizaza bizarate ubutwari bwabo, bizabaririmbe, bizabashimire kuba barunze abanyarwanda, baromoye ibikomere ntawe bakomerekeje maze bakatuvana mu bihe by'amage.

## URUHARE RW'UMUNYARWANDA MU GUHARANIRA UBUTABERA

Ubutabera si ubw'inkiko n'abacamanza gusa. Burasesera bugahera mu mutima wa buri wese, bugasingira urugo ndetse n'izindi nzego zishinzwe abaturage. Buri munyarwanda niyitoze kubaha undi n'ibye byose, niyubahe ubuzima bwa mugenzi we kuko ari ikiremwa cy'Imana. Buri wese nagerageze guha undi ikimukwiriye yirinde kumurenganya. Kuvugisha ukuri ni inkingi y'ubutabera, buri munyarwanda nabiharanire kabone n'aho yakuzira kuko kuba amahano yarahingutse i Rwanda ari uko twabuze ukuri mu gihugu n'abaguharanira bashishikaye.

Ese hari umunyarwanda usumbya undi ubunyarwanda ? Ndahamya ko ari ntawe. N'ugitekereza atyo niyisubireho kuko ntacyo yazamarira u Rwanda. Uruhare n'uburenganzira ku byiza n'umutungo w'urwatubyaye ni ibya buri munyarwanda kandi ku buryo bumwe.

Nyuma y'ibyo twiboneye twese ntihazagire uwongera kuvutswa kwiga kandi abikwiye, abure amazi meza, abure umuhanda, narwara abure aho avurirwa ngo aha arazira ubwoko, akarere cyangwa se ibitekerezo bye. Buri munyarwanda namenye uburenganzira bwe kandi Leta iharanire ko atabuvutswa. Bitabaye ibyo kwaba ari ugukomeza kuvomerera ya mbuto y'amacakubiri, iryo kosa ntirizasubire i Rwanda.

## UBUTEGETSI BWIZA NI INKINGI Y'UBUMWE N'UBWUMVIKANE MU BANYARWANDA

Ubutegetsi bubereyeho abaturage bose nta vangura ribayeho; kumva nabi inshingano yabwo cyangwa se kuyirengagiza byatumye mu myaka ishize abategetsi barimirije imbere inyungu zabo, biyibagiza ko babereyeho abaturage bose, baha icyuho amacakubiri n'urwango maze igihugu bakigusha mu rwobo kizavamo twiyushye akuya.

Ubutegetsi burebera abaturage igikwiye. Abanyarwanda dukeneye byinshi ariko icy'ingenzi uwavuga ko ari ubumwe bwacu ntiyaba yibeshye cyangwa abeshye. Ntawabura rero kugira icyizere ko ubwiyunge n'ubumwe bw'abanyarwanda bizagerwaho mu gihe tuzaba dutwawe n'abimirije imbere iyo ntego, ndavuga Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda". Nikomeze iharanire icyo cyizere cya buri munyarwanda mu ngamba zayo, ariko cyane cyane mu bikorwa byayo kuko "kora ndebe iruta vuga numve". Ikindi kandi nishyigikirwe na buri munyarwanda muri iyo migambi myiza, itizwe ingufu na buri wese. Utazashyigikira umuntu ugamije kunga, ugamije ubumwe bwacu, bazamubaze icyo ashaka i Rwanda. Aho ibihe bigeze ubungubu u Rwanda nirutwarwe n'inyangamugayo. Biteye agahinda kuzabona umutegetsi runaka we shusho igaragara y'ubumwe bw'abanyarwanda, atsikira akagwa mu cyaha maze agatanya abo u Rwanda rwamuragije.
Wa mutegetsi ugamije inyungu ze bwite n'iza bene wabo, ucyitiranya umutungo w'igihugu n'uwe, uwo ntagikwiye u Rwanda. Ubuhanga, ubushishozi n'ubwitange bitavangura ngibyo ibigomba kwitabwaho mu guhitamo abayobozi b'ingeri zose, kuva kuri Nyumbakumi kugera kuri Perezida wa Repubulika, hato icyiswe "AKAZU" kitazongera guhinguka i Rwanda, kuko ibyo kakuruye n'ukivuka arabizi.

## IBITEKEREZO BYUBAKA NIBIRANGE BURI MUNYARWANDA

Dore ikindi kinyagihumbi kiregereje, kizasange buri munyarwanda, ari umuturage usanzwe, ari n'umutegetsi, yifitemo ibitekerezo bihuje n'igihe tugezemo; ibitekerezo n'imigambi byubaka u Rwanda. Ntikizasange hari umunyarwanda n'umwe ukiri nka ya njiji y'intabwirwa, si no kubwirwa, yabonesheje yombi amahano yabereye i Rwanda ikaba igifite ibitekerezo bishingiye ku moko n'uturere. Ntikizasange hakiri ucyiratana ubwoko, akarere cyangwa ubuvuke ngo asuzugure abandi kuko iyo ngeso itubaka ahubwo isenya. Icyo kinyagihumbi kizasange abanyarwanda twese twiratana ubumwe bwacu, imigambi myiza; kizasange twiratana gukunda urwatubyaye n'abarwo; kizasange twiratana ingufu n'amaboko u Rwanda rudutezeho.

Buri munyarwanda nakere gutaka urwamubyaye. Narutake ubumwe, narutake amahoro n'ituze byo shingiro y'amajyambere twese turangamiye. Bityo ya sura mbi u Rwanda rufite imbere y'amahanga tuyihindure nziza tubikesha ubushake n'u-
kwihata bya buri wese.

## UBUREZI NIBUHABWE UMWANYA UGARAGARA

Nibyo koko burya ngo "Uburere buruta ubuvuke".
Rwanda yibarutse benshi ariko rero, nibahabwe uburere bukwiye.

Kurerwa kuri iki gihe, ni ingenzi ntibinareba abana gusa n'urubyiruko, bireba n'abakuze ndetse n'abasaza kuko nabo abenshi muri bo barenzwe n'urwango rutagira shinge.

Ari mu ngo no mu mashuri, ku mirenge no mu manama, mu biganiro mbwirwaruhame no mu mahugurwa, ku maradiyo no mu binyamakuru, mu masengero, intego y'ibanze nibe imwe iteka, kugorora imitima yagoromanze no kurerera u Rwanda urubyiruko ruyikunda rugakunda n'abayo bose. Gutuzwa mu midugudu ni bibe ishingiro ry'uko abanyarwanda bakongera bagatozwa wa muco wo guturana mu mahoro no gusabana. Amashyirahamwe nayo haba ayo mu migi cyangwa ayo mu byaro, nabumbe abanyarwanda b'amoko yose n'uturere twose, abigishe gukorera hamwe abereke agaciro k'ubwuzuzanye mu bantu.

Uburere bwiza umuntu abukomora mbere na mbere ku babyeyi. Ababyeyi b'u Rwanda cyane cyane abategarugori nibatoze abana babo urukundo ruzira imipaka y'amoko, y'uturere yewe ndetse n'iyigihugu. Urwo rukundo kandi, nibaharanire kurwigiramo kuko ntawe utanga icyo adafite.

Abayobozi b'inzego zose, abarezi n'abanyamadini ndetse n'abandi bafite umutima ukunda, nibegere uriya munyarwanda udashobora kwihanganira uwo badahuje ubwoko, akarere cyangwa ibitekerezo, akamurwanya. Nibamwegere bamwumvishe ko ivangura rye ntaho rishingiye, bamwumvishe icyiza cyo kuba twararemwe dutandukanye byo biduha ubwuzuzanye nyakuri. Nibegere uriya munyarwanda ugifata ikosa ry'umuntu cyangwa agatsiko aka n'aka akarigereka ku bwoko, akarigereka ku karere. Bene uwo, ibitekerezo bya ba "rusahuriramunduru" biracyamuhumye amaso: abona umuntu ati "ubwo avuka aha naha, ateye atya" ubwo agatangira akamwibazaho byinshi akamutwerera umutima atagira; burya koko ngo "ukwanga akumva uko yishakiye". Nibamwumvishe ko nta wahisemo kuvukira mu karere cyangwa ubwoko ubu n'ubu bamwemeze ko buri muntu ariwe soko y'ibyiza ashobora gukora abifashijwemo n'Iyamuhanze. Nibamwereke rero inzira y'urukundo ruzira kurobanura maze nabananira, bazamubaze icyo ashaka muri uru Rwanda kandi azakurikiranirwe hafi ejo hatazagira uwo yanduza iyo ndwara arwaye.

Abanyarwanda bose bafite ibitekerezo byubaka, bafite umutima ukunda nibashyira hamwe bakegera bene abo bafite ibitekerezo bitigeze kugira agaciro, ndumva amaherezo bazigarura bakajya mu murongo mwiza. Nta kabuza rwa rwikekwe no gutinyana biri hagati y'abana b'u Rwanda bizagenda nka nyomberi, maze icyizere cyo shingiro ry'ubwumvikane kizahabwe intebe hose.

Amahugurwa ku byerekeye uburenganzira bw'ikiremwamuntu nashyigikirwe ku buryo bwose ari mu baturage b'imigi, ndetse n'ab'ibyaro nababere isoko y'inyigisho zihindura imitima. Benshi ntibakimenya agaciro k'ubuzima bw'undi, nibabitozwe. Igitangaje rero, ni uko bene abo bazi neza agaciro k'ubuzima bwabo. Rya tegeko rishyinguwe mu mutima wa buri wese rivuga ngo "icyo utifuza kugirirwa ntukakigirire abandi" rirabe irya buri wese, rimurikire ibikorwa bye byose. Maze kubaha umuntu ukubaha n'ibye ukamwubahira kuko yaremwe nkawe, ukirinda kubangamira uburenganzira bwe, bibe umugenzo mwiza uranga buri munyarwanda.

Wa muco mwiza wo kudahohoterana, koroherana no kudahora nucengezwe hose no muri bose. Urabe indirimbo y'amajwi menshi, mu bihe y'amage ndetse n'ibyiza tujye tuyiririmba dufatane urunana itwibutse ko abanyarwanda twese turi umwe, ko n'ibibazo byose byavuka bishobora kubonerwa umuti mu nzira nziza, inogeye buri wese nta ntugunda zihabaye.

## IMBABAZI NIYO NTAMBWE YA MBERE IGANA KU BWIYUNGE

Kugira ngo ubwiyunge n'ubwumvikane bigerweho mu Rwanda, nta wahakana ko kubabarirana ari ngombwa mbere ya byose, bitabaye ibyo, ubwo bwiyunge bwaba ari inzozi z'amanywa y'ihangu. Kubabarirana ni ngombwa. Intambwe y'ibanze kandi ntawe utayizi ni uko uwakosheje uwo ari we wese, yakwicuza abikuye ku mutima, maze agasaba imbabazi nta buryarya kuko ntawe uhabwa imbabazi atabanje kwemera icyaha. Nazirikane mbere na mbere ko nta butwari bwaba busumba kwemera intege nke za muntu, ukemera ikosa wakoze no kurihanirwa nta mwijujuto. Maze ijambo inkiko zizamubwira, urubanza ruzacibwa rutabogamye azabibonemo ijambo ry'umubyeyi wa twese wifuza ko abe bose basubirana bakabana ariwe RWANDA.

Koko kubabarirana birashoboka nihaba ukwicuza guhamye koko, gusaba imbabazi bizira urwiyererutso n'uburyarya, hakaba gutangana imbabazi umutima wihanganira amakosa y'undi, umutima utagamije kubika inzika, utagamije kurenzaho.

Igihe cyose nihimirizwe imbere ubwiyunge bw'abanyarwanda kuko ariyo mizero yonyine u Rwanda rusigaranye. <u>Leta nishakishe uburyo hashyirwaho icyumweru ngarukamwaka kigaharirwa kuzirikana "Ubwiyunge bw'Abanyarwanda"</u>.

## URUHARE RW'IMPUGUKE MU KUNGA NO KUMVIKANISHA ABANYARWANDA

Hari igitera agahinda n'isoni buri muntu wese ushyira mu gaciro. Ni ukubona muntu witwa immpuguke, witwa intiti duhanze amaso agira ibitekerezo bigufiya bigamije gusenya, maze aho kubera rubanda urugero rwiza mu nzira y'ubumwe n'amahoro akabayobya akabagusha, akabigisha gusubiranamo. Niba hakiri impuguke nk'iyo mu Rwanda, nihumuke ibihe birageze. Ese ubundi uwo akwiriye iryo zina ? aa ! Simbizi !

Abanyabwenge n'impuguke zikwiye iryo zina, nibahaguruke bajye inama barebe icyazahura u Rwanda. Nibashakashake uburyo nyabwo bwadufasha kuzahura ubukungu, tukava mu bujiji. Abize amateka nabo nibakorane, baduhugure batumenyeshe amateka nyakuri y'u Rwanda. Nta kabuza ahatse byinshi bigaragaza ko abakurambere bacu bashyiraga hamwe bagafashanya, ko bari bunze ubumwe. Naho amateka agamije gutanya abanyarwanda, ni ayo gukosorwa.

## URUHARE RW'URUBYIRUKO MU KUMVIKANISHA ABANYARWANDA

Urubyiruko rugomba kumva ko arizo mbaraga igihugu gifite, maze rugatanga umuganda ufatika mu nzira y'ubwiyunge n'ubumwe by'abanyarwanda. Umusore cyangwa inkumi bakifitemo ibitekerezo bishaje bishingiye ku macakubiri no ku mwiryane nibabyivanemo, nibakanguke kuko bagisinziriye. Maze urubyiruko rwose rukere kunga ubumwe. Leta y'ubumwe bw'Abanyarwanda ntihwema gukora uko ishoboye ngo urubyiruko rusabane kuko yarangije kubona agaciro k'intagereranwa k'urwo Rwanda rw'ejo. Ari mu mashuri, mu mahugurwa, mu mikino, mu marushanwa y'ingeri zose ndetse n'ahandi, abasore n'inkumi nibahure kenshi bashyikirane batitaye ku bibatandukanya, baganire nta kwishishanya, maze barebe amakosa yaranzwe i Rwanda n'icyayateye bayashakire umuti ubwabo. Nibazirikane ko ibihe biri imbere biri mu maboko yabo, ko niba nta bumwe bubaranga, nta kabuza u Rwanda rwababyaye ruzongera rukagwa mu kangaratete.

Abana b'u Rwanda nibabyirukane rero ishyaka ryiza ryo gukunda urwababyaye no kwitangira abandi. Muri bo ntihazagire uwongera kugwa mu mutego w'abagamije inyungu zabo ngo maze bamushore mu bikorwa bisenya igihugu.

Bararangwe n'imihigo ibereye intwari twifuza i Rwanda. Barabe ba micomyiza, ibitekerezo byubaka bibabere ikirangantego, bityo Rwanda umubyeyi wa twese ijye ibareba bamwenyure nayo imwenyure, bayikunde nayo ibakunde, bayizihire izabe yibikiye intwari zizayitabara. Buri mwana afite uburenganzira bwo kurerwa neza, Leta niharanire ko atabuvutswa. Ari abagizwe imfubyi n'amahano yabaye i Rwanda, ari ba "mayibobo" birirwa bazerera mu mihanda, niharanire ko bakurana umutima mwiza, iharanire ko bagira ubuzima bwiza kuko nabo ari ingufu z'igihugu, n'u Rwanda rw'ejo.

## URUHARE RW'AMADINI

Amadini afite uruhare rugaragara mu kunga no kumvikanisha abanyarwanda kuko abumbye abantu b'ingeri zose, b'amoko yose, ndetse n'uturere twose. Nabe isangano ry'ubumwe bw'abanyarwanda. Si umukristo, si umukristu, si umuyehova, si umuyisilamu n'abandi bose, ikibahuje ni kimwe cy'ingenzi ni "Urukundo rukunda umuntu kuko yaremwe mu ishusho ry''Imana. Buri wese nabe intumwa y'urwo rukundo, aharanire kurucengeza mu bandi.

Abayobozi b'amadini n'abihayimana bahawe byinshi bazabazwa byinshi. Nibabe abungeri beza, bakenura urwuri, bahangayikishwe n'ubushyo baragijwe. Nibamenye ko baragijwe abantu batandukanye ariko rero bose barabarangamiye. Nibabigisha urukundo rukunda bose, nabo ubwabo rukabaranga, nibabigisha ubumwe nyabwo bakabigisha kubabarirana maze bikabaranga igihe cyose, haba mu bihe byiza cyangwa se by'amakuba, nta kabuza bazabumva kandi bazakurikiza urugero rwiza babaha, maze amadini azabaabaye ihuriro ry'abunze ubumwe babanye mu mahoro .

## URUHARE RW'ABANYAMAKURU MU KUNGA NO KUMVIKANISHA ABANYARWANDA

Abanyamakuru nabo ntibahejwe mu gushakira amahoro n'ubwumvikane abanyarwanda. Ntibakaniganwe ijambo. Ariko mbere na mbere, nibasubize amaso inyuma, bayasubize mu binyamakuru byinshi byaranzwe no gutanya abanyarwanda, byaranzwe n'ibitekerezo bisenya. Muri bo uzahakana ko ibyo binyamakuru byagize uruhare mu kubiba amacakubiri, uwo azaba agikeneye guhugurwa, azarekere uwo mwuga abawushoboye; ibyo bireba kandi n'abanyamakuru bavugira kuri Radiyo. Abanyamakuru bose nibashake intego n'imigambi ihamye bizabavana mu kimwaro basizwemo n'abakoraga umwuga nk'uwo. Inyandiko zabo zirarangwe n'ukuri kutabogama, ibitekerezo byubaka u Rwanda nibibarange. Leta rero irakomeze ibashyigikire cyane, uburenganzira bwabo ntibuzapfukiranwe igihe cyose bazaharanira ubumwe n'ubwumvikane mu banyarwanda. Uzagaragaraho indi migambi ahagarikwe bwangu amazi atararenga inkombe. Radiyo n'ibinyamakuru byo nzira yo kujijuka, bikaba n'isangano ry'ubumwe n'amahoro ndetse n'urusobe rw'ibitekerezo byubaka, nibihabwe urubuga bikwiye mu ntambara turwana tugana amajyambere.

## UMUTEKANO NUBUMBATIRWE NA BURI WESE

Ikibazo cy'umutekano ntawe kidakwiye guhangayikisha kireba buri munyarwanda wese. Buri munyarwanda akaba agomba guhaguruka akawubumbatira, akawurinda guhungabana ku rwego rwe. Bikareba cyane cyane urwego rwa gisirikari rufite inshingano yarwo y'ibanze yo kurinda buri munyarwanda.

Ariko rero mbere na mbere, uwakoze icyaha yitwaje intwaro, na n'ubu akaba akiyifite mu biganza agambiriye kubuza abandi amahwemo igihe kirageze ngo ayirambike hasi; apfukame imbere y'urwamubyaye asabe imbabazi.

Natagira ubwo butwari, azarekere abandi bana b'u Rwanda amahoro, abareke biyunge kuko babyifuza bubake urwababyaye. Erega uwo nguwo aramenye ko nanangira umutima azapfana agahinda akazibuka gusaba imbabazi n'uwamubyaye atazimuha.

Intwaro yose igamije ikindi kitari ukurengera ubusugire bw'urwatubyaye nirambikwe hasi. Intwaro yose irengera bamwe igatsikiza abandi nirambikwe hasi. Intwaro yose igamije gutanya abana b'u Rwanda idaharnira ubumwe bwabo nirambikwe. Ya ntwaro ihohotera uburenganzira bw'ikiremwamuntu nirambikwe hasi imwe yivugana inzirakarengane igahitana abakecuru n'abasaza igahitana ibibondo, ntizongere kurangwa i Rwanda?. Hazasigare gusa intwaro zo kurengera urwatubyaye igihe tuzaba dutewe n'udashaka ubumwe bw'abanyarwanda cyangwa se ashaka kutugira ingaruzwamuheto.

UMWANZURO

Koko igihe kirageze aho buri wese abona ko ubwiyunge n'ubumwe mu bana b'u Rwanda ari ngombwa kugira ngo twubake urwatubyaye. Iyo ni inshingano ya buri munyarwanda akaba agomba kuyiharanira iteka mu bushake buhoraho. Ubutegetsi kuri buri rwego nibuharanire kuduha inzira nyayo izatugeza kuri ubwo bwiyunge bubereyeho kuba ijisho rya rubanda. Guverinoma y'ubumwe bw'abanyarwanda nikomeze iduhuze, uruhare runini ni urwayo. Ubutabera nabwo bubereyeho kunga, nibuhabwe ibikoresho byabufasha kurangiza neza iyo nshingano ku buryo budatinze.

Maze rero igihe nta munyarwanda uzaba akirangwa na bya bitekerezo bishaje bishingiye ku moko no ku turere, igihe twese tuzakenyera tugakera kubaka u Rwanda, buri wese akubaha undi n'ibye. Igihe kudahohoterana koroherana no kubabarirana bizaba byarabaye umuco uturanga, igihe umuntu azashimagiza undi amushimira ubuhanga n'ubushishozi, ubwitange n'ubutwari atagendeye ku bwoko cyangwa akarere, "Demokarasi" niho izaba ishobotse i Rwanda, izakemura ibibazo byinshi. Imbanzamihigo z'intarobanura, impuzampembe zimirije imbere kubaho neza kwa buri munyarwanda zizahabwe u Rwanda uko imyaka izataha, abanyarwanda bazubake urwababyaye uko bangana kose mu bwuzuzanye, bafatane urunana maze amajyambere twifuza azatahe mu Rwagasabo, natwe tuzatangire dukore indege.

Bikorewe i Nkumba, kuwa 23/7/1997

RUSINE Alexis

Seminari nto ya Mutagatifu Yohani
ya Nkumba
B.P. 45 RUHENGERI

10

SEMINARI NTO YA MUTAGATIFU LEHU
KABGAYI
B.P. 66 GITARAMA.

# ICYAKORWA KUGIRA NGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA.

BYATEGUWE NA :

HABIMANA YOHANI DAMASENI.

UMWAKA WA GATANDATU W'INDIMI.

Kanama,1997.

# ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA:

Kuva u Rwanda rubona ubwigenge kugeza magingo aya, imyaka ibaye mirongo itatu n'itanu(35). Kenshi na kenshi, umuntu ufite iyo myaka, aba amaze kuba igikwerere, ari umugabo uhamye, haba mu bikorwa cyangwa mu myitwarire ye. Ikibabaje ni uko u Rwanda atari ko rumeze, Kuko hashize imyaka 3 ruhonotse amahano yaruhogoje, akaruhutira abana bazira icyiswe ubwoko, bazira ibitekerezo byabo, akarere ndetse n'indeshyo yabo. Ibikomere biracyavirirana mu mitima y' Abanyarwanda: hari ikibazo cy'ubujiji n'ubukene bukenya bene Kanyarwanda. Hari urwikekwe, amacakubiri inzika n'inzigo bituma Abanyarwanda bakora basanza aho gusenyera umugozi umwe. Dufite imfubyi, abapfakazi, abacitse ku icumu, abahahamutse n'abahungutse bakeneye inkunga yacu by'umwihariko. None se kugirango ibyo bibazo byose tubikemure, Abanyarwanda bongere babane neza, bavuze impundu zizira impembyi, hakorwa iki? ubutegetsi bwafata ngamba ki? Uruhare rw'itangazamakuru nyarwanda rwaba uruhe? Ubucamanza se bwo bwakora iki? Ese umuturage, cyane cyane urubyiruko, abategarugori n'abanyamadini batanga musanzu ki? Mu rwego rw'uburezi n'ubukungu se ho hakorwa iki? Ibyo nibyo tugiye kuganiraho. Ariko twabanza gusubiza amaso inyuma, tukareba ibyaranze imibanire y'abanyarwanda, icyateye amacakubiri, hanyuma tukabona ingamba zafatwa mu nzego zitandukanye.

AMATEKA y'u Rwanda aduhishurira ko kera abanyarwanda baciranaga bagasukirana. Barashyingiranaga, bakanywana, bagaterana ingabo mu bitugu nk'abavandimwe. Iyo bajyaga mu ntambara y'ibitero, bahagurukiraga rimwe bakarwanya umwanzi; cyaba ari icyago nk'inzara icyorezo se, bagashakira hamwe uburyo bwo kugitsinda no kugihashya Mu byabahuzaga twavuga cyane cyane idini gakondo, Imana imwe, umuco umwe n'ururimi rumwe. Bakoraga imirimo itandukanye, ikabafasha guhahirana, kuzuzanya no kwihaza mubyo bakeneye. Abahinzi bitwaga abahutu aborozi bakitwa abatutsi naho ababumbaga bakitwa abatwa. Bari bafite ubutegetsi buhamye, hejuru hakaba umwami, umugabekazi n'abiru, hagataho umutware w'intebe, akungirizwa n'abatware b'ingabo, b'umukenke n'ab'ubutaka. Hakurikiragaho abatware b'umurenge, nyuma hakaba abatware b'imiryango. Ibi biratwereka ko bari bashyize hamwe, bafite ubutegetsi bukomeye kandi bwita ku bibazo byabo. Aha nakongeraho ko abo bategetsi bavaga mu baturage bose, nta kuronda icyiswe ubwoko cyangwa akarere.

Nk'uko amateka akomeza kudusobanurira, abazungu bigabanyije Afurika ntibibagiwe u Rwanda. Nibwo rero mu ntangiriro y'iki kinyejana Abadage batangiye kugera mu Rwanda, batangazwa rwose n'uburyo ubutegetsi bwari bumeze.
Ushaka kuramba ku ngoma ngo atatanya abo ategeka. Niko byagenze, Ababiligi baragijwe u Rwanda nyuma y'intambara ya mbere y'isi yose maze bakundwakaza bamwe mu batutsi bari ku butegetsi, birukana abandi mu bahutu bari baburimo. Ntibyacuriye aho babategetse gukoresha Abanyarwanda imirimo y'agahato. Ubwo "SHIKU" n'"IKIBOKO"birababona, ababishoboye bahungira i BUGANDE, abandi bemera akaje. Hagati aho abazungu bakomeje kwemeza ko mu Rwanda hari ubwoko bugomba gutegeka, n'abandi bagomba gutegekwa.

Nyuma muri Afurika hose haje inkubiri y'ubwigenge maze ba gashakabuhake babibonye, bashaka uburyo badusiga mu mazi abira. Nibwo bagize ibikoresho bamwe mu banyarwanda, babumvisha ko bakandamijwe kandi ko bagomba kwihimura. Muri icyo gihe bamwe mu bana b'u Rwanda baratwikirwa, bicwa na bene wabo, ababishoboye barahunga. Ubutegetsi bwakurikiyeho uko bwasimburanye, ntacyo bwakoze ngo bushake uko bwagarura , kandi ngo bubumbatire umubano mwiza mu Banyarwanda, ahubwo

bwakomeje guhembera umwiryane, ukwikubira, uburyamirane n'ivangura Abategetsi ntacyo bakoze ngo bahurize hamwe abaturage, bicare bashake umuti w'ibibazo byabo. Bakomeje gushimangira inyigisho z'abakoroni, baheza abana b'u Rwanda ishyanga, bakomeza kubiba imbuto y'amacakubiri ari nayo yabaye intandarö y'itsembabwoko n'itsembatsemba byashohojwe muw'1994.

Nyuma nibwo abanyarwanda benshi bahunze intambara, abandi bahunga ibibi bakoze, bataretse no gushuka bagenzi babo. Icyo twakwishimira ni uko abenshi muri bo babashije kugaruka mu rwababyaye, mu bandi banyarwanda. Ubutegetsi buzabigiramo uruhare runini kuko ari bwo bagomba kugena gahunda zo kubereka umurongo igihugu cyacu kigenderaho, bagatanga umusanzu wabo mu kuruteza imbere bafatanije n'abandi.

Nk'uko bigaragara nta gushidikanya ko UBUTEGETSI uko bwagiye busimburana cyane cyane ubwa Repubulika bwagiye bukora nabi; bwirengagiza ibibazo birebana n'imibanire y'abantu. Ibi bikaba ahanini ari byo byabaye impamvu y'ibanze yo gutanya abanyarwanda. Kubera ibyo rero, Ubutegetsi bugomba guhindura imikorere kugira ngo abantu bongere babane neza.

Muri urwo rwego, abategetsi bagomba kwereka abantu no kubumvisha ko ari bo mutungo w'ibanze igihugu gifite. Bityo, buri wese agahabwa inshingano yo kuwubumbatira, Ibyo byafasha abantu kutazongera kwiyumvisha ko kugirango babone amahoro bagomba kwikiza bagenzi babo, ko ahubwo kwishyira hamwe ari byo byatuma tugira amahoro arambye.

Bagomba kandi na none, kugira umurongo wa Politiki uhamye kandi uzwi, bakawusobanurira abaturage kugirango bawumenye neza, boye kuba aka ba babigi babiri bayobya imbwa uburari. Twese tugatahiriza umugozi umwe ntibubake ngo abandi basenye.

Bagomba kwimakaza umuco wa Demokarasi nyayo,bakayisobanurira abaturage ku buryo nyabwo kandi bwumvikana, kugirango batazongera kumva ko Demokarasi ari ugukora icyo umuntu yishakiye. Ariko nabo bakamenya ko Demokarasi ari ubutegetsi bw'abaturage, butangwa n'abaturage kandi bukorera abaturage. Bityo bagomba kwirinda Poilitiki ya "mpatsibihugu" y'abazungu akenshi ituma bareka gukorera igihugu, bagakorera "UMUKORONI"uhora ashaka ibyatanya abantu ngo abategeke Ni ngombwa kandi ko baca burundu umuco wo gusahura umutungo wa rubanda kuko nayo ari imwe mu mpamvu ziteza amacakubiri, buri wese ashaka gukoresha ibya rubanda uko yishakiye.

Kugirango bishoboke abategetsi bagomba kuva mu biro,bakegera abaturage, bagashyikirana, bakungurana inama. Banababa amabwiriza bakabibereka ku ngero zigaragara, Nk'ubu turimo twigisha abantu kubana neza, ntidusange mu nzego zose zo hejuru baryana kuko"Umwera uturutse ibukuru bucya wakwiriye hose" kandi ngo"Abatutira batongana batura ukubiri".

Ikindi cyadufasha kongera kubana neza ni uko abaturage bahabwa urubuga rwo gutanga ibitekerezo byabo. Abitwa intumwa za rubanda babegere bumve ibibazo byabo bageragezе kubishakira umuti boye kwibera mu biro; kuko bitabaye bityo nibwo abantu bamwe babona ko bahejwe bakaba bakwivumbagatanya maze ba rusahurira mu nduru bakaba babyuririraho bakabiba amacakubiri.

Leta igomba gushakira abaturage umutekano, wo shingiro ry'amahoro, ubusabane n'amajyambere. Abaturage bagasobanurirwa inshingano zabo, mu kwibungabungira umutekano, birinda guhishira cyangwa kuba ibyitso by'abagizi ba nabi

Bagomba kandi guhugura no gutoza ikinyabupfura abashinzwe umutekano bagatozwa kugendera ku mategeko, batitwaje umurimo wabo ngo bagire uwo bahohotera.

Ubutegetsi bugomba kandi guca burundu, no kwamaganire kure akarengane ako ari ko kose, aho katuruka hose, n'uwo kagiririwa wese kuko ahanini ari ko gatera ubuhunzi, nabwo bukabyara amakimbirane y'urudaca. Ibyo byagerwaho ari uko hashyizweho umutekano uhagije mu gihugu, kandi bagashishikariza impunzi gutaha iwabo. Hagombye kandi kubahirizwa uburenganzira bw'ikiremwamuntu, ntihagire abantu bafatwa bunyamaswa cyangwa se bucakara kandi bari mu gihugu cyabo. Abantu bose bakwiye kureshya imbere y'amategeko kandi akabarengera.

Ivangura iyo riva rikagera, ryaba iry'amoko, uturere, ibitsina, cyangwa amadini rigomba gucibwa kuko rituma haboneka uruhande rukandamizwa n'urutoneshwa, maze hakavuka inkiko 2 zihanganye inzangano n'amashyari bikavuka , inzika n'inzigo zikazenguruka uruziga rw'ubumwe bw'abanyarwanda. Ikimenyane ni ngombwa ko gicibwa burundu, umuntu agahabwa umurimo kubera ubushobozi bwe hadakurikijwe isura, amasano, afitanye n'utanga akazi, cyangwa se bitugukwaha yaba yatanze. Leta kandi igomba gutegura neza no kwihutisha ituzwa ry'abantu mu midugudu kuko nabyo byafasha abantu kumva ko ari bamwe maze bagasabana; ariko na none hakwirindwa ko habaho agace gatuwe n'abantu aba n'aba bafite icyo bahuriyeho, kuko ab'imitima yanangiye, babyuririraho bakongera gukongeza ifumba y'ivangura.

Ubutegetsi bukwiye kwamagana ibintu byose byazana inyigisho cyangwa ibitekerezo bitanya abantu. Muri urwo rwego, Ibiganiro, cyangwa ibinyamakuru bibogamye bigacirwa mu mizi. Aha kandi twakongeraho amadini y'ibyadukayigisha abantu kwigomeka ku butegetsi, no kwangiza ibikorwa by'amajyambere, Na yo ni ayo kurwanywa bivuye inyuma.

Ni ngombwa ko ingabo z'igihugu zihugurwa, kandi zigahabwa ibyangombwa bihagije byo kurinda abaturage. Ariko na none hakwiye amahuriro y'ingabo n'abaturage basanzwe, kugirango bashobore gusabana no kumva ko bose ari abanyarwanda kimwe. Umusirikare ntakomeze gufatwa nk'umuntu ushinzwe kurasa gusa; ahubwo nawe akagira uruhare muri Politiki no mu yindi mirimo yo kubaka igihugu.

Kugirango ibyo byose bizagerweho, abategetsi bagomba kwigisha abantu bose, no kubakangurira umuco w'amahoro n'ubwiyunge. Muri urwo rwego, hategurwa amahugurwa, ingabo n'andi mahuriro anyuranye, yahuriza hamwe abanyarwanda bo mu nzego zose zinyuranye kuva muri Selire, kugeza ku rwego rw'igihugu, abantu bagahura bagasabana, bakigira hamwe ibibazo byabo bakanabishakira umuti. Nibwo abanyarwanda bakumva ko ari bamwe, ko ibyago n'ibyishimo habisangira.

Hategurwa kandi ibiganano by'umwimerere, byaba ibiganiro mbwirwaruhame, amakinamico, cyangwa izindi nyandiko bigamije kwigisha ubumwe bw'abanyarwanda, maze twese abategetsi, ingabo, buri muntu mu rwego rwe tugahagurukira rimwe, tukubaka u Rwanda rwacu.

Nk'uko bikunze kuvugwa "ITANGAZAMAKURU ni ubutegetsi bwa kane". Mu marorerwa yabaye mu gihugu cyacu, ryagize uruhare runini, kuko ryabaye igikoresho cy'abanyapolitiki babi. Ijwi ryabo ryumvikaniyemo babona uburyo bworoshye bwo gushyira mu bikorwa imigambi yabo mibisha. Ryabaye umuhuza w'abicanyi, nabo bamamaza hose umwiryane n'ubwicanyi.

Niyo mpamvu hakwiye gufatwa ingamba nshya, itangazamakuru rikaba igikoresho cy'umusemburo w'ubumwe, ubwiyunge n'ubworoherane, ubutabera n'uburinganire. Mu Rwanda ntitugikeneye itangazamakuru ...

riharabika abantu ribashushanya cyangwa"gashozantambara" nka "R.T.L.M.", ritubwira ko hari abanyarwanda bagomba gupfa,nk'aho ari inyamaswa cyangwa bahisemo aho bavukira.

Rigomba gufasha abanyarwanda kumenya no gusobanukirwa ibyabaye ahandi. Rigomba kandi kubagezaho amakuru y'imvaho atabogamye.Dukeneye itangazamakuru rihugura abaturage, rikabigisha kubana neza no kwihanganirana. Rigomba kubakangurira kudashyamirana ahubwo bagira ibibazo bakabikemurira mu butabera n'amahoro. Abanyamakuru bagomba guhuza abanyarwanda, umuntu akamenya ibyiza n'ibibi byabaye. Itangazamakuru dukwiye kwimiriza imbere, si iryibanda ku mibereho y'abanyapolitiki, uko biriwe n'uko baraye. Rigomba kwita ku mibereho y'abaturage ribereka ibibazo byabo bya buri munsi, inzira zo kubikemura, n'uburyo bakwiteza imbere. Rikwiye gufasha abaturage ribereka uburyo babyaza ubutaka bwabo umusaruro, bagateza imbere ubukorikori n'imyuga iciriritse, maze bakishakira n'imirimo.

Rikwiye kwamagana akarengane ako ari ko kose nta gusebanya rikereka abayobora n'abayoborwa ibitagenda neza, ndetse n'ingamba zafatwa. Abanyamakuru ni ngombwa ko bita ku guhesha agaciro umwuga wabo, bakirinda icyatuma riba igikoresho cy'abanyapolitiki, bityo rigakorera mu bwigenge busesuye.

Igihe cyose rizaba ari urubuga abanyarwanda biniguriramo, rikabigisha kubana neza ribakura mu icuraburindi ry'ubujiji, rigashyigikira ubutabera, ubworoherane n'ubwiyunge; nta kabuza abaturarwanda bazakora igikwiye bitabire kubana mu mahoro.

Umurimo ukomeye w'<u>UBUCAMANZA</u> niwo uzavaho imbuto y'ubwumvikane buzira urwikekwe. Urwo rwego ni ingenzi mu mibanire myiza y'abatuye igihugu, kuko igihe cyose bunyuze mu nzira zibóneye, bukemura ibibazo byose bishobora kuba byateza ubwumvikane buke mu baturage. Niyo mpamvu nyuma yo kwibonera akaga kakomotse ku mikorere mibi yabwo n'umuco wo kudahana wari warokamye ubutegetsi bw'u Rwanda abanyarwanda bateze amaso ku ngamba z'abategetsi bashya b'iki gihugu, bagomba cyane cyane mu rwego rw'ubutabera kwita ku busugire bw'amategeko, kandi imyanzuro yayo igashyirwa mu bikorwa uko yateganyijwe. Igihe hagaragara ko hari icyakozwe nabi, ni ngombwa ko ababishinzwe bateranya bakarikosora aho kugirango haveho impamvu za bamwe zo kwisobanura no kurishyira mu bikorwauko baryumva ngo hahanwe umuntu aho guhana ikosa, ari nabyo bituma bamwe bigirizwaho nkana, abandi bagakingirwa ikibaba.

Kubera ko igihugu cyacu kidafite abakozi babyigiye bihagije, muri urwo rwego kandi kikaba gifite ingorane zo kuburanisha abashinjwa ibyaha by'ingeri zose, ariko cyane cyane icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba, ni ngombwa ko Leta y'u Rwanda yafata ingamba zihamye zo kongera amahugurwa yatangiye, akazaba agamije guhugura abakunganira abakozi bake babyigiye dufite mu murimo utoroshye wo kuburanisha imfungwa zitari nke igihugu cyacu gifite; ndetse n'abatarafatwa bakekwaho ibyaha binyuranye, bagashyikirizwa ubucamanza, nabwo bugakora umurimo wabwo

Tuvuye mu ngeri y'ababyigiye, tubona ko hari urundi rwego rugomba inararibonye kandi rukaba ari ingirakamaro, kuko rwegereye umuturage, bityo ibibazo bye bigakemurirwa mu maguru mashya bitaravamo inzika, inzigo, inzangano cyangwa amahane, ari nabyo bibyara umutekano muke no kutabana neza. Niyo mpamvu rero "Gacaca "igomba guhabwa icyubahiro n'ubushobozi,abaturage nabo bagakangurirwa kuyiyambaza aho kwirukira mu butegetsi bwo hejuru igihe cyose habaye ikibazo bakabanza kugikemurira ku mirenge yabo.

Muri iki gihe ibibazo byinshi bihangayikishije abantu ni ibyakuruwe n'amarorerwa yakozwe muw'1994. Amahano yabaye muri uwo mwaka yatumye haza agahu mu muhano wa bamwe mu batuye u Rwanda. Bamwe baracyafite ibibazo byo kubona mu babahekuye cyangwa babiciye ababo hari abakidegembya, ibyo bikaba byatuma bamwe muri bo bashaka kwihorera bakeka ko ubucamanza bwabatereranye, cyangwa se nabo ba "Ruharwa" bagakora ibishoboka byose bagirango bazimanganye ibimenyetso byabashinja maze bakaba bakwivugana uwo ari we wese waba afite icyo azi ku byo bakoze. Niyo mpamvu rero ubutabera bugomba gukora ibishoboka byose, abakekwaho ibyaha bagafatwa, abafashwe bakaburanishwa, abatsinze bakarekurwa, maze abatsinzwe bagakatirwa, bityo icyizere n'ubusabane bikongera bigasugira mu Banyarwanda, ubwiyunge n'ubwumvikane bikaganza.

Kugirango Abanyarwanda bongere babane neza ni ngombwa ko UMUTURAGE we shingiro ry'igihugu, yumva neza icyo yakora, ubwiyunge, ubworoherane, ubwumvukane no kubabarirana bigomba guhera mu miryango yo hasi no mu baturanyi.

Nyuma y'intambara n'ubwicanyi byo muri Mata 1994, umuturage akwiye kutigiza nkana no kwirengagiza ibibazo byatewe n'ayo mahano, agakora uko ashoboye ngo asibe ibyena byatewe n'ako kaga, agasanga umuturanyi we ngo baterane ingabo mu bitugu maze bazahure urwababyaye.

Kubera ibibi byinshi byaranze icyo gihe, kugirango abanyarwanda bongere basabane, ni ngombwa ko uwakosheje abyemera kandi akagira ubutwari bwo gusaba imbabazi, bityo akaba yorohereje ubutabera. Uwakoze ikosa nasaba imbabazi, uwakoshereje nawe akabona azisabwa n'umuntu ubabajwe n'icyaha cye, azamubabarira.
Ubabariwe nawe agomba kumva ko bidahagije. Aramutse yarangije nk'ikintu ntibyamubuza ko yafasha nyiracyo kugisana. Ntibyabuza kandi ubutabera gukora akazi kabwo kuko bubereyeho kunga.
Ni ukuvuga ko abanyarwanda nibasezerana ko ibyahaye bibi bitazongera kubaho, bazababarirana maze bakongera kubana neza.

Ibyo bizagerwaho ariko nibavugisha ukuri, haba hagati y'umuturage n'undi cyangwe se hagati y'uyobora n'uyoborwa.
Kuko iyo umuntu azira ikinyoma, Uwo baganira amugiramo icyizere, maze ibyo amubwira akabiha agaciro.
Abanyarwanda nibirinda kuryaryana no kuheshyana, nta kabuza bazongera babane neza.

Undi musanzu w'umuturage, ni uguharanira ubworoherane n'ubwiyunge. Niyiyumvisha ko uwo badahuje ibitekerezo cyangwa batumva ibintu kimwe nawe ari umuntu kandi akaba afite uburenganzira nk'ubwe, ntamwishishe ahubwo akamusanga ngo basabane, akamugezaho ibyo amurusha, undi nawe akamuvungurira kubyo amusumbije, bazuzuzanya ndetse n'ubwiyunge buhere aho, amacakubiri acike aho gucengeza umuco wo gucagagurana.

Ikindi umuturage atagombye kwirengagiza kugirango abanyarwanda bongere babane neza ni uko abantu bose bangana, bareshya imbere y'amategeko, yagombye kumenya ko nta bwoko buruta ubundi. Nta wagombye kwirata ku bandi ngo ni uko atuye gutya na gutya, ko asa ukwe, ko avuga ukwe, ko avuka ahantu hakize cyangwa hakennye, ko afite ukwemera yihariye cyangwa ko ari igitsina iki n'iki. Ibyo byasobanura ko umuntu ari umuntu, ko akwiye icyubahiro cye n'uburenganzira bwe. Kugirango rero abanyarwanda bongere basabane, abaturage aho kureba ibibatandukanya bagombye kureba ibyo bahuriyeho, aho kureba ibyo bapfa, bakareba ibyo bapfana; maze bakabona mu itandukanyirizo riri hagati yabo itegeko ry'ubwuzuzanye n'ubufatanye.

Ikindi cyatuma abanyarwanda bongera kubana neza ni uko buri muturage yakumva kandi akageregeza kurangiza neza uruhare afite mu kongera kubaka igihugu, nterekere umutekano abasirikari n'abaporisi ahubwo nawe akageregeza kuwubungabunga mu rugero abishoboyemo. Mu byerekeye ubukungu agomba naho kugaragaza uruhare rwe yivuye inyuma. Ku byerekeye umuco, uruhare runini rwo kuwukomeraho ntabwo ari urwa "Minisiteri y'Urubyiruko,siporo, umuco no kwigisha imyuga iciriritse" si urw'abayobozi gusa ahubwo ni urw'ababyeyi. Agomba kwigisha umwana we kuva akivuka.

Abanyarwanda bazongera babane neza niba buri muntu ugiye gutangira umushinga cyangwa ikindi gikorwa agiye yibaza ati"gifitiye kamaro ki abanyarwanda bose?". Igihe umuntu aramutse abonye inyungu zacyo ari ize bwite, ari iz'abantu bake, cyangwa hari abo cyabangamira, akakireka, akageregeza icyagirira Abaturarwanda benshi akamaro. Ni ukuvuga ko kugirango abanyarwanda bongere babane nta ntugunda, mu mahoro umunezero no mu ituze, buri wese yagombye kureba icyo yakora cyangwa yamarira undi ubu ndetse no mu bihe biri imbere. Yagombye kureba icyo arusha mugenzi we n'icyo arushwa nawe maze bakuzuzanya. Yagombye kandi kwitangira urwamubyaye azi ko ari we ubwe wikorera.

Na none kandi nk'uko igitsina gore kigira impuhwe kurusha abagabo, bafite inshingano ikomeye mu mibanire myiza y'abanyarwanda dore ko ari nabo bakunze kuba bari kumwe n'abana ku buryo ari bo bagira uruhare runini ku myifatire myiza y'urubyiruko. Ikibabaje ariko ni uko bakunze gupfukiranwa, ntibagire icyo bavuga ku byemezo byafashwe n'abagabo, kabone n'aho byaba bitagororotse. Niyo mpamvu rero hagomba kugenwa gahunda z'amasangano y'abari n'abategarugori agamije kungurana ibitekerezo ku cyakorwa kugirango ubwumvikane busabe, kandi imyanzuro yabo igahabwa agaciro kuko hari mu bashobora ku buryo butaziguye, gucengeza ubuzere bwiza mubo barera maze bakabukurana kuko ngo "Igiti kigororwa kikiri gito".

Inkunga y'**uburezi** mu iterambere ry'igihugu, mu guharanira ubumwe n'ubwiyunge ntigira uko isa. Mu byukuri, iyo tutaza kugira abarezi gito, bagatoza abana b'u Rwanda urukundo, bakabaca ku rwango bakabonesa umuco w'ubumwe n'amahoro, bakabasangiza umusa n'ubusabane n'ubworoherane, aho kubahindura ba "Rusahurira mu nduru"basenga abo basangiye isano, igihugu cyacu ntabwo kiba cyaracuze induru n'imiborogo.

Abanyarwanda barihoreye bati "Uburere buruta ubuvuke". Ntibihagije kuba waravukiye heza kandi neza kugirango ube ingirakamaro nk'uko kera umwana yatozwaga kuba umugabo, agatozwa kuba imfura,agakura bamwigisha gukunda igihugu no kukirwanira ishyaka, Uwo muco mwiza wari ukwiye gusubizwa ijambo, abana bakigishwa amateka atabogamye, maze hagashyirwaho isomo (mu ntaganyanyigisho)ryo mu rwego rw'uburere mboneragihugu rigamije gukundisha byimazeyo abana igihugu cyabo, babasesengurira imibanire y'abo mu bihe byahise, ingorane bahuye nazo, icyaziteye, n'ingamba zafatwa kugirango tubirenge. Hakwigishwamo kandi umurongo wa Poritiki igihugu kigenderaho kugira ngo umwana akure akangukiye ubusugire bw'igihugu cye.

Abarezi bagomba kuba intangarugero, bagomba kumenya ko "Uko umureze ari ko akunera". Nibo bagomba gufata iya mbere mu gutoza urubyiruko umuco n'amahoro n'ubwiyunge, aho kubashishikariza kurya inka no gukaraba inkaba, ngo umwana akure azi ko ... intwari ari iyisha abantu batabarika, Abarerwa nabo bafite inshingano yo guhumurizanya, bakamarana intimba bungurana ibitekerezo, bakumva ko turi bamwe. Nta wavuye i Bugande, i Burundi n'ahandi, ahubwo twese turi abana b'u Rwanda.

Abarezi bagomba kwibutsa abarerwa ko uhitamo inshuti udahitamo umuturanyi. Nta wahisemo kuba umunyarwanda ajya kuvuka, kubera iyo mpamvu, Gahutu, Gatwa, Gatutsi, bagomba gufatana urunana. Nk'uko abakurambere bunze ubumwe bakarukura i Gasaba kugeza iyo riterwa inkingi.

Abanyeshuri nabo bagomba kwirinda ibihuha bidafite epfo na ruguru bagafatanya n'ubuyobozi bwa Leta mu kurwanya icyahungabanya

umutekano cyose. Muri urwo rwego na none, bagomba gucika ku mazina n'ibindi bintu biducamo ibice Nta "NTERAHAMWE", nta "GIPINGA" nta "NYENZI"nta"NZOKA". Twese turi bene kanyarwanda.

Kugirango abanyarwanda bongere babane neza, no ngombwa ko URUBYIRUKO rugira uruhare runini kuko iyo twitegereje dusanga umubare munini w'abatuye u Rwanda ari rwo ruwugize. Ikindi kandi nirwo mizero y'igihugu kuko ari rwo rufite ingufu zo kongera kucyubaka, ariko na none rukirinda kuzikoresha nabi [illegible]. Urubyiruko rugira ishyaka maze iryo rwiyemeje rukagishyiraho umuhate kugirango gitungane. Niyo mpamvu rero ruramutse rwihaye intego yo kubanya neza abanyarwanda nta kabuza rwabigeraho.

Kugirango rubigereho ariko, rwagombye gusabana hagati yarwo rukabana neza maze rugahuriza ingufu zarwo mu miryango n'amashyirahamwe. Byarufasha kujya ruhura kenshi, rukaba rwaniga uburyo rwajya rufasha abanyantege nke, kuko iyo ubasanze bumva ko bitaweho maze umubano mwiza ugakomera. Urubyiruko rwagombye kandi gutegura kenshi imikino n'amamurikα y'ibyo rwagezeho kuko biri mu bihuza abantu benshi bakamenyana, bakaba inshuti, maze umubano mwiza ugasugira ugasagamba.

Nta washidikanya ko ibibazo u Rwanda rwahuye nabyo, ingorane z'URUKUNGU ziri mu byabitije umurindi, aka ya ndirimbo ngo"MPEMUKE NDAMUKE"n'ubwo itagikwiye kuba mu bantu yarabaye. Papa Pawulo wa VI niwe wihoreye ati"Amajyambere ni indi nyito y'amahoro". Koko rero uharanira amajyambere y'abaturage aba akotanira amahoro ku isi, kuko igihugu kidashobora kugera kuri ayo majyambere kidashimangiye ubukungu bwacyo.
Ni ngombwa rero ko twareba uburyo twakoresha kugirango abanyarwanda bongere babane neza.

Ubukungu bwa mbere ni abaturage b'iguhugu. Kuko nta cyakorwa nta maboko igihugu gifite. Tugomba gukora uko dushoboye rero, kugira ngo tubyaze amaboko y'abanyarwanda umusaruro, twirinda ibidutandukanya byose. Ni muri urwo rwego dukwiye guteza imbere ikoranabuhanga riciriritse rishingiye ku bikoresho dusanga hano iwacu kandi tugafatanya n'ibihugu duturanye mbere yo kwirukira ibyadusize cyane.

Ni ngombwa ko twamagana inda nini ishingiye ku muco wo kwikubira no kunyunyuza imitsi y'abandi, tugaca ingeso yo kurya ruswa maze buri munyarwanda agahabwa ibyo akwiye igihe tuzaba twageze ku bukungu bushyitse, tukamagana ubunebwe maze hakarya uwakoze, bityo ibisohoka bikaba byinshi kuruta ibyo duhaha.
Ibyo bizagerwaho nidufata ingamba zihamye z'ubutaka kuko ari wo mutungo kamere w'igihugu cyacu. Ibibazo by'imishahara y'intica ntikize na byo bigomba gukemurwa kuko bitegerwamo benshi mu bakozi bashaka amaramuko.

Kugirango rero ubukungu butugeze ku mahoro n'ubwiyunge, tugomba kugerageza gukemura ingorane tumaze kuvuga. kuko"ababiri bahuye bakajya inama baruta umunani urasana". Ni ngombwa gufatanya muri byose, tugacirana, tugasukirana nk'uko abakurambere bacu babikoraga.

AMADINI nayo afite uruhare runini mu byakorwa ngo abanyarwanda bongere babane neza. Kubera ko amadini yigisha urukundo, ubutabera n'amahoro, abanyamadini bagombye kuba intangarugero mu byo bigisha bityo abigishwa ntibababakurikirire amagambo gusa, ahubwo no kubera ingeso nziza babonaho.

Ikindi kandi, abanyamadini bari mu bantu begera cyane abaturage, bakumvwa kandi bakemerwa cyane na bo, bityo bakabakurikira. Kubera iyo mpamvu icyo bavuze, abayoboke bacyumva vuba kandi bakagerageza kubishyira mu bikorwa. Icyifuzwa rero ni uko abanyamadini bakwigisha ubworoherane, ukubabarirana no kwiyunga. Bagombye kandi kwigisha inyigisho zihuza abanyarwanda bose bityo bakirinda izibatandukanya cyangwa izabakura umutima kuko bene izo zibabuza umutekano wabo. Urugero ni inyigisho zimaze iminsi zavugaga ibyerekeye ishira ry'Isi.

Hano mu Rwanda rwacu, abanyamadini bafatwa nk'abantu bakomeye kandi bavuga rikumvikana. Ibyo rero bigaragaza uruhare runini bafite kugirango abanyarwanda bongere babane neza. Bakwiye kwamagana akarengane igihe cyose karamutse kabayeho. Byananirana bagatabariza abarengana ndetse byaba ngombwa bakabitangira nk'uko babyigisha. Abanyarwanda bazongera babane neza igihe cyose nta dini rizashaka kwivanga muri Politiki kugirango igihugu kiyoborwe hakurikijwe amatwara yaryo cyangwa riyobokwe ku gitugu.

Maze rero nk'uko bigaragara, kugirango abanyarwanda bongere kubana neza, ni ngombwa ko buri wese atanga umusanzu we. Ni twebwe ubwacu tuzicyemurira ibibazo byacu. Twihumwa amaso n'inyungu zacu, ngo ducurane, ducagagurane mu duke dufite."Ahatari umwaga uruhu rw'Urukwavu rwisasira batanu" u Rwanda si ruto. Abanyarwanda nitwe gito. Ntihakora ubwoko hakora ubwonko. Dushimire umuntu ibitekerezo bye byubaka utitaye kucyo ari cyo nta"Muhutu, nta"Mutwa" nta"Mututsi", nta "Mukiga"nta"Munyenduga"...twese turi bene kanyarwanda.

Ibikorwa bibi by'umuntu ntibikitiririrwe aho akomoka, kandi abanyarwanda ntibagakingirwe ikibaba kubera ikimenyane. Turangwe n'urukundo, ukuri n'ubupfura, maze izuba rya Demokarasi, ubumwe n'ubutabera, ritangaze iwacu, ya Mana itaha i Rwanda inahiririrwe. Ngaho munyarwanda aho uri hose, kenyera ubutabera witere ubworoherane, urwanye ubujiji bwo "Senga" y'ubukene n'umwiryane."Abagiye inama Imana irabasanga" ~~Kandi~~ ngo"a ~~"Abajya inama Imana irabasanga"~~ kandi ngo "ababiri bahuye bakajya inama baruta umunani urasana".

Hagomba ubwiyunge kugirango abanyarwanda bongere babane neza.

Abakoze amarorerwa bayahanirwe, abere bahanagurweho ibyaha maze duhumeke amahumbezi y'amahoro; dore na"Guverinoma y'ubumwe"yaciriye izamba uzirega akemera amakosa ye.

Mutegetsi ba intangarugero uri intumwa ya rubanda, banyamakuru namwe banyamadini, mubibe imbuto y'ubumwe n'ubwiyunge, ubutabera buharanira ukuri buhame.

Muturage ni wowe"Buye nsanganyarukuta", ni wowe shingiro ry'amajyambere y'igihugu; babyeyi mutwambarire impumbya, rubyiruko namwe nimwe ngufu z'igihugu, mugire ubugiri maze ubufatanye bube intego ya buri wese.

8

URWUNGE RW'AMASHULI UMURYANGO MUTAGATIFU RW'I NYAMASHEKE

AGASANDUKU K'IPOSITA I2 CYANGUGU

IRUSHANWA RYO KUVUGA NEZA IKINYARWANDA

# ICYAKORWA KUGIRA NGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA

ANYESI NKUSI - UWIMANA

UMWAKA WA GATANU W'AMASHULI YISUMBUYE

ISHAMI RY'IBINYABUZIMA N'UBUTABIRE

KU WA 27 NYAKANGA 1997

Banyakubahwa muteraniye hano,

Mbanje kubasuhuza mwese.Nshimishijwe n'uko duhuriye hano kugira ngo tugire icyo tuganira ku cyakorwa ku buryo Abanyarwanda bakongera kubana neza. Dukurikije amahano yabereye mu Rwanda, ni koko hakwiye ubwiyunge mu Banyarwanda. Baturage, dukore iki? Rubyiruko, dukore iki? Mu butegetsi bw'igihugu hakorwa iki? Mu bucamanza hakorwa iki? Twese hamwe dukore iki?

Ubusanzwe mu mateka yo hambere, tuzi ko Abanyarwanda babanaga mu bwumvikane no mu busabane, nta macakubiri ari hagati yabo. Umunyarwanda yareba undi, akamubonamo ishusho muntu. Yamutungura amwi$abaje, akamutabara atishisha.
Urukundo rwo rwabo rwari akarusho. Rwagaragariraga mu bihango bahanaga hagati yabo, ku buryo nta wahemukiraga undi, ngo adatatira igihango. Mu mibanire yabo, barashyingiranaga batishishanya.
Umunyarwanda yitabazaga mugenzi we mu gihe cy'amage, akitabira kumuvuna atitaye ku nkomoko ye. Igihugu cyaba gitewe n'umwanzi, abana b'u Rwanda bakitanga batitangiriye itama; kugira ngo mu butanye bwabo babashe guhashya umwanzi ye kwigarurira Igihugu cyababyaye.
Ubwiyoroshye bw'Abanyarwanda bwagaragariraga cyane mu kinyabupfura cyabo.
Ingero zibigaragaza ni nyinshi:
- Umukazana yubahaga Sebukwe, yewe ntabe yatinyuka kumwatura mu izina;
- Nta mwana wasuzuguraga umubyeyi we, kuko yabaga azi ko ari we akesha byose;
Abanyarwanda bakomeje kubana mu bwumvikane, barangwa n'urukundo, ubufatanye ndetse n'ubwiyoroshye, umuco karande ukaranda mu bana b'Abanyarwanda.
Nyamara kandi nyuma yaho, haje kuza amacakubiri yazanywe n'umwaduko wa bamwe mu Banyamahanga. Uwo mwaduko winjiranye n'ivangura ry'amoko mu bana b'u Rwanda, ari ryo ryatumye bicamo ibice.
Habayeho ubukandamizwe n'ubutoni kuri bamwe, ubusumbane mu bana b'Abanyarwanda buraganza, kwizerana birakendera, hagaragara ubwishishane.
Umuco karande w'Abanyarwanda uribagirana, himikwa umuco w'Abanyamahanga, wiganje cyane mu rubyiruko, ukabatesha umuco wa ba Sogokuru na ba Sogokuruza.

UMUCO KARANDE NUHABWE ICYICARO. Babyeyi, mwibuke ko urubyiruko ari rwo Rwanda rw'ejo. Nimushishikarire guha abana banyu uburere bwiza, mubatoze umuco mwiza w'Abanyarwanda, bakure basibanganya umuco w'Abanyamahanga, bimirije imbere umuco nyarwanda.:Rubyiruko namwe, nimwibuke ko ari mwe Igihugu gihanze amaso, mukazagihesha ishema mu mahanga, mu bikorwa byiza by'amajyambere.
Nimufate iya mbere mu guca burundu no kwamagana umuco mubi wari umaze gushora imizi mu bana b'Abanyarwanda, maze twibumbire hamwe twongere dusubize agaciro umuco karande w'abakurambere, duharanire kubaka u Rwanda rw'amahoro n'ubumwe.

AMACAKUBIRI NACIKE. Abanyarwanda bamaze gucikamo ibice, batangira kwitana bamwana. Ivangura ry'amoko ryatangiriye aho, umwe yareba undi akabona nta cyo avuze imbere ye, yewe yanamureba akamushishoza akabona nta cyo bahuriyeho.

Umwiryane uba wose mu Banyarwanda, ari bwo bamwe mu bana b'u Rwanda batangiye kume-
neshwa. Bahunze batazi iyo bagana n'uwo basanga, baratatana barateragira, basigi-
shwa ibyabo, batambagira impinga batora ubusa kandi bari batunze.
Abo bana b'u Rwanda bamaze igihe n'agahe inyuma y'imisozi, baratesekara baraserera.
iby'Imana bahasanga abaturanyi b'imitima myiza, babakirana urugwiro, bashira impu-
mu batatura na baratuza.
Imyaka irashira indi iratahe, baba bakumbuye Igihugu cyabo, ari cyo u Rwanda rwa
Gasabo.
Baraterana baratekereza, bati" ubu dukwiye gutaha tugasubira iwacu i Rwanda".
Ubwo basabye kuza mu mahoro, ubutegetsi bwariho burinangira, burabategeragiza
bashoza intambara, ari bwo igitero cya mbere cyagabwe mu Mutara, baraharwanira
rubura gica.
Ayo macakubiri yarakomeje araranda kugeza ubwo yakuruye intambara mu Gihugu
cyose, abaturage bumvira amabwiriza mabi y'ubutegetsi bwariho muri icyo gihe,
hanyuma bakora amarorerwa buri Munyarwanda wese yiboneye n'amaso.
Intwari z'u Rwanda zari inyuma y'Igihugu zumvise ayo marorerwa ari kubera mu
Rwanda, ziravuga ziti" dutanzwe ku rugamba", ziza gutabara izo nzirakarengane.
Iyo ntambara yangije byinshi bifite akamaro, nko gusenya ibikorwa by'amajyambere,
guhungabanya umutekano wa benshi ari byo byaziyemo ihahamuka, kwishishanya, umu-
tekano muke, binatuma hasigara imfubyi nyinshi n'abapfakazi mu Gihugu c'u Rwanda.
Amacakubiri nacike!

NONE BANYARWANDA DUKORE IKI? Abanyarwanda bari bakwiye kwishyira hamwe
bagashaka umuti w'ibibazo byabo. Uwishe akwiye kwegera uwo yiciye akamusaba imba-
bazi, na we agaca inkoni izamba, akamushakira igihano kimukwiriye, bakongera ba-
gaturana neza, bagasangira batishishana, bagaterana inkunga nko hambere, bakungu-
rana n'ibitekerezo. Yamusaba indishyi z'akababaro, akazitanga atiganyira, akabi-
korana umutima ukunda ukwiye kwakira imbabazi. Uwasahuye na we akwiye gusubiza
iby'abandiatagononwa, kandi akanasaba imbabazi z'ibyo yakoze ashutswe.

Bitumvikana ko imitima ya benshi yakomeretse . Hakwiye kubaho ubwiyunge cyane
cyane mu Banyarwanda ubwabo. Bakirinda kubeshyerana babitewe n'inzigo zisanzwe
hagati yabo, ngo umuntu avuge ati" Runaka yishe cyangwa yasahuye Kanaka", amu-
beshyera ngo arebe ko yafungwa nyamara kandi azira ubusa.
Umuntu wese uzi uwakoze amahano, akaba atazwi n'ubutegetsi bw'igihugu, agomba
kwirinda kumuhishira akamuvuga ku mugaragaro, cyangwa se we ubwe akivuga niba
akeneye gusaba imbabazi.
Tuzi kandi ko hari abagiye bahunze mu ngabo zatsinzwe, bamwe bakihisha bakagaruka
baje kwica no gusahura. Mu gihe babonetse bagomba guhita bafatwa bagashyikirizwa
ubutegetsi bubegereye, batitaye ku masano n'imiryango.
Buri muntu wese nashyireho ake, umutekano ugane iwacu, amahoro yongere asagambe,
Abanyarwanda bongere babane neza.

DUSANE IBIKORWA BY'AMAJYAMBERE BYANGIJWE N'INTAMBARA. Duhereye ku burezi,
abana b'u Rwanda barigaga bakisanzura, ibibondo bigakura bifite uburere bwiza,
byimirije imbere kujya mu ishuri ngo bimenye ubwenge nk'abandi.
Bitabwagaho n'amahanga akabishima. Nyamara icyazanye amacakubiri mu bantu cya-
tumye birengagiza ubwo burere bwiza bw'umwana.

Kandi amategeko avuga ko" umwana wese uvutse afite uburenganzira bwo kubaho iyo yavutse ari muzima."
"Ingingo ya 16, Igitabo cy'Amategeko Agenga Abaturage(Code Civil) "
Abenshi mu barezi batangira kuyobya abana, ari na bwo bayoboye abandi mu gusenya no kwangiza ibyarengera umwana mu burezi.
Amashuri yasenywe henshi na henshi mu gihugu, ibikoresho byinshi byo mu mashuri nk'ibitabo, n'ibindi...bigasandazwa mu mayira batitaye ku kamaro kabyo.
Nyamara biyibagije wa mugani w'Abanyarwanda uvuga ngo"Rubanda barya igicucu batazi icyo bazugamamo izuba".
Kubera uburezi bw'abana bwasubiye inyuma, hakwiye kubaho amahugurwa mu barezi kugira ngo bagire umwete wo gusubiza agaciro uburere bwiza bw'umwana kandi bamagane uwashaka kumuvutsa ubwo burere.
Mu buzima bw'Umunyarwanda, yaba umwana cyangwa se umuntu mukuru, yagiraga akenshi ubuzima buzira umuze. Yafatwa n'indwara akihutira kujya ku ivuriro, bakamwitaho batajijinganya. Nyamara kandi nyuma yaho amavuriro yatewe hejuru, imiti n'ibindi bikoresho byose birasahurwa, ba magendu babonerahो, n'abatazi uko iyo miti ikoreshwa.
Kubera ubuzima bw'Abanyarwanda bwahungabanye ku mpamvu zo kubura imiti n'amavuriro, hakwiye kubaho isanwa ry'amavuriro, ibyo bikazadufasha kwirinda ba magendu basesa ubuzima bwacu aho kubusana.

Nyuma y'ayo marorerwa, hakurikiyeho ihunga riteye ubwoba, abenshi bakagenda batazi n'icyo bahunga batewe ubwoba na bamwe mu bakoze amahano. Intambara yasize bamwe iheruheru, baburanye n'ababo barabarabara, ugasanga abana benshi hirya no hino badafite ababyeyi, babuze kirengera.
Ugasanga umubyeyi yarasigaye nta kana, abagore bagateshwa abagabo babo, abagabo na bo bagateshwa abagore babo. Mu kwibaza uko bazabaho bonyine badafite ababo, abenshi bagiye bafatwa n'ihahamuka ritewe n'iyo ntambara.

Abanyarwanda bari inyuma y'Igihugu bakwiye kugaruka batishisha, bakiyemeza gufatanya n'abandi kubaka u Rwanda rushya.
Abanyarwanda bakwiye kwishyira hamwe bagasana ibyangijwe n'intambara byose, ariko cyane cyane, bagasana imitima yabo yakomerekejwe n'amarorerwa yabaye mu gihugu cy'u Rwanda. Buri Munyarwanda yari akwiye guharanira ubutabera, akagira ukuri mu bitekerezo bye adafite uruhande abogamiyeho.
Abanyarwanda twari dukwiye guhuriza hamwe imbaraga zacu, tugasana ibyangijwe n'intambara, abangije ibikorwa by'amajyambere bagafatirwa ingamba zihamye kugira ngo ibyo bikorwa byo gusenya bitazongera gusubirwa.

MU BUTEGETSI BW'IGIHUGU HAKORWE IKI? Ubutegetsi bwariho mbere, bwakoreshaga igitugu. Mu myaka yashize, habayeho ikandamizwa rya bamwe mu Banyarwanda.
Ibyo byagaragazwaga no kurwanira imyanya mu butegetsi, hakurikijwe irondakarere, bukitwa ubutegetsi bukorera abaturage, nyamara bwimirije imbere inyungu z'ababugize.
Ubwo butegetsi bubi bwateje ingaruka mbi mu gihugu cyose, bwinjiza ibitekerezo bibi mu Banyarwanda bamwe na bamwe, bimika ikinyoma mu mitima yabo, nyuma kiza kubyara amahano ari yo"tsembabwoko n'itsembatsemba" yagaragariye amaso ya buri Munyarwanda wese mu wa 1994.

.../...

Nk'uko byari biturutse mu rwego rwo hejuru, Abanyarwanda bicanye nta cyo bishisha. Ubusanzwe amategeko avuga ko uburenganzira bw'ikiremwamuntu bugomba kubahirizwa kuva akivuka kugeza ashaje cyangwa apfuye azize izindi mpanuka ariko nta wumuhutaje. Iyo bidaturuka ku butegetsi bubi, bukiha ibyo guhutaza ikiremwamuntu, bagombaga gufatwa bagahanwa. Nyamara si ko byagenze, ubutegetsi bwarabashyigikiye, maze bubatiza umurindi bwitayeho.

Ubutegetsi bwari bukwiye gukorera ahagaragara, buri Muturarwanda akumva ko afite uruhare ku butegetsi n'ubwisanzure mu gihugu cye.

UMUCO WO KUDAHANA NUCIKE. Aho imikorere mibi y'ubutegetsi bwariho ikomeje gushora imizi, abenshi mu Banyarwanda bagiye bakora ibyaha byinshi bibi, nko kwicana n'ibindi, barangiza bakigaramira ubutegetsi bubireba bukabyihorera.
Uwo muco mubi warakomeje urakura, kugeza ubwo biraye bagatangira kwica ku mugaragaro, inzirakarengane nyinshi zirahagwa, abandi bashimishwa no gusahura, nyamara birengagije wa mugani w'Abanyarwanda uvuga ngo" ubirisha amenyo bikakurisha umutima".
Nyuma y'ayo mahano, habonetse ingaruka ku butegetsi bwagushije benshi mu cyaha, buratsindwa, buhurura buhungira inyuma y'Igihugu, bujyana n'abari bumviye amategeko mabi yabwo.
Umuco wo kudahana ukwiye gucika mu gihugu, buri muntu agahanirwa icyaha yakoze, kugira ngo abere intangarugero abifitemo ibitekerezo bibi byo gukora ibinyuranyije n'amategeko.
Ubutegetsi bukwiye kwamaganira kure icyateza umwuka mubi mu baturage, bagashishikarira kurengera uburenganzira bw'ikiremwamuntu.
Ubutegetsi nibusubize amaso inyuma, burebe abasizwe iheruheru: imfubyi n'abapfakazi, bongere basubizwe ibyabo, bahumurizwe, kandi bitabweho by'intangarugero.
Ubutegetsi bukwiye gukora uko bushoboye kose, bugaca umuco wo kudahana, bwibanda cyane cyane ku ngingo z'ingenzi zikurikira:
- Kutagira umururumba w'ibintu;
- Kudaterera agati mu ryinyo;
- Kudategekwa n'ifaranga;

Kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Ibyo byose byubahirijwe, kandi bigashyirwa mu bikorwa, ubutegetsi bwagira inshingano mu baturage, bukitabira guhana umuntu wese uciye ku mategeko, bugakoresha ubutegetsi bukwiye, bugakoresha ukuri budafite igice bubogamiyeho.
Ubutegetsi bukwiye kuba ubwa buri Muturarwanda wese, akabwisanzuraho nta rondakarere, bityo buri Munyarwanda wese akumva ko ashyigikiwe, nta wuhejwe mu gihugu cye, kandi atikanga umubisha wo mu gihugu wabasha guhungabanya ubuzima bwe.

MU BUCAMANZA HAKORWE IKI?Dufatiye ku mateka y'ubutegetsi bwariho hambere, hagiye haboneka ubucamanza bubogama. Rimwe na rimwe ntibuce imanza uko bikwiye.Bitewe n'iki? N'imikorere mibi y'ubucamanza, akarengane kabaye kose, abaturage barabyinubira. Ukuri mu rukiko gusimbuzwa ifaranga, kugira ngo utsinde bigahamagaze ruswa. Rubanda rugufi rwarahrenganiye rwo rutagiraga icyo rutanga.

Nyamara inzego zo hejuru ntizikurikirane imikorere mibi y'ubucamanza. Iyo mikorere mibi yarakomeje iba akarande, kugeza ubwo imanza nyinshi zagiye zicibwa hadakurikijwe amategeko. Bigeza aho abacamanza baterera agati mu ryinyo, amakosa aragwira mu gihugu, abateza umwuka mubi mu baturage ntibaba bagihanwa.
Abaturage bamaze kubona ko nta cyo inkiko zikibamariye, bafashe umwanzuro wo kwihanira ubwabo.
Ingero nyinshi zirabigaragaza:
- Abenshi mu bisambo bagiye bafatwa bagahita bicwa n'abaturage ubwabo, abenshi mu turere tw'u Rwanda;
- Hari n'abahohoteraga uburenganzira bw'ikiremwamuntu, bene umuntu babibona batyo, na bo ubwabo bakihorera.

Ingeso mbi yo kudahana yabaye intandaro yo guhohotera uburenganzira bw'ikiremwamuntu, bituma abenshi mu Banyarwanda bumva gushukwa, baremera, bakora icyaha cy'ubwicanyi kuko bari bazi ko batazahanwa.
Ibyo bikorwa bibi byakorwaga n'abaturage kubera imikorere mibi y'ubucamanza.
None hakorwa iki?

UBUCAMANZA NIBWIVUGURURE. Ubucamanza bukwiye kongera kwibukiranya ingingo zimwe na zimwe z'amategeko agenga ikiremwamuntu kugira ngo bubashe guca imanza budafite aho bubogamiye, cyangwa butimirije imbere inyungu zabwo.
Ubucamanza bwari bukwiye kumenya ko:
- Abantu bose bareshya imbere y'amategeko;
- Icyaha cyose kigomba gukurikiranwa;
- Ibyaha bihanirwa hakurikijwe amategeko;
- Imanza zose zigomba gucibwa n'inkiko zibifitiye ububasha;
- Uregwa aba ari umwere imbere y'amategeko kugeza ubwo abagenzacyaha bamukurikiranye, basanga atabeshyerwa, bakamushyikiriza urukiko rukamuhana, yaba arengana akarenganurwa;
- Uregwa afite uburenganzira bwo kujurira mu gihe yumvise ko atsinzwe bitari bikwiye.

Ayo mahame y'ubutabera akwiye kubahirizwa mu nkiko zose, zaba inkiko za kanto, inkiko za mbere z'iremezo, inkiko z'ubujurire, Urukiko rw'Ikirenga,.....
Ibyemezo by'inkiko bigomba kubahirizwa na bose, n'iyo icyaha uregwa ahanaguweho, cyaba ari icyaha gikomeye cyane, kuko haba harabanje gukorwa iperereza rihagije.
Abaturage na bo, bakwiye kubyumva neza kandi bakabisobanukirwa.
Kugira ngo ababuze ababo babane neza n'ababateye ubwo bwigunge, uwiciwe nakoreshe ukuri,yerekane uwamwiciye, hanyuma amushyikirize ubucamanza, nibumara gukora iperereza bugasanga ibimenyetso bimuhama, urega amusabire igihano kimukwiriye.
Abafunzwe bazira akarengane, na bo ibyabo bigomba gukurikiranwa kugira ngo barenganurwe n'ubucamanza.
Ubucamanza nibukorere mu mucyo, buce imanza butabogama kandi butabera, abaturage bisanzure mu nkiko bongere bumvikane baturane ituze.

None ubumwe bwagerwaho bute?Kugira ngo Abanyarwanda bongere babane neza, bakwiye kongera kwibumbira hamwe, bakigira hamwe umuti w'ibibazo bitera amacakubiri hagati yabo, bagafata ibyemezo byo kurandura imizi y'amacakubiri muri bo. Buri Munyarwanda wese nasubize amaso inyuma, arebe byinshi by'ingenzi byangijwe n'intambara n'ingaruka mbi zatewe n'iyo ntambara maze bibuke gukoresha ukuri nk'uko Abanyarwanda ubwabo bakunda kubyivugira bati "ukuri guca mu ziko ntigushye", nyamara ngo"ikinyoma gihaka umugabo imyaka ibiri".

Abanyarwanda nibemera gukoresha ukuri, bagaharanira ubutsbera n'ubwiyunge batizigamye, bazabigeraho kandi bitume amahoro yongera kugaruka mu Rwanda, bityo nta mwanzi uzabamenesha ngo aze kubahungabanya mu gihe bazaba bishyize hamwe. Ubutegetsi bw'igihugu bukwiye kugira imikorere myiza ibereye buri Muturarwanda wese, buri Munyarwanda wese akumva ko afite uburenganzira busesuye bwo kuba mu gihugu cye, akumva ko arinzwe kandi ashyigikiwe. Abategekwa na bo bahe abategetsi babo icyubahiro kibakwiye, kandi bubahirize amabwiriza bahawe n'abategetsi. Mu gihe ari ngombwa ko itegeko iri n'iri ryubahirizwa, ntarirengeho ariko mu bushishozi. Ubutegetsi bukwiye kugenzura imikorere y'inzego zose, izidakora neza bakitabira kuziha amabwiriza azigenga. Abaturage bose bakwiye kureshyaho imbere y'amategeko. Ubucamanza bukwiye gufata iya mbere mu gukemura ibibazo by'abaturage. Abakoze ibyaha byo guhohotera ikiremwamuntu nibaburanishwe kugira ngo bafatirwe ibyemezo n'ibihano bibakwiye, maze abarengana barenganurwe. Abakoze ibyo byaha na bo, nibemere bace bugufi basabe imbabazi, kandi bemere igihano bahawe. Ababuze ababo kubera ayo marorerwa, bakwiye guca inkoni izamba, bakibuka ko bari abaturanyi babo bumviye amabwiriza mabi, abenshi bagakora amahano yakojeje isoni kandi agasebya u Rwanda rwose, bigeza aho uwishe n'utarishe batakigira itandukanirizo mu mahanga bose bakitwa abicanyi.

Twese hamwe dukore iki? Banyarwanda, Banyarwandakazi, kugira ngo umuco nyarwanda wongere ugaruke mu gihugu cyacu, uranga mwene Kanyarwanda aho ari hose, asubizwe izina rye rya Gihanga, izina umwicanyi risibangane mu mahanga, amahoro n'ituze bitongore bishinge imizi mu mitima, dukwiye kwishyira hamwe, tugafata ingamba zihamye kugira ngo tubashe kugera ku bwiyunge nyakuri, maze twongere twubake urwa Gasabo. Rubyiruko, Rwanda rw'ejo, ni mwe duhanze amaso mu kubaka u Rwanda, u Rwanda rw'amahoro, ubumwe n'ubusabane mu bana b'Abanyarwanda. Mukomeze umurava! Amahoro aganze iwacu!

Murakoze, murakarama!

6

BIRAGUMA Tarisisi
URWUNGE RW'AMASHURI RWA BIGUGU
AGASANDUKU K'IPOSITA 59 BUTARE
UMWAKA WA KANE W'INDIMI

MINISITERI Y'URUBYIRUKO, UMUCO
NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
AGASANDUKU K'IPOSITA 1044 KIGALI
TELEFONI :8 35 27
FAGISI :(250) 8 35 18

UMUSHINGA: UBURERE MBONERAGIHUGU BUGAMIJE KUZAHURA UBWIZERANE N'UBWIYUNGE BW'ABANYARWANDA.

IRUSHANWA RYO KUVUGA NEZA
MU MASHURI YISUMBUYE.

INGINGO :

" ICYAKORWA KUGIRA NGO ABANYARWANDA
BONGERE BABANE NEZA "

BIGUGU, kuwa 27 NYAKANGA 1997

" ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA "

( Banyarwanda mwese muteraniye aha mbanje kubaramutsa !
Ubu duteraniye hano kugira ngo tuvugane ku ngingo igira iti
" ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA ")

Uyu mwaka dutangiye ni uwa kane u Rwanda ruvuye mu marorerwa y'itsembatsemba n'itsembabwoko, amarorerwa yatikije imbaga y'abanyarwanda b'inzirakarengane, muri Mata 1994. Ayo marorerwa yabaye asanga umubano w'abanyarwanda wari usanzwe urimo agatotsi, ariko noneho bihumira ku ishongo. Iyo ukurikiranye neza amavu n'amavuko y'umubano w'amakemwa hagati y'abanyarwanda ubwabo usanga atari ibya nonaha. Abanyarwanda ubwabo batangiye kubonekamo injijuke ndetse bamwe batangiye no kujya mu mahanga kwigayo, bitegereje uburyo mu bindi bihugu by'Afurika bipakururaga ubwikanyize bw'abazungu. Nibwo rero bikusanije bungurana ibitekerezo, maze biyemeza kuvugururura u Rwanda rw'icyo gihe.
Barahirimbanye bashobora gusezerera abirigi bari bakandamije u Rwanda, no kuvugurura imitegekere y'igihugu bavugaga ko itagenderaga mu nzira ziboneye. Nuko ubutegetsi bw'abami buvaho butyo. Mu gukuraho ubutegetsi bw'abami, ntitwakwibagirwa imvururu zo mu 1959 zaranzwe n'ubugome n'amarorerwa y'agahomamunwa. Ibyo bikaba ari ibyagiriwe abari ku ngoma muri icyo gihe mu nzego zo hejuru n'iziciriritse, ndetse na rubanda giseseka kuko izo mvururu zaranzwe n'ivangura ry' amoko. Imbaga y'abanyarwanda yarishwe abandi bahunga bagana mu mahanga cyane cyane mu bihugu bikikije u Rwanda, abandi baguma kwihishahisha mu bihuru kugeza imvururu zihosheje maze babona kuza gusana amazu yabo yari yatwitswe andi yasenywe. Icyo nicyo gikorwa cya mbere kigaragara cyazanye umubano w'amakemwa hagati mu banyarwanda.

Ingoma yakurikiye ubwigenge yabeshye ko igiye kuzana ubusabane mu banyarwanda no gucyura impunzi, ariko mu by'ukuri nta na gito yakoze kuri ibyo. Iyo ngoma yagaragaje uruhare runini mu gutuma amacakubiri akaza umurego. Mu 1973 ingoma ya kabiri nyuma y' ubwigenge iba igiyeho ivuga ko igiye gushaka byanze bikunze umuti w' ibibazo byari byananiwe gukemurwa n'abo bari bakuye. Muri ibyo bibazo hakazamo ku ikubitiro icy'ubusabane bw'abanyarwanda, gucyura impunzi no kugarura amahoro. Baranzwe n'amafuti bakora amahano karahava, mu duce tumwe nka za Rugogwe, Bugesera n'ahandi, ukumva ngo imbaga y' ubwoko bumwe yatikijwe. Mu gihe cy'ibyo amashyaka yaravutse ngo u Rwanda rugendere ku mitegekere y'amashyaka menshi. Amenshi muri ayo mashyaka ndetse cyane cyane iryari ku butegetsi nta kindi yikoreraga uretse gushyamiranya abanyarwanda.

.../...

Kubera ko icyo gihe mu Rwanda hari intambara, abanyarwanda bamwe batangiye kwikomwa ngo aha ni ibyitso by'abarwanyaga ubutegetsi bw' icyo gihe. Kwita umunyarwanda mwene wanyu ngo ni umwanzi biba imvugo yaryoheraga utunwa twa benshi. Abategetsi b'icyo gihe n'abandi bari bahagarariye amashyaka avuga rumwe n'iryari ku butegetsi bakomeje kubiba amacakubiri. Nyuma y'andi mahano y'ubugome burenze kamere bagiye bakora, umusaruro w'ibyo byose wabaye ririya tsembatsemba n' itsembabwoko ryo muw'1994.

Tumaze kwibonera uko amacakubiri yavutse hagati mu banyarwanda, hanyuma rero icyakorwa kugira ngo abanyarwanda bongere babane neza gikubiye mu ngingo enye z'ingenzi zikurikira :

1° URUKUNDO NYARWO UMUNYARWANDA AGOMBA KUGIRIRA IGIHUGU CYE.

Ngo nta mwana n'umwe wanga umubyeyi we kereka usanzwe ari kabutindi, cyangwa se bikagaragara rimwe na rimwe bikuruwe n'impamvu mbi zinyuranye. Umunyarwanda uwo ariwe wese yumva akunda igihugu cyamubyaye, ikibazo kikaba kurugirira urukundo nyarwo rw'ingirakamaro. Ikibabaza cyane ni uko n'abo barunda by'amafuti bibeshya ko barusha abandi bose kurukunda. Iyo urebye ibyazanye amacakubiri mu banyarwanda usanga ahanini byaratewe n'abana barwo barukunze nabi. Abo bakaba bari mu bice bibiri :

- Abayobozi n'impirimbanyi mu by'imiyoborere y'igihugu.
- Rubanda giseseka.

Habaho umusore ukunda umwari urukundo rubi, nyamara we yumva yaramwirangirijemo. Agira atya akamushuka gukora icyaha maze umukobwa yaba umunyamutima akamubera ibamba. Nibwo nyamusore agira atya akamuhwikira kubwe yumva ko abitewe n'urukundo rwinshi. Umwari amara gusama iy'indaro maze ababonye wa musore bati " Ko ari wowe tuziho agakungu n'uriya mwari byagenze bite ?" Akabasubiza abyitarura ati " Ashwi da! Ntacyo mbiziho ! Nta ruhare mbifitemo ! Ahari wenda arwaye urushwima !" Nguko uko abayobozi b'igihugu n'impirimbanyi mu by'imiyoborere y'igihugu bo hambere boretse uru Rwanda imivu y' amaraso igatemba, bibwira ko ari ugukunda igihugu cyabo bashaka umuti w'ibibazo byari bicyugarije. Maze hagira amahanga amwe abaza ati " Ibyo bibera mu Rwanda ni ibiki ?" Bakigurutsa bati ni abanyarwanda ubwabo bisubiraniramo kandi aribo ubwabo babibakwijemo bamaze kubitegura bakanabihagarikira.

Kugira ngo abanyarwanda bongere babane neza buri wese yagombye kwirinda gushukwa. Agashungura imvugo zose bamwongorera hahandi mu rwihisho, ngo genda usenye hariya, wice nyanaka udutize umurindi uzabona inyungu izi n'izi. Abo bagome bakwereka ngo uriya ntimuhuje ubwoko mwivugane bakubwira ko berekeza igihugu ahagana he ? Bazi ko bakorera u Rwanda neza baruganisha aho bifuza, ubwo ngo ni ukurukunda!? Umunyarwanda wese nagire inyota yo kubona

.../...

abanyarwanda basendereye ubusabane. Abanyamahanga ntibazongere gushikira u Rwanda rw'ibirunga bifite ingagi z'imbonerajisho, rw'imisozi igihumbi y'ubusumbane busobetse ubwiza n'ibindi byinshi byerekana uburanga bw'u Rwanda. Ahubwo bazaze baje kureba abanyarwanda buje urukundo n'ubwumvikane. Bazaturebe twoye gushirwa amaroro. Ngicyo icyo umunyarwanda wese akwiye guharanira kugira ngo ubusabane bugaruke mu banyarwanda.

2° UBUTABERA N'UBWIYUNGE BW'ABANYARWANDA.

Kugira ngo abanyarwanda bongere babane neza niko ubutabera bwahabwa intebe iboneye bugashinga imizi mu Rwanda. Nta munyarwanda n'umwe utabona ko aho u Rwanda rutangiriye imanza z'abakoze itsembatsemba n'itsembabwoko hari ikintu cyahindutse ku buryo bugaragara rwose. Imitima y'abanyarwanda itangiye gutururukwa kuko abarengana barenganurwa, abanyamakosa nabo bagahanwa. Abangije bakanasahura iby'abandi babiryozwe ndetse abishe bagerekeho n'impozamarira, zihabwe abo bakoreye ayo mahano aho ubwo ni abarokotse. Ariko ibyo bikorwe batiyibagije ko hari umuryango wa nyir'uguhanwa, umugore n'abana basigaye mu rugo ! Abo rero bo ntibagomba guhanwa kuko bo ari abere. Niyo mpamvu mu gutanga imitungo y'abagizi ba nabi, abo yasize mu rugo bagenerwa ibizabitaho mu buzima bwabo bikabakemurira ingorane bahura nazo. Ntibazagire ubwo bagira bati " Dore nyanaka na naka nibo batumye nandavura aka kageni !" Maze bwa bwumvikane twashakaga kugeraho tunyuze mu butabera bikazana ijisho ribi ndetse n'inzigo bishobora no kudukururira akandi kaga.

Hari imanza zaburanishijwe uburiganya n'igitugu mu Rwanda rw'ejo hashize. Birababaje cyane ko uwasahuye u Rwanda atibagiwe n'umutungo w'inyandiko, izatwitswe ari n'izanyagiwe n'imvura bamaze gusenya amazu amwe n'amwe y'ubutegetsi. Kugira ngo abanyarwanda bongere basabane neza ni uko izo manza zasubirwamo. Icyubahiro cy'umunyacyaha kigacyahwa. Kera uwitwaga ko akomeye mu gihugu gutsindwa na rubanda rugufi yanyaze utwabo cyangwa se yahohoteye ku bundi buryo kwari ukumwandavuza bikabije, kwerekana ko yigiye ubusa. Ibyo byatuma abidegembya ndetse bakaba banashingwa imirimo imwe n' imwe y'igihugu bitwaza ko batagize uruhare mu marorerwa yagwiririye uru Rwanda, nyamara na kare kose baragiraga amafuti yo kurenganya rubanda bakurikiranwa maze bagahanwa. Umuco wo kudahana ucike mu gihugu cyacu dore ko wari warahaciye indaro.

Kugira insakazamajwi n'ibinyamakuru byigenga mu gihugu cyacu nayo ni amajyambere. Ariko kuba byatanya abo bibereyeho aribo banyarwanda ntacyo byaba bimaze. Ubutabera bukwiriye guhoza ijisho ku itangazamakuru ko ritaba rifite akantu gato cyangwa se n' amarenga yo gusubiranishamo abanyarwanda nk'uko byagaragaye hambere aha.

Ubwiyunge bukwiye gutozwa abanyarwanda kandi ntihagire ugira ikimwaro cy'uko uwo bagirana isano yakoze amahano. Ibyo ni akazi ke agomba kubihanirwa nta muntu uzira icyaha cy'undi. Abantu ntibashyamirane ngo bafatane mu majosi bapfa umunyarwanda w'umunyacyaha urimo agikurikiranwaho cyangwa se ugishakishwa. Gahunda zo guhugurira abantu mu nzego zose iby'ubwiyunge zikwiye gutegurwa, abagomeye abandi bakabasaba imbabazi.
Munyarwanda w'inyangamugayo aho uri hose uba ugombye kwegera abashyamiranye ukabagira inama zibabera itara ryeyura icyo gihu cy'umwijima kibuditse imbere yabo.

Ubwato buhetse u Rwanda buratsimbuwe umwerekeza ateye umugongo ibi bihe bibi by'amashyogo n'ubushyamirane. Dore ubwato buravumera buri munyarwanda wese afate ingashyi tugashye tugana ku itsikiro, bwa busabane hagati yacu. Ubwato burava amakuba atwugarije ni menshi nta n'umwe wo kubura umumaro, n'udashoboye ingashyi avome ayo mazi yenda gutuma buzikama. Ubwiyunge bwacu abanyarwanda nibwo buzakura iki gihugu cyacu mu manga ikobanye cyahirikiwemo n'abibeshyaga kugikunda.

.../...

Ubwiyunge bwacu buzahutera inzangano zari zikwije imitima yacu dusabane nk'uko byahoze.

### 3° GUSENDEREZA AMAHORO MU MITIMA Y'ABANYARWANDA

Urugamba rwarahoshejwe abanyarwanda bakizwa amasasu, bakizwa impiri,amacumu n'inkota byari bimaze gutikiza benshi muribo b'inzirakarengane. N'ubwo haba igihe agatokozi gato kazamo inkorashyano zakoze amaraso zikagaruka guhungabanya umutekano. Ariko ingabo z'u Rwanda zihaba maso maze bake batahasize agatwe bangera bakarorongotana.

Hari benshi bakeneye kuvurwa agahinda, kuba umuntu yashobora kumwenyura ntibivuga ko amahoro yamusaze ! Umunyarwanda yaravuze ati " **Amenyo ni amabuye aseka asize intimba mu nda.**" Nta busabane dushobora kuzageraho tukirimo abaraza imitima iswa baremerewe n'ibibazo byabuze gikemurwa kandi banabitewe n'abanyarwanda bene wabo. Barimo ba bapfakazi bipfumbase abo bari barashakanye barahitanywe n'abanyarwanda b'umugayo, ababyeyi barahinduwe inshike na ziriya mfubyi zirorongotana imisozi zarabuze ababyeyi bazo ndetse n'abandi bose basizwe iheruheru n'intambara. Bamwe muribo barasumbirizwa bikabatera kwiyandarika cyangwa se ugasanga abana bato basoma amatabi agahinda k'iminsi kamaze kubasabika.

Bariya bana bandagaye kubera ko xxxxi bavukijwe ababyeyi babo n'imitungo y'iwabo igasesagurwa. Ubu bariho batanariho! None se ubu Imana nibafasha bakabaho, bamaze gukura wabahingutsaho ute ibyo kubana neza n'umunyarwanda watumye barohama muri buriya buzima? Ariko rero niba ubu bafashwe bakitabwaho ntibazibagirwa ibyabagwiririye ariko intimba izagabanuka mu mitima yabo. Nibwo bazumva ko ababakoreye ibya mfura mbi ari abanyarwanda gito bagomba kubihanirwa, naho bo rero bakaba bagomba kubana neza n'abanyarwanda nyabo babagaragariza impuhwe n'urugwiro. Si abo bana gusa bo kwitabwaho hari n'abandi bafite ababyeyi bombi bakoze amahano none ubu bakaba bafunze bose. Abo nabo bari mu buzima bubi kandi nta cyaha bafite. Abanyarwanda b'inyangamugayo batozwe urukundo kugeza ubwo ntawe uzaba akishisha undi. Ingo zitazimye neza zigerageze kwisubiranya n'ubwo zitagira isura nk'iyo zahoranye, ariko ngo " Ahari ubuhoro Umuhoro urogosha". Urukundo n'ubwizerane bimaze kudusakaramo bariya bapfakazi bazabona abo bashumbushanya. Ubusabane buzagerwaho habaye ubufatanye n'ubwuzuzanye.

Biriya bimuga bigenda bikururuka, ziriya mpumyi biriya bipfamatwi, abapfakazi n'imfubyi abo bose bagiriwe nabi na bagenzi babo b'abanyarwanda cyangwa se n'ingaruka z'intambara ubwayo nibarengerwe bitabweho. Bariya bose basenyewe bakanasahurwa bagombye kubona imitungo yabo. Buri munyarwanda atuzwe areke gusembera niba untwaye imyugariro ngasigara nugariza ibiganza, nanjye sinahwema kugukanurira irihinguranya. Nibura se koko amasambu yose abe agengwa n'igihugu atari umuntu ku giti cye, maze ikibazo cy'amasambu cyari gihangayikishije iki gihugu kigabanuke. Abantu nibatuzwa hamwe mu midugudu n'ubwo bizatuma amajyambere abageraho ku buryo bworoheje, ariko bizatuma bashyira hamwe kandi bimenyemo abagome bashaka uburyo basubiza iki gihugu mu bibi cyakuwemo cyangwa se badindiza ubusabane bw'abanyarwanda. Biragaragara kenshi ko mu Rwanda rw'ejo hashize hari abakatiwe ibikingi bigakingiriza rubanda giseseka inyungu zidasobanutse. Barya babaye urwitwazo ibikingi nk'ibyo bitangwa, bakaba aribo birirwa babitaganyura bagererwa imbehe y'intica ntikize. Si amasambu gusa ashobora no kuba amazu, imishinga n'inguzanyo z' amafranga abarika yatangwaga yitwa inguzanyo nyuma bigafifikwa akitwa inkunga. Abo batunze ibya rubanda nyamwinshi cyangwa se ibya bagenzi babo mu buryo bw'amayeri babinyagwe bigenzwe uko bikwiye kugenzwa. Abanyarwanda bazagarura ubusabane niba ibyabo bicunzwe neza ntihagire urengwa mu byo yahuguje abandi bahondobera. Ubwangati cyangwa se impishyi bya bamwe bigire abandi bifata mu nda. Umunyarwanda atunge atuje atikanga abaza kumuhungabanya. Ubwumvikane buzatu-

.../...

garukira umunyarwanda natura adakebaguza mugenzi we ushobora kumugirira amarorerwa. Kuko kugoyagurikira ku itaka ry'i Rwanda kandi uhahirizwa na mugenzi wawe musangiye ubwenegihugu, wiyumvamo ko ntaho ubunyarwanda bwawe bushingiye ahubwo ubufite by'izina gusa, bigatuma wanakwibwira ko iby'i Rwanda bitakureba. Wibwira ko gushaka ubwumvikane bizakorwa n'abo ubona bagusumbije amahoro n'imibereho myiza kandi ari umurimo wa buri wese.

Buri munyarwanda ahabwe umurimo akamaho ikimutunga. Nagira icyo akora ntazririrwa mu tubari amwenyamwenya yabuze n'amafaranga yo kunywera, yikinira amacenga n'abashinzwe umutekano. Bene nk'aho nibwo ajya mu matwi ya mugenzi we ati " Wa! wa ! wa ! Nyanaka impamvu abayeho kuriya ni ukubera?..." n'ibindi byinshi. Abayongorera amafuti yo gushyamiranya, amatiku akirema ari aho afite icyicaro, ni aho uduco tw'amabandi twiremera. Inzoga bayita gahuza-miryango ariko rero ntiyayihuza ibyumweru bingahe abandi bajya ku mirimo ngo bazagire icyo bageza ku gihugu. Ubusabane buzaza bigaragaye ko buri muntu yitaweho.
Abatabonewe imirimo bakangurirwe gushinga amashyirahamwe ashingiye ku myuga inyuranye igaragara mu gihugu, kugira ngo baterwe inkunga maze mu nyungu z'ibikorwa byayo bakuremo ikibatunga.

## 4° KWIMAKAZA UMUCO GAKONDO NO GUHUGURIRWA KUBANA NEZA

Uko iminsi igenda ibisanya, niko umuco gakondo wacu ugenda ukendera, twihazamo iby'uruzungu. Nabyo si bibi kuzana amajyambere ariko se kandi dusonere umuco wacu! Niba tugira tuti " Icyakorwa kugira ngo abanyarwanda bongere babane neza," uhita wumva ko hari igihe bigeze kubana neza. Ni cya gihe rero cy'abasokuru bacu. Babishobozwaga n'iki ? N'uko bubahaga kandi bakagendera ku muco wabo. Kwiturira mu Rwanda rwa " Kirazira " n'ubwo byaba ari ugusubira inyuma, nyamaraga ntacyo byishe niba byadutera ubusabane.
Tukiberaho muri kirazira kurya inshuti, kuba intati, kugambanira igihugu no gukora ibindi byinshi bibi, ariko ntitubeho muri kirazira kurya ihene uri umugore ngo utamera ubwanwa ! Bityo tuzongere kumva akamo ka nijoro ari uko ari igisimba gisariye rubanda. Nyir'ibyago kandi nahuruza, ntavunirwe impuruza na Nyiramubande ahururirwe na bose maze kwa kwimika umuco kugaragarire aho.
Ngo" inkovu icitse irushya abavuzi " ubwenge bwo gukunda igihugu n'abagituye ndetse n'ibikorwa bikibonekamo bukwiye gutozwa abanyarwanda. Kuko byagaragaye cyane ko hari abanyarwanda birukankira za kaminuza, bagataruka amahanga ngo basumbe intiti, nyamara bakiri abatindi b'umutima.

Kera abanyarwanda baranywanaga bagaca ku nda ubwo bakaba bagiranye igihango cyo kutazahemukirana. Ubu ntitubasha kunywana kuko ari umwanda wadukururira ibirwara, ababikoraga bari batarajijuka. Aho kwiririrwa mu mazu n'ibigo by'ubushakashatsi uvumbura ibishobora kwicagurwa nabi n'abadashyize hamwe, wabanje ukavumbura uburyo bushya abanyarwanda bashobora kongera kunywana ? Igihe kirageze ngo abanyarwanda basobanukirwe ko ibyo Ruzungu yatuzanyemo byo kuvuga ngo ubwoko ubu bwaturutse muri iki gihugu, ubu nabwo buturuka muri iki, icyo ari ikinyoma kibi cyane. N'ikimenyimenyi kuva mu mateka y'ibyo bihugu ayo moko ntaharangwa. Yaritondaga agafata indeshyo y'umunyarwanda n'uburebure bw'izuru rye ati " Guhera ubu wowe ufashe ubu bwoko!" Yarabarocagije karahava ari amayeri yo kugira ngo abone uko abasahura utwabo, abone uko abigarurira amaze kubaremamo ibice.

Dushyire hamwe turwanye uwagerageza kudushoramo amacakubiri. Duhame na kera kose nta munyarwanda w'injuragire w'agacurama utagira aho abarizwa !
Umwanzi aze agushuke wice mugenzi wawe ukingirijwe n'urwijiji rw'ijoro, maze nibucya wibere agatama kandi uri kasha, kavuro gake. Dore uri umunyagwa, kabutindi, ubugome uburusha kure uwo ukoshya.

.../...

Kuko aho kubana na Bihehe mu nzu wibwira ko ubana n'umuntu, wayicungira mu bihuru by'inyuma y'urugo ukahagenda uri menge, ukahanyurana amakenga. Ubusabane busagambe, inkera zongere zibeho nka kera. Abagabo bahige ibyiza bakoze bitume n'ikigwari cyigaya maze kijye gukora iyo bwabaga. Umunyarwanda yaragiraga ati " Nishe abanzi b'igihugu aba n'aba, natesheje imbwa yambuye umuhashyi, nasembereje imbaga yari igwiriwe n'amakuba mugikari cyanjye, n'ibindi". Agakomerwa mu mashyi. Maze turebe ko hari uzihandagaza mu nkera nk'iyo ati " Nishe abanyarwanda aba n'aba b'inzirakarengane!".

Umuco w'amahanga nawo tuwinjize mu wacu ariko n'uwa gakondo tutawutabye. Aho kubaka amazu bararamo babyina indirimbo z'inzungu, birongobeka ibyotsi maze aho hakaba hakururukiramo n'ubwomanzi, tureme inkera tuvuga ku muco gakondo. Duterekere ba sogokuru bari intwari basabana bizira amakemwa, bazira intonganya, ubugome n'inda nini. Tubaterekere tubatekereza, twoye kubasaba amahoro ubutoni urubyaro n'ubutunzi nk'uko benshi ukwemera kwacu kutabidushoboza. Niba tutagomba kwibagirwa amarorererwa yagwiririye uru Rwanda kugira ngo hatazagira n'urota yongera kuyatugushamo, gutaramira hamwe twibuka ba sogokuru twimika umuco gakondo mu buzima bwa buri munsi byatuma twifuza kuba intwari nkabo. Urubyiruko rwo ku murenge uyu n'uyu rugataramira hamwe bakitereka urwagwa, amarwa, ibigage n'imitobe amajoro bagata hanze. Ibyo bigakorwa mu mijyi ndetse no mu byaro. Abatura ibishyito mu nkera bakabereka aho bikinjika, bagashyirwayo ndetse bakigira no mu nzozi.
Bakirotera u Rwanda rw'umucyo ushashagirana, rw'amahoro ahimbaje rutari urw'amacakubiri; twese dushyize hamwe amatiku n'ubwumvikane buke tubikanira mu byoko byabyo, tubikanije umurunga w'inyabumwe nyarwanda. Muri izo nkera niho urubyiruko ruzagayira abababanjirije bagatanya abanyarwanda, ruhiganirwe kugarura umubano nyawo hagati y'abanyarwanda.

Kugira ngo abanyarwanda bongere babane neza ni uko amahugurwa yabaho ku mirenge no mu ngo hakaba abakangurambaga binjirayo gukwirakwiza ubusabane bw'abanyarwanda. Hagashyirwaho gahunda z'ayo mahugurwa mu mashuri, mu nsengero no mu bindi bigo biteraniyemo abantu benshi. Aha ndibuka umusaza utaravaga imuhira ndetse no kujya gufata indangamuntu yaragiye bamuhetse mu ngobyi, wanganiriye maze nkihishurira uko hari abanyarwanda gito bagenda bakwira kwiza ibigambo biteranya. Hari urukingo rw'iseru rwari rwahawe u Rwanda ho imfashanyo maze abana bo mu mashuri abanza bakagomba kuzihabwa bose. Namubajije impamvu atoherejeyo utwuzukuru twe babanaga, ansubiza ko n'ubwo izo nkingo zose ari iz'iseru ngo zaba zibitse ukubiri. Bakamenya aho bakura urugenewe umwana bitewe n'akamenyetso bahawe ngo n'uwagombaga kuba azi abana b'ako gace n'amoko yabo acungiye bugufi aho ngaho. Ngo hakaba abagombaga guterwa izizatuma batazanabyara, byaba aribyo byatumye atoherezayo utwuzukuru twe yahamyaga ko tutari kubura muri abo bari bugomerwe. Mubajije aho yabikuye, yansubije ati " Nabibwiwe n'umunyarwanda w'umugiraneza !" Uriya musaza yashutswe n'umunyarwanda uciye akenge byumvikane, kuko ariwe wari kumenya amakuru y'inkingo zizatangwa, maze agatangira gukwirakwiza ibigambo nk'ibyo bidafite ishingiro byo guteranya abanyarwanda bitewe n'inyungu yari abifitemo. Nta cyatera agahinda nk'uko ubwo aho kuri uwo murenge yaba ariwe mpuguke ihaboneka.

Ko uwo musaza yashutswe atyo, abana n'utwuzukuru twe natwo yatekeyemo uwo mwijima, ko habaye n'inama ihugura abaturage atayitabira ku bw'intege nke ? Buriya rwose azahumuka ate ? Namara kwitarura abuzukuru be bazajya bibwira bati " Dufite ibanga sogokuru yadusigiye!" Nibubaka ingo bakabyara bati " Ni uko sogokuru yabaye menge!" None se ubwo ni gute bazagira umubano uhamye n'abanyarwanda bari kuba aribo babyara bonyine mu gihugu ?
Uwahumye aba yahumye iyo atabonye umuhugura ubwo ntazibuka no guhinyuza ngo arebe niba abo yakekeraga kuyoba bajya gufata urukingo baba mu by'ukuri koko batarabyaye.

bigisha ijambo ry'Imana n'ibitabo byabo mu maha. Bakagera na hahandi twita mu kitumva ingoma ! Hariho abagifite imitima itamirijwe ya matiku bigishijwe, bakeneye urumuri !

Buri munyarwanda nakunda igihugu cye urukundo nyarwo, bizatuma ubutabera butugeza ku bwiyunge buhamye. Abanya-byaha nibahanwa, abanyarwanda tugashobora kwiyunga, hazaba hasigaye gusenderezwa amahoro. Niho tuzaboneraho kwimakaza umuco gakondo, duhugurirwe ubusabane ku buryo bwose bushoboka, maze twongere tubane nk'abanyarwanda ba mbere y'amacakubiri.

( Harakabaho inyangamugayo, intwari zakotanye igihe kirekire kugira ngo buri munyarwanda wese nta vangura abonwemo ubumuntu.
Harakabaho ingabo z'igihugu zarokoye imbaga y'abanyarwanda yari yugarijwe n'ibyago by'agahomamunwa. Harakabaho abayobozi b'igihugu cyacu, bakomeza gushakisha uburyo ubusabane bwagaruka mu banyarwanda.
Barakagwira Abanyarwanda bose bafite inyota yo kugarura ubwumvikane, umubano uzira agatotsi hagati yabo.
Murakoze Murakarama ! )

---

1/8/37 7

I R U S H A N W A R Y O K U V U G A N E Z A

INTERURO : Icyakorwa kugira ngo abanyarwanda bongere babane neza.

UMWANDITSI : S E M I V U M B I Daniel

Groupe Scolaire Notre Dame d'Afrique de Nyundo
B.P. 176 GISENYI.

ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA

Ubusabane,urukundo,ubwumvane n'ubwumvikane nibyo byarangagaga ba sogokuru na ba sogokuruza bacu mu Rwanda rwo hambere;abanyarwanda barahuraga bagasabana bagasabana amazi n'umuriro, bagahana amahoro n'abageni,bagatahiriza umugozi umwe nta kugorana, bakagura igihugu, bakimura inkiko, bakazira itiku n'intugunda n'ushatse ibyo kubishora agashyirwa ku Karubanda ! Aho umuzungu aziye rero ati " Aba banyarwanda ntabateye gutatana ngo mbacemwo icyuho bacikemo ibice ntacyo nacyura !" Nibwo arebye bamwe ati " Mwogacwa mwe muraryamirwa kandi mukaryamirwa n'abatari kavukire, biviriye imahanga baje kubaryana ibyanyu !" Ubwo nabo bati " Burya umuzungu avuga ibyo yapimye nta kabuza ni byo !"

Ngayo amatiku Gatuku yazanye i Rwanda akabyara inzangano zatumye abibwiraga ko baryamirwa baryoje ubusa abavandimwe barabahohotera amahoro ahinduka amahano, umunyarwanda ata agaciro icumbi rye riba ishyanga. Akababaro ka bamwe kabaye ibyishimo n'ibigwi by'abandi; Gatuku asubiye iwabo Rwanda yibera igikoresho cy'ubutegetsi bubi bwaranzwe n'igitugu bugatoteza abere bugaheza imahanga abanyagihugu bazira amahane. Ubwo butegetsi bw'agatsinuzo bwatsembye ukuri bukomeretsa imitsi y'abo bushinzwe kurengera, bubabibamwo ibibi, bibabera umusaruro udateze kuzibagirana na rimwe mu mateka y'u Rwanda ariwo TSEMBABWOKO N'ITSEMBATSEMBA. Nibwo abakomeje gutotezwa nta tiku batewe bagateterezwa bakicwa, abagabo b'ibikwerere, abagore b'ibishongore, abakecuru, abasaza, abasore, inkumi ndetse n'urucanda bose bahigwa bunyamaswa ibintu biradogera.

Ibyo byose byakozwe n'abanyarwanda kandi bikorerwa abanyarwanda bose ari abavandimwe. Dukore iki se ko ayo mahano yabaye nk'acukura umuferege muremure cyane utandukanya abanyarwanda? Dukore iki kugirango icyuho kizibwe maze uwiciwe asabane n'uwa mwiciye amacakubiri acibwe mu barutuye?

Inzego zose z'ubuyobozi ni zihaguruke zikangurire abanyarwanda b'ingeri zose gushakira hamwe icyatuma amahoro, ubwumvane n'ineza byongera kuranga uRwanda. Buri munyarwanda uwo ariwe wese urwego ariho urwo ari rwo rwose arebwa n'iki kibazo. Turebe noneho icyo buri rwego rw'ubuyobozi, buri munyarwanda cyangwa umunyamahanga ukunda u Rwanda bakora kugirango abarutuye bongere babane neza.

UBUCAMANZA

Ubusanzwe mu muco wa kinyarwanda,iyo umuturanyi yakoserezaga mugenzi we akamutoteza akamuhinda amuziza akamama, umuryango warabahuzaga bigahera mu gisenge; bananirana ubwo gacaca ikicara ikabicoca igaca inkoni izamba,uwakosheje agacibwa agacuma maze uwakosherejwe agacururuka, ituze rigatura umuryango ukazira induru itimwe rikagenda nka NYOMBERI ! None se ko umunyarwanda yendereje undi, ya gacaca nkuru y'u Rwanda ( UBUCAMANZA ) yahannye uwahohoteye mugenzi we, igahumuriza uwahohotewe, inzangano n'inzigo bitarafata icyicaro mu mitima y'abanyarwanda ?

Ubucamanza butabera bufite ijambo mu kazi kabwo ni inzira izira inzitane mu bwiyunge bw'abanyarwanda. Niburwanye bushyizeho umwete wa muco woretse igihugu wo kudahana, nibwo amafuti azabura umwanya mu mubano mwiza twifuriza abanyarwanda. Nibufate abacyidegembya baririabye amaraso y'urubyaro rw'uru Rwanda, maze aho gukomeretsa inkovu z'abacitse ku icumu ry'ayo mahano,ibihano bihabwe ibyo byihebe byahahamuye igihugu. Birababaje rwose kubona amaso ku maso uwaguhemukiye akaguhekura agahitana ibyawe adahabwa ibihano cyangwa ngo aze agusabe imbabazi ! Amahoro azahinda ate se ko ahubwo aho guhana MWARAMUTSE isanzwe ihuza abanyarwanda, ari uguhura ukagira intimba watekereza ku mahano ibyo guhora bikava aho.

Ubucamanza ni bukore iyo bwabaga aho guca intege abo bushinzwe kurengera, buce imanza zitabera, nibwo ubwishishanye mu banyarwanda buzabura icyicaro. Burya rero ubucamanza bubi buri mu byoretse u Rwanda,niyo mpamvu aribwo mizero yambere mu guha isura nyayo u Rwanda rwahoranye,buhana by'intangarugero bikaba n'urwitegererezo kubashobora kugira amakosa intego. Nibushishoze mu gushakisha abashenjaguye imitima y'abanyarwanda, abari mu maboko yabwo bacibwe imanza, abagaragayeho ubudakemwa barekurwe basange ababo,nibwo intimba izava mu mitima y'abanyarwanda maze bature batuje batunge kandi batunganirwe. Ngurwo uruhare rw'ubucamanza mu bwiyunge bw'abanyarwanda bakoreranye ibibi kandi ari abavandimwe.

UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

Uwitwa umuyobozi wese,arebwa ku buryo bw'umwihariko n'iki kibazo, kuva kuri Nyumbakumi kugeza kuri Perezida wa Repubulika. Abayobozi babi nibo bayobeje abaturage babaroha mu ibohero ry'inzangano n'amatiku bitera abantu guta umurongo bikaba byarabaye intandaro y'ubwicanyi ndondakoko.

Muyobozi rero haguruka uharure akayira ubwiyunge bugomba gucamo amahoro ahinde i Rwagasabo urwanya byimazeyo abigira NTITUBIRIMO na ba NTIBITUREBA bitwaje impamvu izo arizo zose. Nibarwanywe bareke gushinyagurira abashengurwa n'agahinda ko kubaho nk'ibishinga barahoze bashengererwa n'ababo. Ubutegetsi bw'igihugu bwo bushakira abaturage abayobozi bamwe na bamwe, niburebe niba uwo umuyobozi adashobora kuba imbarutso y'ubwishishanye mu bayoborwa. Mbere yo kugira runaka Perefe, Burugumesitiri cyangwa Konseye n'abandi, nihabanze harebwe niba koko uwo muntu afite ibitekerezo byubaka, niba ashobora kugira uruhare mu bwiyunge bw'abanyarwanda ababanisha aho kubaryanisha abashumurizanya kandi ari abavandimwe .

Ntibihwitse rwose gufata iyambere mu gutambamira ubwiyunge uri umuyobozi uha ibinyoma, ivangura,ikimenyane na ruswa intebe, kandi aribyo byatubyariye ITSEMBABWOKO N'ITSEMBATSEMBA.

Abayobozi babi basonga abasumbirijwe bakabura uko bigira,ntabo igihugu gikeneye;hakenewe ahubwo abahuza kandi bagahumuriza abanyagihugu babafasha kungurana ibitekerezo ntabyo guterana amagambo,bagafasha abakoshejwe n'abakosherejwe bakiyunga amahoro agahinda.

Ubutegetsi bw'igihugu nibuhaguruke nibiba ngombwa bwitabaze n'inshuti z'amahanga,maze ikibazo cy'abatagira uko bigira gikemuke bumve ko bafite uburenganzira; maze agahinda n'intimba bigabanuke,uukubabarirana kubone inzira gucamo kudategwa.
Burya rero iyo utubazo tw'ibanze nk'utwinda , imyambaro,agasabune,... tugabanutse,nibwo umuntu abona gutekereza ku bindi.None se umuntu azaburara kabiri, gatatu yarahoze asagurira amasoko,abure gutekereza ku wamusubije ku mukanda?
Iyo nzara ivanze n'ibibazo se izashira ryari ko nta wundi yatura ibibazo bye?
Ubwiyunge buzaca he n'iyo nzira y'inzitane iri imbere yabwo?
Rwose abo bantu nibafashwe ibyo bimuga,izo mfubyi n'abo bapfakazi b'ibyabaye muri uru Rwanda bateze imbere mu mahoro urwo batuye.

Ubutegetsi bw'igihugu nibufashe ubucamanza kurangiza akazi kabwo,bushaka abacamanza batabera benshi kandi bahugukiwe n'akazi kabo.
Amahugurwa ahoraho nabahabwe maze babone ubuhuza abahemukiranye;na ba Ruharwa ubu bari mu mahanga ya hafi cyangwa ya kure,bakurweyo nabo baryozwe ibibi bakoreye abanyarwanda
Muyobozi aho uri hose kangurira abo ushinzwe ko nta we uzava mu mahanga ngo aje kubunga; aho guhungana no kumungana nibahure bavuge ku byabateza imbere mu mahoro n'ubusabane.
Ibyo byose abayobozi nibabigeraho,nta kabuza ubwiyunge nta nkomyi buteze guhura nayo; bizaba intambwe irambuye mu mahoro asesuye twifuriza urw' " IMISOZI IGIHUMBI "

UMUTURAGE

Wowe muturarwanda ukunda u Rwanda cyane cyane wowe wabonye cyangwa ukumva ibyo igihugu cyawe cyakorewe n'abadashyira mu gaciro,urebwa cyane n'ibikorwa bihuza kandi bikabanisha abanyarwanda, bigamije ubutishishanye n'amahoro twifuriza u Rwanda n'abarwo. Twese uko dutuye u Rwanda, n'abarukunda batarutuye, duterwe ubugabo no kurwubaka aho kurugaba tubana nk'abibana. Turebe icyo buri wese urwego arimo rwose ( icyo akora cyose), yakora kugira ngo abanyarwanda bongere babane neza.

ABAFITE UBUTUMWA CYANGWA INYIGISHO BAGEZA KU BANDI

Uru rwego ni rumwe mu nzego zirebwa ku buryo bugaragara n'ikibazo cyo kubanisha abanyarwanda. Tugiye kwibanda cyane ku barimu,abanyamakuru,abahanzi n'abanyamadini.

ABARIMU

Urwego arimo urwo arirwo rwose afite abo yigisha iby'ubwenge kandi agomba guha ubburere rusange. Birumvikana rero ko agomba kwirinda kuyobya iyo mbaga igamije kugenza ubujiji, ahubwo ko agomba kuyiyobora ayirinda icyayitera kutumvikana ubwayo. Umwarimu nakangurire abanyeshuri umuco wo gusaba imbabazi no kuzitanga k'uzisabwe, bakangurire kubana mu rukundo bagire ipfundo mu bupfura bakesha uwo murezi. Nagire igihe cyo kuganira n'abanyeshuri be, ntibahere mu masomo gusa, ahubwo bavuge no ku mubano w'abanyarwanda, ikindi kandi yirinde umutima w'ivangura ryaba rishingiye ku bitsina,amoko,amadini cyangwa ibindi. Yirinde kurengera bamwe,arengura abandi. Abanyeshuri bakosheje mu ishuri bakosorwe, bizabatoza kwitaza amakosa mu buzima bwo hanze. Murezi kirezi kizira imbereka,zirikana kubo u Rwanda rutezeho akazaza bazire inzangano,inzigo zibure icyicaro mu mitima yabo.

UMUHANZI

Iyo mpano wahawe na Rugira reka kuyigira inkota yica ushumuriza abantu abandi,nk'uko byagaragaye mu bihe amahano yahabwaga intebe i Rwagasabo: mu mivugo ivugitse gihanga ariko yuzuyemo amatiku atanya abo ibwirwa, mu ndirimbo zisenya zigasingiza abisiga amaraso y'abaziranenge ... Inganzo yawe yigire isoko y'ubwiyunge bw'abanyarwanda, ivubure amazi y'urusaro asabagize urukundo mu barutuye. Himbarwa uhimba indirimbo zidasebanya ahubwo zisebya abasize u Rwanda mu kangaratete hato hatagira n'ubigira intego; imivugo ivuge ku byabaye ikangurire abaturage gusaba no guhana imbabazi; ayo makinamico yigishe kugira neza no kubana neza;ibyo byose nibigerwaho,inkunga yiyo nganzo izaba ibaye MUTAGERERANWA.

UMUNYEDINI

Nawe rwose kora iyo bwabaga uharanire icyaguhuza na mugenzi wawe mutavuga rumwe, bitewe n'impamvu izo arizo zose. Inshingano yawe yo gukangurira abantu kubana mu rukundo,nishinge imizi ntihere mu magambo; urukundo rwogere mu mbaga ya nyagasani. Ubusanzwe idini ni ihuriro ry'abantu badahuje uturere,ubwoko,ibitsina, ... ariko bahuje ukwemera. Birumvikana rero ko ababwirizabutumwa nk'abapasitoro,abapadiri,... bafite umurimo ukomeye wo guhuriza abo bantu bose mu kwemera kumwe. Ngaho ni bakangurire abo bayoboke babo ko inzangano zisenya aho kubaka. Babakangurire ko abakoze ibyaha bagomba kwihana,bagasaba Imana n'Itorero barimo imbabazi z'ibyo bakoze,ndetse bakazisaba by'umwihariko abo babikoreye kugira ngo biyunge babane neza ubuzira herezo.

Nibamamaze ubutumwa bw'Imana ariko na none bamagane bagenzi babo bamaramaje mu kumara abanyarwanda, bakica batsigatiye Bibiliya, bagakorera ibidakorwa mu ngoro ya Nyagasani. Rwose wowe munyedini witinya no gutunga agatoki abashaka kwitiza isura y'idini kandi baba bahuma amaso rubanda ngo itamenya cyangwa itibuka ibyo bakoreye igihugu cyababyaye. Mu sengesho ryawe sabira u Rwanda n'abanyarwanda,amahoro yuje ituze abasange, bazasangirire ku isahani imwe aho kwa NYIRIBIREMWA .

UMUNYAMAKURU

Ubundi itangazamakuru ribi ryoreka igihugu rigateranya abaturage bagata umutima w'umutuzo bagatora uwo gutemana.Igihe tugezemo rero ni icyo kurwanya itangazamakuru nk'iryo.Umunyamakuru uwo ari we wese yaba akora kuri Radiyo cyangwa yandika mu binyamakuru,ibitekerezo bye bigera ku banyarwanda hafi ya bose ndetse n'abanyamahanga;birumvikana rero ko iyo byubaka bigirira abo bigenewe akamaro aho kumarana bakubaka urwababyaye,naho byaba bisenya nabwo bikabasenyera bagasongana.
Munyamakuru rero uzi ibyo za R.T.L.M. na za KANGURA byadukoreye,gira uruhare mu bwiyunge bw'abanyarwanda ubaha ibitekerezo byubaka bibakangurira kubana aho kubashyushya imitwe ubateranya.Mu gutara amakuru kwawe,tora yose uko yakabaye,ukugejejeho igitekerezo kiyobya ugerageze kumuyobora,iby'amakabyankuru ntibibura nabyo uzajye ubyibuka maze mbere yo kuyatanga ubanze uyanonosore,uyashungure urebe neza ko adashobora gushumika imitwe n'imitima by'abayumva;atangazwe azira urukumbi agire icyo yungura imbaga iyabwirwa.

Munyamakuru,sura abaturage utavangura uturere,ngo wibande aho uvuka cyangwa aho ukesha ifaranga.Nta munyarwanda n'umwe ubaho adafite ijambo cyangwa igitekerezo yageza ku bandi,nta n'akarere kabaho katagira inkuru,ikiganiro,umuco kihariye,...Umunsi rero uzajya gusura akarere aka n'aka,abagatuye bose bakaza bakugana,nta busabane buzaba buruta ubwo kuko n'abazaba bataziranye cyangwa batavuga rumwe,bazahura bahuriza ibitekerezo hamwe bityo amahoro aganze ukwishishanya muri bo.
Itangazamakuru muri rusange nirigire uruhare mu bwiyunge bw'abanyarwanda ritegura kandi ritanga interuro nyinshi kandi zinyuranye, ku cyakorwa kugirango ubwumvane n'ubusabane bisagambe mu banyagihugu.Radiyo y'u Rwanda niyongere ibiganiro ku cyateye abanyarwanda guhemukirana ndetse n'icyabatera kwiyunga, n'ibinyamakuru byongere inyandiko kuri izo ngingo.Itangazamakuru nirikangurire abanyarwanda umuco wo kwemera icyaha, aho kucyitaza,cyaturwe kandi gisabirwe imbabazi byose bijyane no kumva ukuri,usabwe imbabazi azitange atiganyira maze tubabarirane ntitubambane,ahubwo dusabane kandi duhane imbabazi kuko turi abavandimwe.

AMAKORANIRO RUSANGE

Ubusanzwe ikoraniro ni ihuriro ry'abahuje ibitekerezo, ibibazo cyangwa ubuzima rusange,bahura bagamije ikintu iki n'iki gishobora kubagira akamaro.
Akunze kugaragara ni nk'ingando z'urubyiruko ruhuje umuryango(mouvements d'actions), ibiganiro mpaka ku nteruro zinyuranye,amahugurwa y'abakozi,amanama yo hirya no hino,...
Ayo makoraniro rero ahuriramo abantu baturutse imihanda yose badahuje amoko uturere n'ibindi,gusa bahujwe n'igitekerezo rusange.Niba havugwa ingingo y'amajyambere y'ububanyi n'amahanga,y'iyobokamana cyangwa izindi , ubwiyunge ubusabane n'amahoro by'abanyarwanda ntibigahezwe inyuma;nibivugweho n'urwo ruhurirane rw'abadahuje ubwoko n'ivuko bashakire hamwe icyahuza abatavuga rumwe,babibangikanye n'ibyo bahamagarirwa, umurimo wabo ugaba utunganikwe neza kurushaho.Abategura ibiganiro mpaka nibibande ku ngingo zikangurira abntu kubana neza kubahana no guhana amahoro.Ubwiyunge bw'abanyarwanda bureba buri munyarwanda wese aho ava akagera;ndetse n'ibikorwa byiza bigerwaho iyo umutuzo wuje imitima y'abatuye igihugu,ibiteza imbere umubano nibishyirwe imbere n'ibindi bizatunganywa nta kabuza.

UMUTURAGE USANZWE ( wa nyuma y'amarorerwe )

Duhere ku wakoze amarorerwa akica, agasenya agasahura. Ibyo ribyo byose na we yabonye cyangwa abonako ibyo yakoze ntaho bihuriye n'ubumuntu. Niba afite imigambi yo kubikomeza nasubize inkota mu rwubati, amaraso yasheshe arahagije, niyunamure icumu kuko ibicumuro biramurenze, nareke kubica mu kwica ahubwo yicuze acubye uburakari bwa NYAGASANI, yikubite imbere y'abo yateye gutakara mu isibaniro ry'amashyano, abasabe imbabazi; arahire yivuma ko atazigera yongera guhemukira umunyarwanda aho ava akagera. Ibyo nabirangiza yishyire mu maboko y'ubucamanza ntakabuza nabwo buzaca inkoni izamba kuko uwo muntu azaba abaye nka ya ntama yazimiye yasanga izindi umwungeri akishima.

UWICIWE

Na we ukwiye kwirinda kwiheba cyangwa kwigunga, niyumveko afatiwe iry'iburyo ntaoyo ateze kuburana u Rwanda nasabane n'abo babana n'uje amugana amusaba imbabazi abikuye ku mutima, ace inkoni izamba amubabarire ibitekerezo byo kwihorera abihungire kure kuko bikorwa n'Imana gusa.

URUBYIRUKO

Rubyiruko, ni twe ntango y'ubwiyunge n'amahoro by'u Rwanda n'abarutuye. Turi ba SEKURU B'ABAZAZA. Nimumfashe tubanze tugaye twivuye inyuma bagenzi bacu b'urubyiruko bakoze amarorerwa yoretse u Rwanda, bakaba barafashe iya mbere mu guhohotera inzirakarengane. Rubyiruko rero tureke gutera ikirenge mu cy'abayobye ahubwo dushakire hamwe icyakorwa kugira ngo abahemukiranye bongere bavuge rumwe, batumirane babane neza. Kwirinda amacakubiri yose n'icyo yaba ashingiyeho cyose niryo shingiro ry'umushyikirano n'amahoro bisesuye kandi bihoraho. Urubyiruko ruri mu bibazo niruterwe inkunga n'urungano rureke kwiheba rwirinde ibikorwa cyangwa ibitekerezo byarutera kwigunga ahubwo rukangukire ibyarwibagiza ibyo bibazo nk'imikino, ibiganiro rusange,...

Rubyiruko, nitwirinde ibiyobyabwenge bifata umuntu akazungera, akazengera akaba igicucu yari umuntu, biri mu bya mbere byatumye urubyiruko rwiroha mu mahano yoretse u Rwanda, ndetse ni n'imbogamizi y'umuzi ku bwiyunge bw'abanyarwanda. Ahubwo aho guhurira mu tubare cyangwa mu runywero rw'ubwo burozi, ni duhurire mu ishuri, mu kibuga, cyangwa mu yindi mirimo, dusabane dusangira ibyishimo by'uko tungana. Burya rero igihe tubuze icyo dukora tudafashe isuka, ikaramu cyangwa agapira ngo dukine, nibwo haboneka umwanya wo gutikura no gucura amatindo atanya. Nibwo dutekereza ku mihoro ihonyora abafite ihoho bagahirimbana nta nenge, aho gutekereza ku mahoro ahuza imitima igasabana.

Ni dushikame turwanye udushwanisha aduteranya turi bene MUGABUMWE, twigire umwe tuvuga rumwe amahoro n'ubwiyunge duharanira tuzabigeraho nta kabuza. Nidutere ikirenge mu cya bagenzi bacu b'i NYANGE n'i MURAMBA biyemeje guhara amagara yabo aho kwicamo ibice. Nitugenza dutyo tuzabaho BUNYANGE kandi TUZARAMBA mu mumahoro azira gitesha.

UMUTEGARUGORI

Na we natege yombi iyi mpuruza, afatire iry'iburyo igihugu cye, atange umuganda mu bitekerezo cyangwa mu bikorwa ku cyakorwa kugira ngo abanyarwanda bongere babane. Ha agaciro urwo rugori rwawe, ugendera kure amatiku atanya akenshi aterwa n'abata igihe cyabo mu tubare bagata umutwe. Irinde amashyari asenya ahubwo ugire ayubaka maze ubibe urukundo mu bana bawe bakure batazi inzangano kuko nibo Rwanda rw'ejo.

Niba ufite umufasha mujye mufata umwanya mwicare mucoce utubazo turi mu muryango, mwige ku mibanire yanyu n'abaturanyi ikitagenda gikosorwe. Kangurira MYUGARIRO wawe kwibuka gusaba imbabazi abo yakosereje, bizababera ipfundo mubo mubana. Nawe kandi iryo banga ryo kwiyunga uryibuke maze uwo wagiriye nabi umwikubite imbere umusabe imbabazi.

Niba uri umupfakazi utagira uko wigira isunge bagenzi bawe ureke kuba nyakamwe ugerageze kwiyibagiza ibibazo uterwa n'ubwo bupfakazi. Mu biganiro byawe amaganya ntukayabanze imbere uganyira n'abatakumva ahubwo baguhema,kuko burya ngo " UGANYIRA UTAKUZI AKAKUNYAGA " umutima w'imbabazi uzajye ubanza mu byo ukora, nibwo n'uwakugiriye nabi azaza akwikubite imbere ku bw'ikimwaro azaba atewe n'iyo myifatire yawe. Mutegarugori aho uri hose hunga ivangura iryo ariryo ryose kuko riviramo urikora umuvumo wo kuvusha uwo bavuga rumwe bavukana,imivu y'amaraso ikaranga ivuko. Kangurira umusore wawe kutaronda isura, ubwoko cyangwa akarere by'umugeni yifuza; n'inkumi bibe uko ntikurikire akoko, akarere, cyangwa idini by'umugabo yifuza. Intambwe mu bwiyunge bw'abanyarwanda izaba itewe.

Banyarwanda,Banyarwandakazi, igihe kirageze ngo dutsinde amafuti adutandukanya nk'uko umuririmbyi w'umunyarwanda yabivuze. Uguhemukirana kwabaye hagati yacu ntawe kwateye ishema, uretse kongera ibibazo twari twisanganiweho ishavu n'agahinda. Amaraso yamenetse arahagije, turwanye n'ingufu zacu zose icyatuma hameneka andi maraso manyarwanda.

Dufatane urunana tutita ku moko, twirinde gutotezanya dutongana nk'aho tutota iziko rimwe. Nitwisungane tudasongana,tutanasigana kuko burya dusangiye sogokuruza. Nitureke gupfa ubusa nk'abapfapfa bapfa amagambo kandi dufite ipfundo riduhuza; Noneho duhane amahoro n'imbabazi tureke guhungana no guhangana nk'abahindana kandi duhujwe na byinshi.

Muntu wese ukunda u Rwanda,rwana urwambike isaro ryarwo, ruhore rwizihiwe n'abarwo, amahoro ahinde i Rwagasabo, IJABIRO JAMBO YAGIZE IBANGA, RWANDA YOSE IHAGIRE IJAMBO .

S E M I V U M B I Daniyeli
Urwunge rw'Amashuri rwo ku Nyundo
GISENYI

ICYAKORWA

KUGIRA NGO

ABANYARWANDA

BONGERE BABANE NEZA.

# ICYAKORWA KUGIRA NGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA.

## TUWUBAZE HEHE UMUBANO MWIZA?

Munyarwandakazi, munyarwanda
Nzindutse nzindajwe na byinshi
Ndabibutsa mbabaze musubize.
Ibuka ibyago byogogoje u Rwanda
Uzi se impamvu uzi intandaro?
Wabonye n'ingaruka mbi zayo?
Uzi imiti yahosha ayo mahano
Ikanayamagana burundu
Akaranduka i Rwanda rukunda umubano?
Ngaho dutuze tuzirikane twese.

Bijya gutangira kuba umwaku
Mu mwaka mwakwibuka namwe
Abanyanda baradutanya
Abaturarwanda babacamo ibice
Baduteramo amatindi y'amoko
Maze icyari ubumwe kiba umwaga
Urukundo rurarundura
Ubufatanye bwo burafutama
Gutabarana biratabwa
Abo barwanira inyungu zabo.
Uuri ga kwimukira ikibi
Urwango rwugururirwa irembo
Ibisare byarwo birasagamba
Isura yarwo irasumbukuruzwa
Abashyingiranye barashyamirana
Aho guhuza haza ubuhemu
Aho gusangira turarasana
Aho gutabarana turatera.
Sinabasha kubishushanya
Iby'ayo mahano biragatsindwa.
Inkurikizi zayo warazibonye
N'inkuba yakubise itagira amazi
Njye nkabaza abasaza amasubyo.

Bana beza b'uru Rwanda
Twarababajwe birambuye

Twarashutswe biradushwanya
Tuba ibivume-ruvumwa hose
Umuremya utaratwimye ubwenge
Ubwe yaratinye no kurutaha
Kuko Sekibi yarutashye.

Nyamara kandi tuganduke
Dufatane twese twe gusigana
Twisubize ya sura isusurutse,
Inzego zinyuranye nizegerane
Zishake hose zinashishoze

Icyazamura urwatubyaye
Rukava mu bwirabure bw'ubwire.

Bene Kanyarwanda niduhaguruke
Tuwutahirize uwo murunga
Kandi baca umugani abanyarwanda

Ngo "abishyize hamwe nta kibananira".
Guverinoma yiyemeje ivugurura
Yamagane ivangura n'isumbanya
Iry'uturere amoko amadini
Ba Kanyarwanda ba Mutarutana

Twige gusangira aho gusobanya
Duturane aho gutana
Dutarame aho gutukana
Ubumwe bwacu bube umurunga
Buzahore bushyitse iwacu
Amahoro akure amahano.
Abayobozi bayoboke icyaro
Bacyame imicyamo batwegere
Baducyamure tujye mu mucyo
Bacyahe abakitwa ibigwari
Bimwe bigwabiza ubwiyunge.

Inzego zose nizanzuranye
Zishware hose zishakashake
Icyarwubaka u Rwanda rwacu.

Ndahera no hejuru aho ngaho
Ngeze aho hasi kuri rubanda

Hatangwe inama zitunganye
Izitatugarura mu matiku
Izitadutererereza ubutindi
Izitatujinjika mu bujiji
Izidushyitsa ku mushyikirano .

Buri muturage w'u Rwanda
Afite uburenganzira nk'undi
Hatazagira uwishuka
Ngo agushumbije amashuri
Ngo avuka aha n'aha
Ngo atuye ahakomeye
Ngo atunze imitamenwa
Ngo arenze Mirenge.

Uzamusubize asigeho
Uti "mu rwego rwanjye
Rwaba urworoshye n'urukomeye
Ndi mu gihugu cyanjye
Cyanyibyariye kirandera
Kandi umubyeyi ubyiruye
Ntasumbanya ibibondo ndarahiye."

Ese uko ubizi cyangwa ureba
Inkingi imwe yagera inzu?
Raranganya amaso
Ubisuzume urebe
Maze wihe igisubizo.

Njye ndareba ngasanga
Iyo sura mbi twasizwe
Dusobekeye hamwe twese
Twe twayisandaza
Igasara amasigamana
Ngasaba inkunga buri wese
Mu gusana urwa Gasabo.

Buri muntu n'icyo ashinzwe
Ikimubeshejeho akaramuka
Abe umucuruzi abe umucuranzi
Abe umuhinzi abe n'umuhanzi
Uwikorera, ukorera Leta
Wowe muvuzi uvuna abarembye
Abigisha abanyeshuri

Njye n'abashumba ga ndabashima
Nkanabashaka ngo dushishoze
Dushungure dushakashake
Icyashimangira ubumwe bwacu.

Erega rwose si amashyengo
Amashyo amashyongore birakenewe
Gira abana, gira umuganji
Gira amahoro, gira amahirwe
Bimwe bitazinzitse mu nzika
Ngo uvunye ihobe uhekenya amenyo
Unakenyereye ku mwikekwe.

Reka twese ga banyarwanda
Abasigaye dusabane
Burya abarokotse ni twese
Nta we usanga atarakozweho.

Wowe muyobozi n'abo uyobora
Banyabwenge b'ingeri zose
Abanyamadini n'abanyamakuru
Twimakaze ukuri gukwiye
Ikinyoma kigende nka Nyomberi
Dore ko icyo cyago cy'icyagane
Ari cyo cyoretse u Rwanda rwacu
Rugacura umwijima w'urujojo
Ukatujijisha tukajarajara.

Navuze byinshi inzira ni nyinshi
Nyamara nyabuna ndinginze
Udatera agati mu ryinyo
Ngo winyonyonbere erega utahe
Uti "ntibindeba ntiwambwiye."

Ndasubiza ijisho ku butabera
Mbubaze intambwe bwo bwatera
Ngo butabare ko twatewe,
Butangire atararenga.

Mbe bacamanza muraca izihe
Ko izanyu zinanyuranye

Nubwo nyinshi zishingiye hamwe
Kuri aya mahano yaduharabitse
Akaduharanga by'agahomamunwa
Abanyarwanda bagahogomba?

Ngaho rero aho mu rukiko
Kora akazi kawe utikoresha
Abakujya mu matwi ubatwame
Bamwe babunza impongano
Maze impapuro zigatwikwa
Amadosiye amwe akarigiswa
Amasinya yandi ubwo agasinyurwa
Kuko iyo ndamu mu kwandavura
Indunduro yayo ari agahinda.

Wize amategeko uko ateye
Waritegereje uratekereza
Uyakoreshe mu bushishozi
No mu bubasha bumwe wahawe
Utabogama na gatoya
Utabogamiye abatoya
Nta ruhande uhengamiyeho.

Wihutera ngo uhutireho
Huguka ahubwo wihweze
Uzirikane ko ukuri gukwiye
Ariko kuzakemura izo manza.

Ubutabera ni bwo bukenewe
Ngo ubwiyunge bubashyikire.

Abo babutegereje batabarika
Baratondetse mu magereza
No ku mirenge baringinga
Ngo urwikekwe rukendere
Ibyo bicaniro byacitse
Byongere byake byokagwira.
Abanyabyaha babyature
Basabe imbabazi banazihabwe
Aho kuduhoza mu makoni
Bahisha ibizahishurwa
Bazinzika ibizagaragara
Hari abazonzwe n'inzozi nyinshi
Izo bahanze ku butabera

Maze barenganurwe bwangu
Bagarurirwe uburenganzira
Nabo bubake urwababyaye.

Banyarwanda bana barwo
Ubwenge bwacu bugana hehe
Ubwo bwiyunge budaharaniwe
Ngo bwongere bwagagaze
Bwaguke bukuze uruharo
Uruhare rwacu turugaragaze
Amahoro yaduhunze ga ahunguke
Anaduhuze duhimbazwe
No kuzahura agahugu kacu
Gato gatuwe nyamara keza
Kazamuke kuje ubwuzu
Ubwiza bwako bwamamare
Ari mu mubano w'abadutuye
Ari mu majyambere ingeri zose
No mu bukungu dukungahare
Abatureba batwifuze
Badusingize abadusanga
Dusakare ku isi hose
Dufite isheja ritangaje
Rimwe ritungura abatatuzi.

Ibyo bizagerwaho mbabwire
Tugenda agatoki ku kandi
Kandi twungurana izo nama
Mu runana, abana barwo
Umuyoboro mwiza w'abatuyobora
Gutekereza kw'abarutuye
Intambwe nziza y'ubutabera
Ubuvunyi bw'abaruhuka
Ubuvuzi bw'abaruva mu nda
Ubuhanuzi ubwo bw'abahanga
Uwo muganda ga wa muganga
Mu gushishoza banyeshuri
Mu kubabarira no mu bahinzi
Mu kuzirikana bakozi mwese
Mu kwanga ikinyoma banyamadini.

Bagabo beza tuganira
Bagore mwigomye imigozi yanyu

Basore nasabye gusabana
Nkumi nziza duteze inkunga
Bayobozi batojwe kutayoba
Banyabushobozi duhanze ijisho
Namwe bandi impande zose
Njye ndababwira ko bindenze
Umutima wanjye ubitse byinshi
Bitarangira ngo mutahe !
Bityo ndacumbikira aha ngaha
Navuze mwumva sinavunika
Kandi mwese ndabizeye .

Igisubizo cyanyu kinejeje
Ndagitegereje nuje ubwuzu
Kizabe cyiza kandi bwangu
Ubwo bwiyunge ni bwo bukenewe
Mwibuke hadakekwa ikindi
Kandi rwose muzasanga
Kunsubiza bidasereteza
Ntibisobetse birasigaye
Byashoborwa na buri wese
Mu bashishikajwe n'amahoro.

Icyo gihe twese tuzishima
Dushire intimba bishyire kera
Dushire icyusa tube indasumbwa
Usange hose banadushima
Tubikesha ubwo bwiyunge.

UMURAZA Mathilde
C/O E.N.T. KIBUYE 5è A.
B.P 13
Tél. 68.156

MUGIRANEZA THEODOMIR
URWUNGE RW'AMASHURI RW'i GAHINI
B.P. 88 RWAMAGANA

20

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ecole des Lettres de Gahini

UMWAKA WA GATANU W'INDIMI N'UBUVANGANZO

GUTANGA IBITEKEREZO.

INTEGO: ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA BONGERE BASABANE.

Nyuma y'uko igihugu cyacu kirohama mu marorerwa y'itsembatsemba n'itsembabwoko, ni ngombwa ko buri munyarwanda yacura urufunguzo rw'ibitekerezo bishya, bigamije kuzahura imibanire ya Kanyarwanda, u Rwanda rwacu rukongera rukaba igihugu kibira ikizinga cy'umwiryane n'ubushyamirane.

Ni muri urwo rwego nkimara kumva uyu mugambi wo gutanga ibitekerezo byakubaka u Rwanda rwacu, nagerageje gusubiza amaso inyuma nkurikije amateka y'u Rwanda rwo hambere, (mbere y'uko rubibwamo imbuto y'amacakubiri) mpereye ku migenzo myiza ya gipfura, (ubusabane no kwanga umugayo) ndicara ndabiyungurura bimbera akabando ko gusindagiza ibitekerezo byanjye, ngo mbonereho kubagezaho icyakorwa kugirango abanyarwanda bongere basabane, bature, batuze, ndetse batunganirwe.

Dukurikije igihe tugezemo, tukanafatira ku muco nyarwanda w'abasekuruza bacu, no ku mateka yaranze u Rwanda (mbere y'uko ruba igisare cy'ibizinga, bitewe na ba Rusahuriramunduru), ni ngombwa ko dukoresha isabune igomba kweza ibyo bizinga, u Rwanda rwacu rukongera rugatemba ituze n'umutekano bibereye abarutuye, ndetse n'amahanga akarwifuza.

Ubusabane bw'abanyarwanda bufite insinzi n'umuti mu banyarwanda ubwabo, kandi bose bashyizeho akabo nk'uko urugingo rwifashisha urundi, maze bikagera ku gikorwa kigaragara. Niyo mpamvu buri munyarwanda akwiye gutera mugenzi we inkunga mu kubaka iki gihugu cyacu.

Muri iyi nyandiko irambuye, hakubiyemo ingingo z'ingenzi, zishobora kuba isoko y'ubwiyunge bwa bene kanyarwanda. Ngo "Umutwe umwe wifasha gusara ntiwifasha gutekereza" . N'iyo mpamvu ngirango mvuge kuri izi ngingo zikurikira, zunganire izi abandi badahwema gushaka umuti w'ubusabane bw'abanyarwanda:

1. GUHARANIRA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE N'UBURINGANIRE.
2. GUKORERA MU MUCYO KW'ABATEGETSI ARIYO NKINGI Y'UBWIYUNGE BW'ABANYARWANDA.
3. KWIYIBAGIZA NO GUKOSORA AMATEKA MABI YARANZE U RWANDA.
4. IMIKORERE Y'UBUTABERA.
5. KUMVA KO DUSENYERA UMUGOZI UMWE.
6. KUZAMURA UBUKUNGU BW'IGIHUGU CYACU.
7. KUGARUKIRA IMANA.
8. IMIKORERE Y'ITANGAZA MAKURU.

1. GUHARANIRA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE N'UBURINGANIRE.

Uboukene, ubujiji n'indi mibereho mibi ya bene kanyarwanda, ni bimwe mu byabaye intandaro y'uburiganya n'umwiryane muri uru Rwanda rwacu rwatembaga ituze n'umutekano. Leta y'u Rwanda ibifashijwemo n'impuguke zo mu nzego zinyuranye, ikwiye gushakira abanyarwanda b'ingeri zose (impunzi, imfubyi, abakene.....)uburyo buboneye bwo kubiba imbuto y'ubugwaneza n'imibereho myiza mu mitima yabo, u Rwanda rwacu rukongera rukaba igihugu gitanaze kizira amapfundo.

Ntibizashoboka ku munwa gusa; ni ngombwa ko abategetsi batagomba kuzirika ku katsi abaturage, amaso yabo agahera mu kirere nk'uko ariyo ntego yaranze uru Rwanda rwacu mbere y'uko twigobotora ingoyi y'inyangabirama. ku byerekeye:

1º IMPUNZI : Tuzi ko muri uru Rwanda, ikibazo cy'impunzi ari kimwe mu bigomba gukemurwa mu maguru mashya, ngo twongere twivomere ku isoko y'urubogobogo itemba umutekano, amahoro, n'ubusabane.

Nk'uko tuzi ko impunzi zirimo ibyiciro 2, (Ni ukuvuga izahunze muri 1959 n'izo muri 1994) kandi bose bakaba ari abanyarwanda bagomba kumererwa neza, tukongera tukibaruka akaririmbo k'ubusabane n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

Leta y'u Rwanda n'abanyarwanda bose, bagomba gukora ibikurikira:

*Kubakira uwitwa umunyarwanda wese udafite aho kwikinga bitewe n'intambara cyangwa se izindi mpamvu zitamuturutseho.

Aho umuntu ashobora kwibaza icyakorwa, kugirango abari mu mazu y'abandi bagire icyo bagenerwa.

Burya iyo umuntu afite icyo arya, n'aho yikinga, umutima we utahamo ubuhoro. Leta igomba rero kubakira uwitwa umunyarwanda wese utagira aho yikinga kandi bose bakegerana( mu midugudu), kuko icyo gihe ntawe uzajya guhuguza inzu afite indi:

Leta igomba gushakira urubyiruko uburyo bwo kwibumbira mu mashyirahamwe aho ruzajya rushishikazwa n'umurimo, aho gushishikazwa no gucura amagambo n'ibikorwa bisenya. Icyo gihe urubyiruko ruzatera indirimbo y'ubufatanye rwakirane mu bitero aho gutera indirimbo y'amaganya buri wese yigunze ukwe.

* Gushakira umutekano uhamye abanyarwanda bose bizatuma bakora batishisha, igihugu cyacu cyongere kibe inyabutatu izira gusobana cyangwa amapfundo.

Erega ubu turubaka dusana ibyasenyutse si ugutangira bundi bushya. Kubaka inzu rero utarayitangiriye biragoye. Abanyarwanda rero bagomba kumererwa neza, bakabona ibibatunga bakitabwaho na Leta, nabo bagashyiraho akabo bakigomwa imbaraga zabo, zose, kuko burya umudiho uva mu itako kandi ntawe ukora atariye. Ni ngombwa ko Leta yita ku mibereho myiza y'abaturage cyane cyane impunzi n'imfubyi abakene n'abandi bakeneye kwitabwaho n'uko tugahagurukira hamwe tugatutira imigozi y'ubusabane n'ibiti by'umutekano, u Rwanda rwacu tukongera tukarutanaga. Mu maguru mashya, impunzi izo arizo zose z'abanyarwanda zikwiye kwitabwaho by'umwihariko.

2º IMFUBYI: Burya ngo" uburere buruta ubuvuke". Imfupbyi z'u Rwanda zirira imitaga zitagira epfo na ruguru nta cyagerwaho. Leta y'u Rwanda ibifashijwemo n'imiryango ya bene Kanyarwanda, ikwiye kwita ku mfubyi kuko arizo itezeho amaso, Dore ko abenshi ari urubyiruko, kandi ariyo mizero y'u Rwanda. Imfubyi z'abanyeshuri zigomba kwiga zikanitabwaho, abana bato bagahabwa uburere bwiza ku buryo bakura ari abagabo bibitekerezo byubaka, kandi ngo" igiti kigororwa kikiri gito".

.../...

3º UBURINGANIRE: Tuzi ko iyi nyanja y'ibibazo twarohanyemo yatewe n'ivangura, ironda kare - re no kwikubira. Leta y'u Rwanda nka Leta ikorera abaturage, igomba kwamamaza amatwara y'uburinganire mu banyarwanda buri wese akumva ko ataruta undi, abantu bakarutanwa hakurikijwe ibitekerezo n'ubushobozi ku kazi. Ibyo bigomba gusakazwa kandi bigacengezwa mu baturage bose, hakoreshejwe amanama menshi, akangurira abanyarwanda kubana neza, ibiganiro mbwirwaruhame, ibinyamakuru na radiyo y'igihugu.

## 2. GUKORERA MU MUCYO KW'ABATEGETSI ARIYO NKINGI Y'UBWIYUNGE BW'ABANYARWANDA.

Burya ubutegetsi bw'abaturage bukorera abaturage ni inkingi y'ifatizo, ifatiye runini abaturage b'igihugu iki ni iki. Muri uru Rwanda rwacu, politiki mbi y'abategetsi ikorera mu cyuka niyo yabaye intandaro y'ibibazo byugarije kandi byaheshe- je isura mbi u Rwanda rwa Gasabo.

Nk'uko twiyemeje kugendera no gukorera mu mucyo Leta y'u Rwanda ikwiye kuba Leta ihamye ikorera mu mucyo kandi yita ku baturage. Aha ndashaka kuvuga kurwanya ruswa, kwitabira umurimo uko bigenewe, kugenzura niba ibi byose bishyirwa mu bikorwa; Leta igomba kwereka abaturage ko ibyo ivuga bishyirwa mu bikorwa; icyo gihe abanyarwanda bazayigirira icyizere bakore bashishikaye, igihugu cyacu gisubirane isura cyahoranye.

Urugero: Niba ivuze ko imfubyi zigomba kwiga cyangwa abakene bagomba kwitabwaho, ikabyizeza abaturage, ikizere ntikikazabe ikiraje amasinde ahubwo bijye bishyirwa mu bikorwa, intimba n'agahinda k'izo mbabare bizasimburwa no kwishimana n'abandi banyeshuri ndetse bumva bamerewe neza mu bandi.

Abategetsi bagomba kugenderera rubanda rugufi, cyane cyane intumwa za rubanda kuko aribwo bazamenya ibibazo byabo, bakabona kugira icyizere cy'uko bitaweho. Leta igomba gushakira abanyarwanda ubutegetsi buhamye, butari ubukorera mu cyuka ahubwo bukorera mu mucyo kandi bwitayeho abaturage, kuko icyo gihe abanyarwanda bazagubwa neza u Rwanda rwacu rukongera rukarangwa n'ubusabane.

## 3. KWIYIBAGIZA NO GUKOSORA AMATEKA MABI YARANZE U RWANDA.

Ntawakwiyibagiza amateka mabi yaranze u Rwanda atabanje kumenya amavu n'amavuko yayo. Ubundi mbere y'umwaduko w'abazungu wasangaga abanyarwanda babanye neza ibyo bikagaragazwa no gushyingirana, guhana inka, kunywana .......ntawitaye ku bwoko bw'undi cyangwa akarere, ubwo byarakomeje kugeza aho umuzungu abuze uburyo bwo kudutegeka aducamo uduce. Duhereye ku mateka mabi yaranze uru Rwanda kuva ubwo, kugeza muri 1994, umwaka waranzwe no kubiba imbuto y'intimba mu mitima y'abanyarwanda, abanyarwanda bose bakwiye gukurikiza ya mvugo ivuga ngo" si ibya nyakuvugwa n'ibya nyakwihorerwa". Bishatse kuvuga ko ibyabaye byose bifite urufunguzo twakwita ivangura bikwiye gutabwa mu bisimu aho bitazongera gutora ubuzima-gatozi bikaba byakongera gutera abanyarwanda gucura urufunguzo rw'ubushyamirane.

Igisimu nta kindi, ni ukubitera umugongo bakabyikura mu mitima yabo, aho gusubiza amaso inyuma uhindukiriye ibumoso, ni ukuvuga wibuka ibibi byose byakubayeho ugahindukirira iburyo n'uko twese abanyarwanda tukivomera ku isoko y'abakurambere bacu, mbere y'uko u Rwanda rwa bene kanyarwanda rurohama mu nyanja y'amacakubiri.

Tuziko politiki mbi ishishikaje cyane urubyiruko(mu mashyamba ya politiki ya rutwitsi). Ni ngombwa ko Leta ibifashijwemo n'abaturage bose babumbira urubyiruko mu mashyirahamwe aho bazarangwa n'ubufatanye mu kazi kazo aho kwigunga buri wese ukwe,

bakanahabwa inyigisho zikosora amateka mabi. Icyo gihe, urubyiruko ruzatumira ababyeyi bizihirwe, bagubwe neza ndetse baruhurwe mu butaramo n'ubufatanye, maze abanyarwanda twese ducinye akadiho, ubusabane bube bwose kuko ntacyo dupfa.

Ubuhahirane bw'abanyarwanda no gufatanya byatumye habaho ubutunzi bw'inka ndetse n'imyaka: nk'uwabaga afite ibitebo bitanu by'amasaka akabigurana inka imwe bityo bityo. Umuzungu aje ati ufite inka 10 kujyana hejuru ni umututsi, ufite hasi yazo ni umuhutu, umukene we ngo ni umutwa (babuze uburyo bwo kudutegeka). Biba ihame birigishwa, ingaruka yabyo iba gusubiranamo kwa bene kanyarwanda, ibyo bintu nta shingiro bifite nimucyo rero twiyibagize ayo mateshwa adafite aho ashingiye, kuko ubu dufite abagabo bibitekerezo bizima, kandi imvano yabyo byose yari ubujiji.

## 4. IMIKORERE Y'UBUTABERA

Muri iki gihe tugezemo, hagomba ubwitonzi n'ubushishozi kugirango ubutabera burusheho gutunganya imirimo bushinzwe. Kubera ko abanyarwanda bagize igikomere cyo kubura ababo, bikaba bigoye kwiyunga [illegible], ni ngombwa ko buri munyarwanda wese atekereza ku kibazo cy'ingutu u Rwanda rufite, maze akumva ko nawe afite uruhare mu kubikemura, akunganira ubutabera mu guca imanza z'abahekuye u Rwanda binyuze mu nzira y'umucyo. Muri urwo rwego abaturage ntibagomba guhisha abanyamakosa cyangwa abakoze ibyaha bikomeye, ahubwo bagomba kubashyikiriza ubutegetsi bakaba baroherereje ubutabera akazi. Icyo gihe ubutabera buzakora akazi kabwo abanyarwanda babone kumererwa neza.

Ubutabera bugomba guhana abakozė ibyaha hakurikijwe uburyo babikoze:

* Abishe bagomba guhanwa by'intangarugero kugirango n'abandi barebereho.
* Abasahuye bagomba gushyirwa mu gacaca ka kivandimwe bakaryozwa amahano bakoze bakongera bakagira ijambo mu bandi nk'uko byahozeho kera mu muryango: kera, ubundi yakoraga ikosa (nko kurumanza inka, gukora ibizira mu muryango) agashyirwa mu gacaca ka kivandimwe ubwo bakamuca icyiru, akongera akagira ijambo mu bagabo.

Mu rwego rwo kworohereza ubutabera, abasahuye bagomba kugororwa n'imiryango muri gacaca, aho kwiririrwa bafungiye mu mazu baririra ubusa nta gukora, kuko aribwo bazongera bakagira umwanya mu bandi nabo bagakorera urwababyaye.

Ubutabera ntibugomba gukingira ikibaba abagiranabi, bikunda gukururwa na ruswa. Aha rero bugomba kugenzura ko hari abacamanza barya ruswa cyangwa ibindi bikorwa byose bijyanye n'uburiganya. Ubutabera rero bugomba kwongera umurego mu guca imanza, kuko abanyarwanda bazarushaho kwiyunga bakongera bagasabana.

## 5. KUMVA KO DUSENYERA UMUGOZI UMWE.

Umunyarwanda yarihoreye ati" ababiri bishe umwe" . Tuzi ko mu kinyarwanda nta mugani ugana ubusa. Banyarwanda rero dukwiye kwicara tugasubiza amaso inyuma, tukareba ubufatanye bw'abasekuruza bacu maze tugatumanaho imitaga, tugakorera hamwe tutikoresheje, duteganyiriza igihe kizaza.

.../...

Leta y'u Rwanda ifatanyije n'abanyarwanda bose, ikwiye gutanga inyigisho z'ubufatanye mu buhinzi n'ubworozi, dore ko ariyo nkingi y'ubukungu bwacu. Icyo gihe abanyarwanda bazashishikarira umurimo kandi babone umusaruro utubutse, ndetse bashishikarire gusabana mu kazi kabo, bumve ko bose batera indirimbo y'ubufatanye bahuranwa mu bitero, ntawe usigaye mu mayogi. Nk'uko umubiri w'umuntu ugizwe n'ibice bitatu by'ingenzi,(umutwe, amaboko n'amaguru ndetse n'igihimba) kandi buri gice kigakenera ikindi, kugirango bisoze inshingano yo kubaka umubiri, ni ngombwa ko inyabutatu nyarwanda igomba gukorera hamwe, natwe tugasoza inshingano yo kubaka u Rwanda. Leta y'u Rwanda rero igomba gukangurira abanyarwanda ubwo bufatanye dore ko yateye n'intambwe yo kubatuza mu midugudu aho bazaba begeranye.

VI. Kuzahura ubukungu bw'igihugu cyacu.

Iyo igihugu iki n'iki abaturage bamerewe neza babona ibibatunga n'ibindi bakenera mu buzima, ntawe ugirira ishyari undi kuburyo usanga bose baganira nta kibazo bakanashyikirana kivandimwe.

Kubera iyo mpanvu ni ngombwa ko kuzahura ubukungu bw'iki gihugu cyacu ari bimwe mu byatuma habaho ubusabane.

Leta y'u Rwanda ibifashijwemo n'impuguke mu by'ubuhinzi n'ubworozi, ikwiye guteza imbere iki gikorwa hakaboneka umusaruro utubutse w'imyaka n'ibikomoka ku matungo, abaturage bakamererwa neza aho guhagarika umutima bibaza icyo bararira, bavuga ngo icyampa kanaka ntabeho, ngo nitwarire ibye, bigatuma bagirana ishyari ariyo ngabo y'ubushyamirane.

-Leta ikwiriye gukangurira kandi abanyarwanda bose ko barebwa n'ikibazo cyane cyane cy'ubuhinzi n'ubworozi kuko ariyo nkingi y'ubukungu bwacu.

Leta y'u Rwanda ikwiye gutera inkunga abanyenganda n'abanyabukorikori kugirango babone uburyo bwo kwakira abakozi benshi, aho basashishikarira gukora, aho kwirirwa bazengera mu mijyi n'ahandi, abandi bimereye neza, bikaba byatera abo babuze akazi kubagirira ~~nabi~~ ishyari, ubusabane nyarwanda bukaba bujemo igitotsi.

Abacuruzi bakwiye kworoherezwa na Leta kugirango akazi kabo kagende neza. Ibyo bizatuma habaho uburumbuke bw'ibintu binyuranye kuburyo abaturage babifashijwemo na Leta bazajya babona ibyo bakeneye bitabagoye.

Leta y'u Rwanda rero ikwiye gushishikarira kumvisha abanyarwanda ko buri wese afite uruhare mukuzahura ubukungu bw'igihugu cyacu. Icyo gihe basitabira gukorera hamwe maze bajye inama basabana kivandimwe aho kuba buri wese nyamwigendaho akirirwa yigira inama yo guhungabanya ibikorwa by'amajyambere cyangwa amagambo amwe asenya aho gucura amagambo yubaka.

VII. Kugarukira Imana.

Banyarwanda, batura Rwanda, u Rwanda rwacu rutaragira igitutsi cy'itsembabwoko n'itsembatsemba Imana yirirwaga ahandi igataha i Rwanda. Imana rero ntikorera mubitayihesha icyubahiro (amahano,ubushyamirane n'umwiryane) ahubwo ikorera mu mucyo kandi ntiyanga abanyabyaha ahubwo yanga ibyaha. Dukwiye rero gusubiza amaso inyuma tukareba ibitarayinejeje twayikoreye maze tugaca bugufi tukayigarukira, ubwo nayo ikongera igafungura amayira yayo n'ubwo itigeze iduterera, ikajya yirirwa ikanataha i Rwanda buri munsi. Kubera iyo mpamvu, [illegible] abanyamadini n'abandi bazobereye iby'ijambo ry'Imana babifashijwemo na Leta, bakwiriye kujya bagenderera abaturage b'ingeri zose, babereka ibyiza

.../...

Imana yakoreye abantu aba n'aba n'uburyo ntawe ijya itererana ariko atari bya bindi byo guca abantu intege babatera ubwoba, bagacika rukendero. Icyo gihe abantu basahindura imitima yabo bumve ko ibyo bakora byose babifashwamo n'Imana kandi bibuke ko idakorera mu kavuyo ahubwo ikorera mu mucyo nabo bahereko bareke amatiku n'amacakubiri bibuke ko ifasha abishyize hamwe.

## VIII. IMIKORERE Y'ITANGAZAMAKURU

Tuzi ko itangazamakuru naryo ryagize uruhare rukomeye mu itsembatsemba(Radiyo y'impuzamugambi, kangura n'ibindi binyamakuru) mu kwamamaza amatwara no guhamagarira abanyarwanda kuryana. Kubera iyo mpamvu itangazamakuru rigomba kugira uruhare mu busabane bw'abanyarwanda:

* Ikigo cy'itangazamakuru na Radiyo y'igihugu bigomba guhamagarira abanyarwanda kwiyunga.

- Radio y'igihugu igomba kugira no kugeza kenshi ku banyarwanda amatangazo ashimishije kandi anogeye amatwi, ahamagarira abanyarwanda kwiyunga no gusabana ikanabereka akamaro kabyo. Icyo gihe abanyarwanda igihe bazaba basoma ibyo binyamakuru cyangwa bumva ayo matangazo bazibonera akamaro ko gusabana no kubana kivandimwe maze bahagurukire icyarimwe bashyira mu bikorwa ibyo basomye cyangwa bumvishe.

Leta y'u Rwanda igomba g[illegible] itangazamakuru ko rigomba kugenderera abaturage b'ingeri zose bakabacengezamo uburyo abantu basabana n'inyungu yabyo, maze aho babicengeje byabagiyemo bakabitangaza mu binyamakuru no kuri Radiyo. Icyo gihe abandi nibabyumva bazafata urugero maze nabo bahagurukire kwiyunga no gusabana.

Ni ngombwa ko itangazamakuru ribifashijwemo na Leta rigomba kwitabira akazi karyo kandi ritangaza amakuru yizwe neza, rinakorera mu mucyo kuko naryo rifite uruhare mu busabane n'ubwiyunge bw'abanyarwanda

Banyarwanda, batura rwanda, nk'uko twabibonye mu magambo arambuye akubiye muri iyi nyandiko, nimucyo duhagurukire icyarimwe, maze dusane urwatubyaye. Mwibuke ko twubaka dusana ibyasenyutse, atari ugutangira bundi bushya. Burya kandi ngo " utana yubaka aruta usenya". Duhagurukire icyarimwe, dushyireho umwete kuko biradusaba kuvunika ariko ngo "ushaka inka aryama nkazo".

Tubabarirane maze dusubire mu gacaca ka kivandimwe, twibuke ko ubujiji ariyo soko y'aya magorwa turimo, bwagiye nk'ifuni iheze. Rubyiruko dufatane urunana maze dukize uru Rwanda igitutsi rwagize, twibumbire mu mashyirahamwe, maze umubano n'ubusabane abe aribyo bituranga kuko ariyo migozi n'ibiti bisatanaga uru Rwanda rwacu.

Dutabarane dutera ikirenge mu cy'abakurambere bacu, twite ku mfubyi abakene n'abandi bakeneye kwitabwaho, maze Imana irusheho kuduhozaho ijisho idufasha muri byose. Leta y'u Rwanda n'inzego zose z'ubutegetsi, irasabwa nayo inkunga, ikitanga igakorera abaturage, ikarangwa n'umucyo, maze twese abanyarwanda; abakuru n'abato tukarushaho guharanira kubana no gusabana kivandimwe, u Rwanda rukongera rugasubirana ubusugi rwahoranye. Nimucyo rero amazi atarenga inkombe cyane, maze tukongera kurohama mu nyanja y'ubushyamirane n'umwiryane, dufatane urunana dukangukire ubufatanye.

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'UBUREZI**
**URWUNGE RW'AMASHURI**
**Y'ABAKOBWA I RAMBURA**

IRUSHANWA RYO KUVUGA NEZA
KUWA 11 KANAMA 1997

# ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA

MUKARURINDA Marie Thèrèse
Umwaka wa 5 Imbonezamubano

Bantu mwese muteraniye aha,
Banyacyubahiro n'ababungirije,
Baturarwanda n'ab'ibindi bihugu,
ndabashuhuje ngo munsuhurize n'abo
b'iyo kandi muti : « MUGIRE
AMAHORO MURISANGA KUKO
MUSANGA ABAGANWA ! »

Nk'uko mutubona aha rero, bamwe bazi icyaduteranyirije hano, hari n'abandi bataramenya ibango ry'ibanga rigizwe n'imigemo ikoraniwe muri iyi nteruro « ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA. » Ni muri urwo rwego tugira ngo turebere hamwe ukuntu twafata ingamba twifashishije inzego z'abatuye igihugu duhereye ku butegetsi, tugakomeza ku bucamanza, ndetse no kugera ku muturage, akaba aribyo rero mbashishikarije gutega amatwi.

Imana yacu ijya guhanga iyi si muruzi
Cyane cyane muri Afurika
Yabanjirije mu Rwanda rwacu
Ahandi igenda igenda ihasozera
Kuko imfura yayo yari ihetuye
Oya si ukurutaka irugira indatwa
Ruraribora rurahebuza.
Wakomeje kurangamirwa na benshi
Amahanga y'iyo bigwa arasukuma.

Kubera ubumanzi bwo wari wuje
Ukomeza kurarikirwa n'abandi
Gusa haje kuvumbukamo n'imirengwe
Imwe y'inda nini ndetse n'ubusambo
Rubanda rugufi ubwo rurapyinagazwa
Abandi bigurira amadege
Naho abanyabugome bacura inama
Gusa yo gutsemba abo batavuga rumwe
Oya si ukuzinduka iza rubika

Akagenda akurikiza ibyo binyazi
Benshi bigera igihe banyurwa nabyo
Ababyanze kandi barahonyorwa
Ngo n'ibyitso byitwaga F.P.R
Yitwa ubu ngubu ingabo z'igihugu
Arizo zahagaritse ayo marorerwa
Rero namwe ntimubyibagiwe
Wagiraga ngo n'ibimonyo bihonyorwa !
Ariko rero baturarwanda,
Ndetse n'abatwumva bateraniye aha

Dore imyaka ibaye itatu
Amezi yo sinyongeyeho.

Burya rero ngo : « Kwa Ntwari havuze induru, »
Ongera uti : « Kwa Bwoba havuga impundu ! »
Ni igihe cyo gutekereza,
Gusaba no gusabirana bigasubira
Emwe imisambi n'utwibo bikongera bikabohwa
Rwanda rwacu igasubirana
Erega twaciwemo icyuho !
Burya busambo bwakorwaga,
Abanyarwanda bavutswa ibyabo
Bagokeye batarabyibye
Ariko ntawihanira niko mbizi
N'ubwo yakora akari i Murori
Ese nta butegetsi bwari buriho ?

Ngo bube bwarashyikirijwe ibyo birego
Ese tugiye twihanira twese
Zazamura zite urwatubyaye
Amahanga nayo ko afasha uwifashije !

Kuva rero muri Mata 1994, nk'uko mubizi u Rwanda rwahuye n'ikibazo cy'ingutu, ariyo ntambara yiswe « ITSEMBABWOKO N'ITSEMBATSEMBA » yibasiye kandi igakorwa n'Abanyarwanda ubwabo. Kugeza na n'ubu ibikomere byaba iby'imibiri ndetse n'iby'imitima ya bamwe mu basaritswe n'ayo marorerwa bikaba bigikomeza ari nabyo ubu ngubu turimo dushakira umuti.
« Aho kwica RUTERA, wakwica ikibimutera ! » Dukurikije amateka twigishijwe n'ayo twagiye tubwirwa n'ababyeyi, u Rwanda rwari rutuwe kuva na kera n'amoko 3, ayo moko akagira imirimo iyaranga ariko agafatanya muri byose. Bityo umuhinzi agahahira umworozi, akamuha ubwatsi naho umworozi nawe akamuha ifumbire, akamukamira mbese bagacirana bagasukirana; umububumbyi nawe agatanga inkono zo guteka ndetse n'intango zo guterekamo izo nzoga tutibagiwe n'iminoga yo gutereka ayo mata, ubwo niko kandi baranashyingiranaga, bungura imiryango.
Bibaho biza kugeza igihe abazungu badukiye mu Rwanda abo ni babandi ba politike ya MPATSE IBIHUGU, batangira kwigisha Abanyarwanda bamwe ko bakandamiza, mbese bashyigikira ivangura kugeza ubwo Abanyarwanda bamwe bahungiye mu bihugu bidukikije; ubwo bavuga ko hari mu mwaka w'1959. Biratinda, abasigaye mu Rwanda nabo bafashijwe n'abategetsi bariho basa n'ababibagiwe, basa nka wa mubyeyi gito ujya mu nzu agakinga agatangira kwinezeza no kwirira, kandi hanze abana be bacura imiborogo kuko bishwe n'inzaran'imvura ibari ku mugongo; abana bamusaba kubakingurira agasubiza ko batakwirwa muri iyo nzu boshye iyo nzu atariyo yababyaye. Ubwo byageze igihe ba bana, ubwo ndavuga ba Banyarwanda bari hanze, barambiwe no kwitwa impunzi kandi bafite iwabo, basa n'abashyira hamwe basunika rwa rugi mbese kugira ngo binjire barebe koko ko batakwirwa muri ya nzu.
Icyo ni cya gihe intambara yo mu Ukwakira 1990 yatangiraga. Ubwo erega abaturage bamwe barahagwa ngo n'ibyitso, abandi barafungwa ndetse baranyongwa, rubanda rugufi nabo bigishwa ko abatera atari bagenzi babo b'Abanyarwanda ahubwo ko ari Abanyamahanga.

Bakomeje gusunika rwa rugi mbese imbaraga zibaye nyinshi, ab'imbere bemera imishyikirano, ariko mu by'ukuri iyo mishyikirano yari iyo kubeshyana.
Icyo gihe kandi havutse n'amashyaka, bityo abo mu gihugu nabo ntibavuga rumwe. Ngo « Impamvu ingana ururo. » Uwari umukuru w'igihugu yaje kugwa mu mpanuka y'indege mu ijoro ryo kuwa 6 Mata 1994, niho rero byabaye nko gukoma imbarutso maze Abanyarwanda guhera ubwo, uretse ko bari baratangiye n'igihe cy'amashyaka abantu barapfaga, ariko ubwo niho amarorerwa akomeye yatangiye Abanyarwanda barapfa by'agahebuzo, ari abakomeye n'abaciye bugufi kugeza yemwe no ku mutindi utagira inzara zo kwishima ! Ubwo ni ubwoko bwari bushyamiranye akibasirwa abatutsi, uretse ko n'amashyaka menshi ndetse n'iby'uturere byatije umurindi ayo marorerwa n'abantu bamwe bakabizira.

Banyarwanda,
Banyarwandakazi,
Bavandimwe,

Nk'uko nabivuze mbere, ubutegetsi bwariho mbere, nti bwarangije neza inshingano zabwo zo guharanira icyatuma Abanyarwanda bishyira bakizana bakaniteza imbere mu mahoro. Ahubwo n'abo bwatije umurindi b'abanzi navuze maze bushyigikira amacakubiri mu bwoko no mu turere, ukumva ngo uyu ni Umukiga, undi ni Umunyenduga bityo inzira y'umwanzi iba iragutse.
Niba se abategetsi bo ubwabo bo hejuru, barafataga iya mbere mu gutukana no guterana amagambo mu manama, ku ma radio no mu binyamakuru ndetse rimwe na rimwe no mu manama y'amashyaka, ubundi ukumva ngo umutegetsi runaka yapfuye, mu manzaganya, ubutegetsi ntibugire icyo bubivugaho, ni iki cyari gutuma abaturage bo batikiriza imbyino ba nyir'urugo bari bateye ? None se ko umuco mubi wo kudahana wari umaze guhabwa intebe ni iki cyari gutuma bene gukora amarorerwa badatizwa umurindi ?N'aho rero ubutegetsi ni bumenye kandi bwite ku nshingano zabwo, bwegere abaturage kandi buharanire icyabateza imbere mu bumwe, maze ububasha ubutegetsi bugira ku baturage bubukoreshe mu buryo bwiza kuko byagaragaye ko ubwo butegetsi butegeraga abaturage. Ubu rero ni habeho isomo ry'ibyabaye icyo gihe byagaragaje ko ubwo butegetsi bwaroshye abaturage aho kubayobora. Leta y'ubu rero nibe imwe nk'izina ryayo, yo yekuba iyo mu biro gusa ahubwo yumve ko abaturage bayikeneye nk'uko nayo ibakeneye, mbese boye no kubakanga nk'uko umuntu yahuraga n'umuturage yiruka cyane agiye guca umutima, wamubaza icyo ahunga akavuga ko abonye konsiye !
Nk'aho yagize ihumure ko abonye umurengerera, ahubwo akiheba. Na none abategetsi nibirinde guharanira inyungu zabo bwite cyangwa se izaho bavuka na none n'abo basangiye ubwoko nk'uko byaranze ubutegetsi bwahozeho, bityo biturutse mu butegetsi bw'ibanze Nyumba-Kumi kugeza muzo hejuru. Abaturage bahabwe agaciro bifatanije n'ubutegetsi bashakishe ukuri. Abategetsi b'intangiriro nibahugurwe ubutitsa mu byerekeranye n'uburyo bwiza bwo kuyoborana naho abakuru ni bibuke kandi bazirikane ko Abanyarwanda bavuga ngo « Umwera uturutsi ibikuru urakonyera »!

Banyarwanda,
Banyarwandakazi,
Bavandimwe,

Ubucamanza rero ni ikintu kigenzi kugirango rwaserera y'abajura, abicanyi n'abandi bahohotera inshike mu gihugu byongeye kandi no

kugirango igihugu kibeho mu ituze. Ariko kandi, kugirango ubwo bucamanza bube nyakuri, bugomba kurangwa n'UBUTABERA.
Kandi ubwo butabera nyakuri ni bwabundi bumenya guhana uwarengereye cyangwa se uwakosheje bubanje gushishoza, bukibasira wawundi wiyemeza kugira undi nkana, akirengagiza ko nawe afite uburenganzira bwo kubaho no gutunga ibyo yironkeye mu mahoro, amuziza ishyari, amatiku n'urwango.
Maze bakarenganura uwahohotewe ndetse byaba ngombwa bakamuhoza amarira.
Ubucamanza rero bwa mbere iyo buba butarateshutse kuribyo, ntabwo amazi yaba yaragombye kurenga inkombe ! Bwiyibagije ko buri wese afite uburenganzira bwo gutanga no kugaragaza igitekerezo cye, maze bwibasira abanyamashyaka mu karengane, ahubwo abanyarugomo barimo interahamwe zahekuye u Rwanda baratozwa bahabwa rugari !
Ubucamanza ni bufatanye n'abaturage kurebera hamwe aho ukuri guherereye, bukirinda amabwire n'umujinya w'abakorewe cyangwa bakomerekejwe n'iyi ntambara bugashishoza, u Rwanda ruzaba ruri mu nzira y'ubwiyunge nyakuri.

Banyarwanda,
Banyarwandakazi,
Bavandimwe,

Ubusanzwe iyo tuvuze abaturage, dusangamo abatuye igihugu b'ingeri zose. Aha rero turibanda kubaturage batagize ziriya nzego zavuzwe mu butegetsi n'ubucamanza, kandi tugendeye no mu miturire yabo ndetse n'imirimo n'ibigero by'imyaka.
Mu Rwanda dusangamo abatuye mu cyaro, ari nabo benshi, abatuye mu migi ndetse n'aba bana hamwe nk'abasirikare , abanyamadini ndetse n'abanyeshuri.
Duhereye kubo mu byaro rero, ni ba bandi dukunze gusanga batitaweho, ndetse bagahura n'ibibazo by'ingutu nk'indwara z'ibyorezo ndetse n'ubukene tutibagiwe n'ubujiji ari nabwo ahanini bwatije umurindi iri tsembabwoko n'itsembatsemba.
Umuturage ati : « Umutegetsi runaka ukomeye yavuze ngo mufate amacumu, imihoro, imiheto n'imyambi mwicane ! »
Abo baturage ntibazi impamvu, ingaruka, ntibazabona ndetse n'inyungu. Ariko cya cyago navuze cy'ubujiji kigakora ku bugome n'ubukene maze akegura intwaro, akibwira ati :
« Henga nge gusenyera runaka (umuturanyi mugenzi we)? Maze musahure ! » Bityo mpemuke ndamuke ihabwa intebe ityo mu banyarwanda.
Mu baturage ubwabo ni hatorwe abakangurambaga b'ibanze maze bajijure bagenzi babo bagendeye nabo ku mabwiriza n'inama, bahawe n'ababakurikiye bityo ubujiji bucogore, bwoye guha intebe ubugome n'ubwabo ari nabyo bifashijwe n'ubukene byateye ariya marorerwa yo muri Mata.

Tukivuga mu cyaro niho u Rwanda rwari rusigaranye agasanira k'umuco wa muco mwiza wa kera na kare umuco-karande w'Abanyarwanda watumaga babana, bakamenya ikizira bakakirinda, iby'amahanga bakabirebera aho gusa batabyigana kereka ibyubaka. Uwo muco niwongere uhabwe intebe biturutse mu cyaro no mu migi u Rwanda rugarure uburanga rwahoranye rukesha uwo muco. Kandi tuzi ko umuco ariwo utandukanya cyangwa se uranga igihugu n'ikindi bitewe n'amahame bene igihugu baba bagendera ho.

**Mu mijyi** rero ni bisunge mu byaro bahakomore uwo muco aho gusuzugurana, naho mu byaro bajijurwe n'abanyamugi, ndetse na bariya babana hamwe bafatanye ruzamuke.

**Abanyeshuri** ni batozwe amateka nyakuri y'inkomoko y'u Rwanda. basibe ibyanditswe cyangwa se byigishijwe n'abazungu babifitiyemo inyungu ahubwo bafate ayo bigishijwe n'ababyeyi ubwabo ndetse n'abarezi.
Abasirikari birinde gukandamiza abaturage babakandagiza inkweto, babatera ubwoba nkuko byaranze aba mbere. Ahubwo bashyire hamwe batahirize umugozi umwe, bafatanye n'abaturage gushaka no kurwanya umwanzi wabinjirana. Iyo biba byaragenze bityo ntabwo u Rwanda ruba rwarageze iwandabaga !

Abanyamadini bari bafite uburenganzira n'ubushishozi n'ubushobozi bwo kubanisha neza abantu, ariko kubera ko mu kwigisha ivanjiri rimwe bakambara uruhu rw'intama kandi ari ibirura. Abo ni bamwe muri bo nka wa mukobwa uba umwe agatukisha bose. Kugeza ubwo nabo batagitinya guharabikana : Ibyo rwose byari biteye isoni n'ikimwaro ! Ubwo rero ngirango abanyamadini bariho ubu niba barimo n'abari bahibereye ntibatinze kubona ko hatahombye abanyamashyaka gusa n'abategetsi b'igitugu, ahubwo ko n'abigishaga ijambo ry'Imana bari barayobye ubwabo.

Abanyamadini ni bubahirize « Kora ndebe iruta vuga numve » Aho kwirirwa bahogomba babwira abaturage (Abayoboke) ngo nibakundane, nibiyunge, basabane, kandi aribo ba mbere mu kwigisha amacakubiri, ahubwo babahe urugero mu mibanire yabo. Amadini nayo ni areke gushyamirana nk'amashyaka. Bityo bizatuma n'abayoboke bayo nabo biyunga (babone aho bahera).
Byaba byiza rwose amadini afatanije n'ubutegetsi ariko akareka kwivanga mu bitayarora nk'uko byaranze ubutegetsi bwa mbere yibohozwa ry'igihugu. Umutegetsi mu idini runaka yunganire uwa Leta ariko yoye gufata impu zombi, mbese yirinde guterurira ibivi bibiri icyarimwe no kuvanga amasaka n'amasakaramentu !
**Ababyeyi** nibo abana babo bazakomoraho umurage n'umuco mwiza wo kubana neza n'abandi. Duhereye kubyabaye muri Mata, twasanze ababyeyi nabo batarareze uko byari bikwiye. usanga nabo baragiye batoza abana babo bakiri bato iby'amoko n'uturere, aho rero niho wasangaga abantu basigaye bicishana, ugasanga umusore arajya kurambagiza mubo bahuje ubwoko kandi yaba atabikoze ise ntamukwere ! None se ko byagaragaye ko ibyo bitigeze byubaka haba na busa, byaroreye noneho abana bakongera bakigishwabakiri bato ko abanyarwanda bafite inkomoko imwe ! Niba se ababyeyi bo ubwabo badashoboye kubana neza hagati yabo, abana bazabikomora kuri nde ko umwana akurikiza umubyeyi ? Kandi « Mwene samusure avukana isunzu ! »
Ntibibuke ko uko batukana cyangwa se bacyurirana ibyababaye abana nabo bafata ubwo burere bubi kandi ngo « Uwiba ahetse aba abwiriza uwo mu mugongo. »

**Abarezi** ribo umuntu yakwita ababyeyi ba kabiri, nabo bafite umurimo utoroshye wo kuba abahuza babo bana (bareba).
Hambere, hariho umuco mubi mu mashuri wo kubaza no kwandika mu bitabo amoko y'abanyeshuri bigisha ibyo bigatuma abana bakuru bitandukanya, twafata nk'urugero mu gihe cy'itsembabwoko n'itsembatsemba umuntu akabwira undi ati « Ntugire icyo umbeshya twariganye wajyaga wiyandikisha mu batutsi ! »
Amateka yigishwaga abana ni asubirwemo naho ubundi aho kubaka azasenya, ahubwo abana basobanurirwe amavu n'amavuko y'Abanyarwanda. Uko ahoze batuje mbere nyuma bakaza gutandukanywa n'abari babifitemo uruhare n'inyungu zihariye bafite umugambi wo gutuma Abanyarwanda baryana.
Abarezi kandi nabo nibashobore kubana neza bityo bifatanija n'ababyeyi babatoze kubana neza, gukundana no kubana neza no koroherana nk'uko byahoze biranga aba kera. Nibatozwe

bagifite ibisage n'ibisunzu, ibyerekeranye n'umuco-nyarwanda maze bakurane nawo bityo bazirinde bawusazana. Kuko ntakuntu umuntu ataba yaratojwe izo ngeso nziza atamenya kuvuga ngo noneho abibwirwe ameze imvi ngo abyumve !

**Urubyiruko** narwo rubifashijwemo na Leta ruhagurukire gushaka kubana neza n'abandi. Ninde utazi ko urubyiruko arirwo mbaraga z'igihugu ? None se niba batarutoje imirimo rukiri ruto ahubwo rugahabwa imyitozo yo kugira nabi nk'uko byaranze ibihe byabanjirije itsembatsemba n'itsembabwoko, ubwo twaba tugana he ? Byagaragaje ko urubyiruko rutitaweho rugendanira kuko tuvuga ngo « Umwana apfa mu iterura ! « Niyo mpamvu twasaba Leta gushakira umuti wo kwita kuri bariya bana bandagaye ku mihanda aribo bita « RWANDA RW'EJO » maze bagororwe bataragangarara kuko niba ingamba zidafashwe hakiri kare ababishinzwe bazisama basandaye.
Naho urubyiruko rwo mu mashuri ni rwegere urwo mu cyaro maze bafanye bungurana ibitekerezo nta gusuzugurana mu busumbane bwabo. Bityo hifashijwe ibiganiro mbwirwa-ruhame, ingando, amashyirahamwe, imikino inyuranye ndetse n'amarushanwa bahure baganire. Leta isabwe gukora uko ishoboye maze urubyiruko rutiga, rukiga noneho cya cyorezo cy'ubujiji kigahashywa.

Banyarwanda,
Banyarwandakazi,
Bavandimwe

Nguko rero uko buri wese yagombye kugenza mu guharanira ubwiyunge bw'Abanyarwanda, naho njye ubabwira ibi ndi intumwa kandi ubwo butumwa bwanjye si nabucutsa ntabubahaye namwe ngo muzabungereze n'iyo bigwa mugira muti :

« Basangira ngendo dusangiye umurage
ko twarezwe twese n'umubyeyi umwe « RWANDA »
Akanga abamwoshya akiyama amabwire
Ari n'abaguraga abirabura bamugerageje kenshi
Ariko abatsembera akomeje ko adashaka ayo manjwe
Bamushukishaga ngo akunde agabe abe
Nkaho utwo dusaro twasumbye ubwo butatu !
Aho amariye gusaza bakomeza umurego
Bagera aho kumwinjirana batangira akabo
Abana be natwe duteshuka umurage
Duteshwa ibyacu dukora iby'abandi
Ubwo kandi nyakunyagwa ababonye umurindi !
Abonye icyo cyuho ashaka n'icyanzu
Ahera ubwo ngubwo atyaza imirindi
Acurisha ibizica abatamusagariye.

Koko rero,
« Isuri isambira byinshi igasohoza bikeya »
Umugambi we rwose wari uwo kutumara
Ariko waje kugamburuzwa n'intwari
Ni muze tubyange duhangane twe,
Dufatane urunana turwanye uwo mwanzi

Wasanze dutuje duterana uturezi
Ati : « Henga mbatanye
Mbatere ubutindi basigare basega !

MUTEGETSI Mutware, urasohoze abo utwara,
MUCAMANZA nawe, ujye uhera i Gacaca
Ukoreshe amategeko watojwe n'ibitabo
Urinde ruswa yasabitse ibisambo
MUTURAGE nawe,
Jya wibuka ko ari wowe ibi bireba
MUBYEBI wabyaye ukabyirura izo ntwari
Toza urubyiruko ndetse n'abo batoya,
Ituze n'itoto ritatse iri simbi,
Twarazwe twese n'uwaduhunze imidende
Dutoze abatoya kudatatira umuhigo ! »

Muri make rero kuba intambara yarashojwe n'abanyarwanda ubwabo, igakorwa nabo kandi akaba ari nabo isigira imisare n'inkovu, z'umubiri n'iz'umutima ni nako zizomorwa nabo ubwabo bafite ubushake bwo kurusana kandi ibyo bikaba ari inshingano za buri wese aho abarizwa mu kazi akora, bityo rero buri muturarwanda ni ashyiraho ake mu guteza imbere mu mibanire myiza y'abanyarwanda nta buryarya cyangwa se inyungu zihariye n'andi mayeri u Rwanda ruzaba ruteye intambwe igaragara. Kuko biteye isoni n'ikimwaro kumva igihugu gituwe n'amoko atatu gusa, kigakoresha ururimi rumwe gusa kiryana, nyamara hariho ibindi bihugu bituwe n'amoko arenga amagana adahuje indimi ariko abaturage babyo ntibagire iyo rwaserera y'amatiku. Gushaka ni ugushobora. Niba koko harimo ubushake kandi niba izo soni zifitwe na buri wese, icyo kimwaro kikaba gikora buri munyarwanda aho ari hose, ibyo rwose bizagerwaho. Naho niba Abanyarwanda ubwabo bose batarumva ko kwivangura no kwitandukanya ari ukwivamo ko ndetse ari n'ikinegu mu ruhande rw'amahanga bakigira nyoni nyinshi ibyo bizahoraho iteka !

Ni bibuke kandi ko ibintu ari magiririrane bityo n'abantu ni magiririrane, kandi ko : « Inkingi imwe itagera inzu ! » Maze buri wese afatanye na mugenzi we mu NZEGO zitari zimwe, ni uko twese hamwe nk'abitsamuye duhagurukire kurusana ari nako twisana.

Twese tugire tuti : « Harakabaho ubumwe n'amahoro by'Abanyarwanda,
Harakabaho ubusabane, ubwizerane n'ubwiyunge,
Aho kubaho umwiryane n'amacakubiri mu bana b'Abanyarwanda.
Bityo nkuko ibirenge bijya imbu mu kujya imbere,
Dutere imbere. Ak'imuhana kaza imvura ihise !

**MURAKOZE MUGIRE AMAHORO !**